REPUBULIKA Y'U RWANDA
Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge
B.P. 174 Kigali
Website: www.nurc.gov.rw
E-mail: unity@nurc.gov.rw

# RAPORO Y'IBIKORWA BYA KOMISIYO Y'IGIHUGU Y'UBUMWE N'UBWIYUGE

## Nyakanga 2013 - Kamena 2014

Nzeri 2014

## IBIKUBIYEMO


Ishakiro 2-3
Amagambo Ahinnye 4
Ijambo ry'ibanze 5
Iriburiro rusange 6

**IGICE CYA MBERE**

I. AMAVU N'AMAVUKO YA KOMISIYO Y'IGIHUGU Y'UBUMWE N'UBWIYUNGE N'INZEGO ZAYO 7

1.1 . Amavu n'amavuko ya Komisiyo 7
1.2 . Inshingano za Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge 7
1.3 . Inzego za Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge 8-9

**IGICE CYA KABIRI**

II. IBIKORWA BY'INGENZI BYA KOMISIYO MU MWAKA WA 2013 – 2014 10

1. GUSHYIRAHO INGAMBA NO GUKANGURIRA ABANYARWANDA UBUMWE N'UBWIYUNGE 11

1.1 Gahunda ya Ndi Umunyarwanda 11
1.2 Umunsi Mpuzamahanga w'Amahoro 63
1.3 Icyumweru cy'Ubumwe n'Ubwiyunge 67

2. UBUSHAKASHATSI 68

2.1 Imibanire y'abahoze bafungiye icyaha cya Jenoside n'abo basanze 68
2.2 Igitabo ku rugendo rw'ubumwe n'ubwiyunge mu Rwanda 71
2.3 Kumenyekanisha ibyavuye mu bushakashatsi 72

3.GUKURIKIRANA IYUBAHIRIZWA RY'AMAHAME NA POLITIKI BY'UBUMWE N'UBWIYUNGE 75

3.1. Gukurikirana amatora y'abagize Inteko Ishinga Amategeko umutwe w'abadepite 75
3.2. Ingamba zo gukurikirana ishyirwamubikorwa rya Politiki y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge 78
3.3. Gukurikirana ishyirwamubikorwa ry'imyanzuro ku bibazo byagaragaye mu idini rya ISLAM no mu Itorero rya ADEPR 83

4. GUKORANA N'IZINDI NZEGO NO GUHUZA IBIKORWA BIGAMIJE GUTEZA IMBERE UBUMWE N'UBWIYUNGE 84

4.1.Ubufatanye n'inzego za Leta 84

4.2.Ubufatanye n'imiryango itari iya Leta 86

4.3. Kongera ubushobozi bw'Abafatanyabikorwa 88

5. KUMENYEKANISHA IBIKORWA BY'UBUMWE N'UBWIYUNGE NO KWAMAGANA IBYABANGAMIRA UBUMWE N'UBWIYUNGE 101

5.1. Kumenyekanisha ibikorwa bitandukanye by'Ubumwe n'Ubwiyunge 101

5.2. Kugaragaza isura nyayo y'Ubumwe n'Ubwiyunge no kwamagana icyahembera amacakubiri mu banyarwanda 105

**IGICE CYA GATATU 106**

III.1. INGENGO Y'IMARI MU MWAKA WA 2013-2014 106

III.2. IMIKORESHEREZE Y'INGENGO Y'IMARI YAGENEWE NURC 106

**IGICE CYA KANE 108**

**UMWANZURO 108**

**IGICE CYA GATANU 110**

**V. IMIGEREKA** 110

5.1 Abashyitsi basuye Komisiyo 111

5.2 Ishyirahamwe Imyumvire Myiza ryahawe "Unity Award 2013" 113

5.3 Itangazo ry'umwiherero w'abayobozi b'amadini ya gikristu 115

**AMAGAMBO AHINNYE**

| | |
|---|---|
| CCM | : Center for Conflict Management |
| CNLG | : Commission Nationale de Lutte contre le Genocide |
| EAC | : Est African Community |
| EAR | : Eglise Anglicane au Rwanda |
| EDPRS | : Economic Development and Poverty Reduction Strategies |
| EER | : Eglise Episcopale au Rwanda |
| EWS | : Early Warning System |
| FARG | : Fond d'Aide aux Rescapés du Genocide |
| FPR | : Front Patriotique Rwandais |
| HRC | : Human Rights Commission |
| IRDP | : Insitute of Research and Dialogue for Peace |
| JAF | : Joint Action Forum |
| JRLOS | : Justice , Reconciliation, Law and order Sector |
| MINALOC | : Ministère de l'Administration Locale |
| MINEDUC | : Ministere de l'Education |
| MINIJUST | : Ministère de la Justice |
| NCC | : National Commission for Children |
| NURC | : National Unity and Reconciliation Commission |
| NUR | : National University of Rwanda |
| RCS | : Rwanda Correctionnal Service |
| RDB | : Rwanda Development Board |
| REB | : Rwanda Education Board |
| RGB | : Rwanda Governance Board |
| RRB | : Rwanda Reconciliation Barometer |
| SCUR | :Students Club for unity and Reconciliation |
| SFCG | : Search For Common Ground |
| TIG | : Travaux d'Interet General |
| ULK | : Universite Lbre de Kigali |
| UN | : United Nations |
| UNDP | : United Nations Development Program |
| USAID | : United States for International Development |



*Perezida wa Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge, Bishop John RUCYAHANA*

## IJAMBO RY'IBANZE

*Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge ni urwego rwashyizweho n'itegeko no 3/99 ryo ku wa 12/03/1999 nk'uko ryahinduwe kandi rikuzuzwa n'Itegeko no 35/2002 ryo ku wa 14/11/2002 bigashimangirwa n'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo ku wa 4 Kamena 2003, mu ngingo yaryo ya 178 nkuko ryavuguruwe kugeza ubu.*

*Itegeko 40/2013 ryo ku wa 16/06/2013 rihindura kandi ryuzuza itegeko no 35/2008 ryo ku wa 8/8/2008 rigena imiterere n'imikorere bya Komisiyo.*

*Kugira ngo Komisiyo irangize inshingano yahawe, hashyizweho Politiki y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge. Mu mahame y'ingenzi ngenderwaho mu kubaka ubumwe n'ubwiyunge harimo ingingo zikurikira :*

- *Gushyira imbere ubunyarwanda n'inyungu z'abanyarwanda bose mbere yo kwibonamo amoko, amasano, idini, akarere, igitsina n'ibindi;*
- *Kurwanya ivangura n'ihezwa iryo ariryo ryose;*
- *Kurwanya Jenoside n'ingengabitekerezo yayo;*
- *Gusenyera umugozi umwe mu kubaka igihugu;*
- *Komorana ibikomere no kubaka ubwizerane mu banyarwanda bishingiye ku kwicuza, gusaba imbabazi no kuzitanga, kuvuga ukuri no kubaka icyizere cy'ejo hazaza;*
- *Kwiha agaciro no gukunda igihugu .*

*Mu rwego rwo gukomeza gushimangira Politiki y'Ubumwe n'Ubwiyunge , hatangijwe gahunda ya NDI UMUNYARWANDA, igamije gukomeza gutoza abanyarwanda kwiyumvamo ubunyarwanda ( the Rwandan Spirit ) mbere y'ibindi byose , kubana mu mahoro nta rwikekwe, gushyira inyungu rusange n'iz'igihugu mbere y'inyungu bwite ,gukunda u Rwanda, kururinda no kuruteza imbere .*

*Turashimira Nyakubahwa Prezida wa Repubulika ku mpanuro n'icyerekezo cyiza aganishamo abanyarwanda,turashimira inzego zose n'abanyarwanda muri rusange uko bitabira Gahunda ya Ndi Umunyarwanda , by'umwihariko turashimira Umuryango "Unity Club" uruhare rwayo mu gutegura no kunoza iyi gahunda ya Ndi Umunyarwanda*

*Icyerekezo cya Komisiyo mu myaka iri imbere ni ugukomeza gushyira ingufu muri gahunda ya Ndi Umunyarwanda ,ikaba umusemburo w'impinduka mu myumvire , mu myitwarire mu mikorere no mu mibanire yacu nk'abanyarwanda bafite ishema ryo kuba abanyarwanda, bafite icyerekezo kimwe cyo gukunda igihugu, kukirinda no kugiteza imbere*

*Urugendo ni rurerure kuko tuva kure kandi habi, ariko aho tugeze harashimishije. Turishimira ubutagamburuzwa ku ntego n'icyizere abanyarwanda bifitemo kandi bafitiye ubuyobozi bwabo.*

*Amahoro y'Imana ku banyarwanda bose .*



*Dr. Habyalimana Jean Baptiste*
*Umunyamabanga Nshingwabikorwa wa Komisiyo*

**IRIBURIRO RUSANGE**

*Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge yishimiye gushyira ahagaragara raporo yayo y'ibikorwa by'umwaka wa 2013 -2014. Umwaka wa 2013-2014 waranzwe n'ibikorwa bitandukanye by'Ubumwe n'Ubwiyunge, byakozwe na Komisiyo ku bufatanye n'izindi nzego. Iyi Raporo iragaragaza ishyirwa mu bikorwa ry'inshingano Komisiyo yahawe uko ari 9, ibikorwa byakozwe bikubiye mu bice 5 by'ingenzi bikurikira:*

- *Gushyiraho ingamba no gukangurira abanyarwanda ubumwe n'ubwiyunge. Muri iki gice hakubiyemo ibikorwa byuzuza inshingano ya 2, iya 3 n'iya 5 za Komisiyo. Hakozwe ibiganiro kuri gahunda ya Ndi Umunyarwanda mu gihugu hose, kwizihiza Umunsi Mpuzamahanga w'Amahoro n' Icyumweru cy'Ubumwe n'Ubwiyunge.*

- *Gukora ubushakashatsi no gukora raporo ku miterere y'ubumwe n'ubwiyunge (inshingano ya 4 n'iya 7), hakozwe ubushakashatsi ku mibanire y'abahoze bafungiye icyaha cya Jenoside n'abo basanze, Komisiyo yatangiye kwandika igitabo ku rugendo rw'ubumwe n'ubwiyunge mu Rwanda, hanamenyekanishijwe ibyavuye mu bushakashatsi bwa "RRB, qualitative study 2013"*

- *Gukurikirana iyubahirizwa ry'amahame na politiki by'ubumwe n'ubwiyunge (inshingano ya 8), hakurikiranwe amatora y'abagize Inteko Ishinga Amategeko umutwe w'abadepite, hashyizweho ingamba zo gukurikirana ishyirwamubikorwa rya Politiki y'Igihugu y'Ubumwe n'ubwiyunge (Monitoring strategy). Komisiyo kandi yakomeje kungurana ibitekerezo n'abayobozi b'Itorero rya ADEPR n'idini rya Islam kubera ibibazo by'amacakubiri bikomeje kugaragara ,twanabakanguriye gushyira imbaraga muri gahunda ya Ndi Umunyarwanda.*

- *Gukorana n'izindi nzego no guhuza ibikorwa bigamije guteza imbere ubumwe n'ubwiyunge (inshingano ya 1 n'iya 9).Komisiyo yakomeje kubaka ubufatanye n'inzego za Leta, imiryango itari iya Leta no kongera ubushobozi bw'Abafatanyabikorwa.*

- *Kumenyekanisha ibikorwa by'ubumwe n'ubwiyunge no kwamagana ibyabangamira ubumwe n'ubwiyunge (inshingano ya 6). Muri iki gice Komisiyo imenyekanisha ibikorwa bitandukanye by'Ubumwe n'Ubwiyunge mu bitangazamakuru no ku mbuga nkoranyambaga, hakagaragazwa intambwe imaze guterwa mu bwiyunge n'imibanire myiza y'abanyarwanda, hakoreshwa kandi radio na televiziyo, abanyamakuru mu kugaragaza isura nyayo y'Ubumwe n'Ubwiyunge no kwamagana icyahembera amacakubiri mu banyarwanda.*

*Muri iyi raporo murasangamo kandi igice kigaragaza ingengo y'imari Komisiyo yahawe mu mwaka wa 2013-2014 nuko yakoreshejwe, n'ikindi gice kigaragaza inzitizi zigihari n'ingamba.*

*Komisiyo irashimira inzego zose zirimo iza Leta, Sosiyete Sivile, Amadini, Abikorera, Abaterankunga n'abanyarwanda muri rusange uruhare rwabo muri gahunda z'ubumwe n'ubwiyunge kandi twiyemeje gukomeza ubwo bufatanye mu nzira y'Ubumwe n'Ubwiyunge ngo tugere ku iterambere rirambye.*

*Mugire amahoro*

## IGICE CYA MBERE

### I. AMAVU N'AMAVUKO YA KOMISIYO Y'IGIHUGU Y'UBUMWE N'UBWIYUNGE, INSHINGANO N'INZEGO ZAYO

#### 1.1.AMAVU N'AMAVUKO YA KOMISIYO Y'IGIHUGU Y'UBUMWE N'UBWIYUNGE

Igitekerezo cyo gushyiraho Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge mu Rwanda cyagaragaye bwa mbere mu mishyikirano y'amahoro yaberaga Arusha muri Tanzaniya mu mwaka w'1993 hagati y'Umuryango wa FPR-Inkotanyi na Leta y'u Rwanda y'icyo gihe .

Jenoside yakorewe abatutsi mu Rwanda mu mwaka wa 1994 yatumye ishyirwaho rya Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge rirushaho kuba ngombwa no kwihutishwa.
Nyuma y'Ibiganiro nyunguranabitekerezo byahuje ibyiciro binyuranye by'abanyarwanda muri Village Urugwiro guhera mu mwaka wa 1998 kugeza mu wa 1999, hatangajwe raporo ikubiyemo imyanzuro mu nzego eshanu arizo: ubumwe n'ubwiyunge, demokarasi n'imiyoborere myiza, ubutabera, ubukungu n'umutekano mu Gihugu.

Umwanzuro wo gushyiraho Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge bw'Abanyarwanda waje gutorwa n'Inteko Ishingamategeko y'Inzibacyuho. Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge yashyizweho n'Itegeko 03/99 ryo ku wa 12 Werurwe 1999, nk'uko ryahinduwe kandi rikuzuzwa n'Itegeko N° 35/2002 ryo ku wa 14 Ugushyingo 2002. Komisiyo kandi iteganywa n'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo ku wa 04 Kamena 2003 mu ngingo yaryo ya 178 nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu.

#### 1.2. INSHINGANO ZA KOMISIYO Y'IGIHUGU Y'UBUMWE N'UBWIYUNGE

Itegeko no 40/2013 ryo kuwa 16/06/2013 rihindura kandi ryuzuza itegeko no 35/2008 ryo kuwa 08/08/2008 rigena imiterere n'imikorere bya Komisiyo. Nkuko biteganywa muri iri tegeko, Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge yahawe inshingano zikurikira :

1. Gutegura no guhuza gahunda y'ibikorwa by'Igihugu bigamije ubumwe n'ubwiyunge;
2. Gushyiraho no guteza imbere uburyo bwo gushimangira ubumwe n'ubwiyunge;
3. Gutanga inama no gukangurira abanyarwanda ibyerekeye ubumwe n'ubwiyunge;
4. Gukora ubushakashatsi, gukoresha ibiganiro mpaka, gusakaza ibitekerezo no gutangaza inyandiko bigamije gufata ingamba nshya zo kurushaho kubaka ubumwe n'ubwiyunge bw'abanyarwanda;
5. Gushyiraho ingamba z'ibikorwa byarandura amacakubiri mu banyarwanda bo mu gihugu n'ababa hanze, bigamije kurushaho kubaka ubumwe bw'abanyarwanda;

6. Kugaragaza, kwamagana no kurwanya ibikorwa, inyandiko n'imvugo bigamije gukurura ivangura iryo ari ryo ryose ryakorwa cyangwa ryakorerwa umunyarwanda cyangwa umunyamahanga;
7. Gukora raporo buri mwaka n'igihe bibaye ngombwa ku miterere y'ubumwe n'ubwiyunge bw'Abanyarwanda;
8. Gukurikiranira hafi uko inzego za leta n'iz'abikorera, imiryago nyarwanda itari iya Leta cyangwa imiryango mvamahanga itari iya Leta ikorera mu Rwanda, abayobozi n'Abanyarwanda muri rusange bubahiriza amahame na politiki by'ubumwe n'ubwiyunge bw'Abanyarwanda;
9. Gukorana n'izindi nzego zaba izo mu gihugu cyangwa izo mu mahanga zifite ibikorwa bifite aho bihurira n'inshingano za Komisiyo mu rwego rwo guteza imbere ubumwe n'ubwiyunge.

## 1.3. INZEGO ZA KOMISIYO Y'IGIHUGU Y'UBUMWE N'UBWIYUNGE

### 1.3.1 Inama y'Abakomiseri

Inama y'Abakomiseri ba Komisiyo ni urwego rukuru rwa Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge rugizwe n'Abakomiseri 12, rukagira biro igizwe na Perezida, Visi Perezida, Umunyamabanga Nshingwabikorwa akayibera Umwanditsi.



*Bishop RUCYAHANA John Perezida wa Komisiyo*



*UWIMANA Xaverine Visi Perezida wa Komisiyo*



*MUNYAMALIZA Edouard*



*MUKAMUSONERA M. Claire*



*Abbé CONSOLATEUR Innocent*



*DUSABEYEZU Thacienne*



*Pastor GASHAGAZA Deo*



*GASAMAGERA Benjamin*



*KAMANZI Mary*



*UMURUNGI Cynthia*

Abakomiseri 2 bagiye mu Nteko Ishinga Amategeko umutwe w'abadepite, nyuma y'amatora yabaye mu kwezi kwa cyenda 2013. Abagiye ni aba bakurikira:

- Madamu Tengera Francesca
- Cheikh Habimana Saleh

### 1.3.2. Biro ya Komisiyo

Biro ya Komisiyo igizwe na Perezida, Visi Perezida, Umunyamabanga Nshingwabikorwa akayibera Umwanditsi.

### 1.3.3. Ubunyamabanga buhoraho


Ubunyamabanga buhoraho ni urwego mpuzabikorwa, ruyoborwa n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa, bukaba bugizwe n'amashami y'imirimo akurikira:

Mu mwaka wa 2013-2014 hari amashami 2:

- Ishami ryo kubaka amahoro, gukumira no gukemura amakimbirane
- Ishami ry'ubutegetsi n'icungamutungo

Nyuma y'ivugurura ryakozwe mu mwaka wa 2014 -2015, imiterere y'urwego rw' ubunyamabanga Nshingwabikorwa yahindutse ku buryo bukurikira:

## NATIONAL UNITY & RECONCILIATION COMMISSION –ORGANIZATIONAL CHART



# IGICE CYA KABIRI

## II. IBIKORWA BY'INGENZI BYA KOMISIYO MU MWAKA WA 2013 – 2014

### 1. GUSHYIRAHO INGAMBA NO GUKANGURIRA ABANYARWANDA UBUMWE N'UBWIYUNGE

Gukomeza kubaka ubumwe, ubwiyunge n'amahoro arambye ni urugendo buri munyarwanda wese asabwa kugiramo uruhare, tukumva ko twese turi abanyarwanda, dusangiye Igihugu dufitemo uburenganzira bungana. Niyo mpamvu kugirango tubigereho, Komisiyo y'Ubumwe n'Ubwiyunge yahawe inshingano nyamukuru yo guteza imbere ubumwe n'ubwiyunge bw'abanyarwanda, hashyirwaho ingamba no gukomeza gukangurira abanyarwanda kubana mu mahoro, koroherana no gukorera hamwe kugirango turusheho kugira imibereho myiza no guteza imbere Igihugu cyacu.

Iki gice gihuza ibikubiye mu nshingano eshatu Komisiyo yahawe, zikaba zihuriye ku gushyiraho ingamba z'ibikorwa no gutanga inama byakubaka, bikanateza imbere ubumwe n'ubwiyunge bw'abanyarwanda, bikarandura amacakubiri mu banyarwanda bo mu gihugu n'ababa hanze, abanyarwanda bagakomeza gukangurirwa ubumwe n'ubwiyunge.

Ibikorwa biri muri iki gice byuzuza  inshingano zikurikira:

- **Gushyiraho no guteza imbere uburyo bwo gushimangira ubumwe n'ubwiyunge (inshingano ya 2);**
- **Gutanga inama no gukangurira abanyarwanda ibyerekeye ubumwe n'ubwiyunge (inshingano ya 3);**
- **Gushyiraho ingamba z'ibikorwa byarandura amacakubiri mu banyarwanda bo mu gihugu n'ababa hanze, bigamije kurushaho kubaka ubumwe bw'abanyarwanda (inshingano ya 5);**

### 1.1. GAHUNDA YA "NDI UMUNYARWANDA"

Amateka y'u Rwanda mu kinyejana gishize, yiganjemo byinshi byabangamiye isano hagati y'abanyarwanda. Uko ubuyobozi bwagiye buhindagurika kuva  mu gihe cy'abakoloni na nyuma yaho, imbaraga zabwo zakomeje kubakirwa  ku macakubiri yagize ingaruka ku mibereho n'imibanire by'abanyarwanda. Muri izo ngaruka twavugamo: gutakaza ubunyarwanda, ubuhunzi, guhezwa kwa bamwe ku byiza by'Igihugu, kwironda mu buryo butandukanye, iringaniza mu mashuri n'uburere bubi, ubwicanyi n'intambara byaje gusozwa na jenoside yakorewe Abatutsi  mu w'1994.

Nyuma ya jenoside yakorewe Abatutsi, Abanyarwanda banze kuba imbata z'amateka bimika umuco w'ibiganiro bashaka ikibubaka nk'abantu kikubaka n'Igihugu muri rusange.
Mu nzira ndende yo kubaka Ubumwe bw'Abanyarwanda u Rwanda rwageze kuri byinshi, mu by'ingenzi twavuga nko kubohora Igihugu no guhagarika jenoside, gushyiraho Leta y'Ubumwe bw'Abanyarwanda, Ibiganiro-nyunguranabitekerezo byo mu Urugwiro byatanze icyerekezo mu kubaka Igihugu, harimo Politiki y'Ubumwe n'Ubwiyunge bw'Abanyarwanda, Imiyoborere myiza, Umutekano, Ubutabera, Inkiko Gacaca, icyerekezo 2020...

Muri urwo rugendo, u Rwanda rumaze gutera intambwe ishimishije mu kubanisha no kubaka icyizere mu Banyarwanda bishingiye ku miyoborere myiza, umutekano uhamye no ku iterambere rusange.
Mu gukomeza guharanira ko ibyagezweho biramba kandi ko buri wese abigira ibye; ni ngombwa gushimangira ihame ndakuka ry'ubunyarwanda (Rwandan Spirit).

Ubushakashatsi bwakozwe ku bipimo by'ubumwe n'ubwiyunge, bugaragaza ko 99,2% bifuza ko abana babo bakwibona nk'abanyarwanda aho kwibona mu bindi bibatandukanya.
Ubushakashatsi ariko nanone bugaragaza ko hari bamwe mu banyarwanda bakirebanira mu ndorerwamo y'ibyiswe amoko. Niyo mpamvu ari ngombwa gukomeza gushyira imbaraga mu kubaka ubunyarwanda.

Mu biganiro byahuje urubyiruko (youth connect), rwagaragaje inyota yo gusobanukirwa no kumenya ukuri ku mateka y'Igihugu n'ay'imiryango bakomokamo....
Ni muri urwo rwego hatekerejwe gahunda igamije gukomeza ibiganiro bifite intego, yo gusobanukirwa no gusesengura amateka y'Igihugu cyacu cyanyuzemo hagamijwe komorana ibikomere biyakomokaho no kubaka ubunyarwanda. Iyo gahunda niyo yahawe izina rya "Ndi Umunyarwanda".

N'ubwo gahunda ya Ndi Umunyarwanda yumvikanye kandi ikagaragara nka gahunda nshya, ibikorwa n'ibiganiro bigamije kubaka ubunyarwanda byatangiranye n'urugamba rwo kubohora Igihugu, bikomeza nyuma yo guhagarika jenoside mu bikorwa byinshi byibanze gusana Igihugu no gusana umuryango nyarwanda muri rusange.

Umwihariko w'iyi gahunda ni uguhuza intambwe igenda iterwa ku rwego rw'Igihugu n'intambwe ya buri munyarwanda kugira ngo hatazagira usigara inyuma mu rugendo rwo kwiyubaka no gukira ibikomere.
Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge nk'urwego rw'Igihugu rufite inshingano zihariye zo gusana imibanire y'umuryango nyarwanda mu bufatanye na Unity Club Intwararumuri (Ihuriro ry'abayobozi riharanira ubumwe bw'abanyarwanda) bagize uruhare mu gutegura ku buryo bwimbitse uburyo iyi gahunda yagezwa ku banyarwanda mu nzego no mu byiciro byose.

Hateguwe imfashanyigisho, inyoborabiganiro n'ingengabihe y'ibiganiro. Ibiganiro bitangwa muri iyi gahunda ya Ndi Umunyarwanda byibanda ku ngingo z'ingenzi zikurikira:

- Amateka y'u Rwanda n'uruhare rw'abayobozi mu gusenya no kubaka Igihugu;
- Ibikomere twasigiwe n'amateka n'agaciro k'imbabazi;
- Inzira y'ubumwe n'ubwiyunge mu Rwanda;
- Gutanga ubuhamya.

Ishyirwa mu bikorwa ry'iyi gahunda ryakozwe mu bufatanye bw'inzego zose z'Igihgu; Inteko Ishingamategeko, Guvernoma, Inzego z'Ibanze na sosiyete civile binyuze mu biganiro bihuza abanyarwanda hirya no hino mu Gihugu.

Iyi gahunda yakozwe mu byiciro bibiri bikurikira :

- Icyiciro cya mbere cyakozwe muri Kanama-Ukuboza 2013
- Icyiciro cya kabiri cyakozwe muri Mutarama-Nyakanga 2014

Imbonerahamwe ikurikira iragaragaza ishyirwamubikorwa ry'iyi gahunda mu byiciro byombi.

**Gahunda ya Ndi Umunyarwanda ku rwego rw'Igihugu (Central level).**

| **Igikorwa** | **Igihe byakorewe** | **Abitabiriye ibiganiro** |
|---|---|---|
| Ihuriro rya gatandatu rya UnityClub/Gabiro | 11- 12/11/ 2013 | Abitabiriye umwiherero basaga 300 |
| Umwiherero w'abagize guverinoma kuri gahunda ya "Ndi umunyarwanda" | 8 – 9/11/ 2013 | Abagize Guvernema hiyongereyeho n'abandi batumirwa. |
| Umwiherero w'abagize Inteko Ishinga Amategeko kuri gahunda ya "ndi umunyarwanda" | 30/10/ - 01/11/ 2013 | Abagize Imitwe yombi y'Inteko Ishinga Amategeko |
| Gahunda ya "Ndi Umunyarwanda" muri za minisiteri n'ibigo bya leta | 13 /11- 03 /12/ 2013 | Ibiganiro byakozwe muri minisiteri 20, n'ibigo bizishamikiyeho. |
| Gahunda ya "ndi umunyarwanda" mu nama y'igihugu y'Umushyikirano | 6-7/12/ 2013 | Abitabiriye Umushyikirano >1000 |

**Gahunda ya Ndi Umunyarwanda mu miryango itegamiye kuri Leta.**

| Igikorwa | Igihe | Abitabiriye ibiganiro |
|---|---|---|
| 1.Umwiherero w'abahagarariye imiryango itegamiye kuri Leta (Civil society) | 26/9/2013 | 82 |
| 2. Umwiherero w'abanyamakuru n'abahanzi kuri gahunda ya "Ndi Umunyarwanda" | 26 -27/7/ 2013 | Abanyamakuru 65, Abahanzi 35 |
| *3.* Gahunda ya "Ndi Umunyarwanda" mu bagize Umuryango wa Ibuka. | 9/6/2013 | 250 |
| 4. Ibiganiro kuri gahunda ya Ndi Umunyarwanda n'abahagarariye amadini ya gikiristo akorera mu Rwanda. | 12-14/11/2013 na 23- 26/6/2014 | 65<br>82 |

**Ibiganiro kuri gahunda ya Ndi Umunyarwanda mu nzego z'urubyiruko**

| Igikorwa | Igihe | Abitabiriye ibiganiro |
|---|---|---|
| Urubyiruko rwo mu turere | 3/5-10/10/2013 | 22, 200 |
| Urubyiruko ruri mu mashuri makuru na Kaminuza 32 | 4-20/11/2013 | 22, 600 |
| **Bose hamwe** | | **44,800** |

**Gahunda ya Ndi Umunyarwanda mu nzego z'imitegekere zegereye abaturage**

| Igikorwa | Igihe | Inzego ibiganiro byatanzwemo |
|---|---|---|
| Ibiganiro kuri gahunda ya Ndi Umunyarwanda ku rwego rw'Akarere | 22-23/11/2013 | Mu Turere 30 |
| Ndi Umunyarwanda" ku rwego rw'Umurenge | 25/11/ 2013 | Mu mirenge 416 |
| Ibiganiro kuri gahunda ya Ndi Umunyarwanda ku rwego rw'akagali | | Mu Tugari tumwe hahurijwe imidugudu mu biganiro. |
| Gahunda ya Ndi Umunyarwanda ku rwego rw'Umudugudu. | 30/11/2013 | Imidugudu yose. |

**Gahunda ya Ndi Umunyarwanda muri Diaspora**

| Igikorwa | Igihe | Abitabiriye ibiganiro |
|---|---|---|
| a.Ibiganiro kuri Ndi Umunyarwanda" mu rubyiruko rwiga mu mahanga (diaspora) byabereye Gako/Bugesera | 04/8/ 2013 | 300 |
| *b.*Ibiganiro kuri gahunda ya "Ndi Umunyarwanda" mu Bubiligi | 30/11/ 2013 | 300 |
| *c.*Ndi Umunyarwanda" muri diaspora yitabiriye umushyikirano | 6-7/12/2013 | 64 |
| d.Umwiherero kuri gahunda ya Ndi Umunyarwanda n'abahagarariye u Rwanda mu mahanga(Ambassadors) | 10-15/3/2014 | 27 |
| e.Ibiganiro kuri guhunda ya Ndi Umunyarwanda byatanzwe mu itorero ry'abanyeshuri biga mu mahanga rya bereye i Gabiro | 13 – 25/7/2014. | 269 |

**Gahunda ya Ndi Umunyarwanda mu gutegura : Umunsi w'Intwari, Kwibuka 20 no kwibohora 20.**

| Igikorwa | Ibyiciro byaganirijwe | Igihe | Aho ibiganiro byabereye/abitabiriye |
|---|---|---|---|
| **a.Umunsi w'Intwari** | Abazayobora ibiganiro | 27-30/01/2014 | Imirenge 416 |
| | Abana biga mu mashuri acumbikira . | 30/1/2014 | Amashuri 250 |
| | Muri Gereza | 27/1-30/2014 | Gereza 14 |
| | Abaturage ku rwego rw'Imidugudu | 1/2/2014 | Imidugudu yose. |
| **b. Kwibuka 20:** Mu biganiro bisanzwe bitangwa mu gihe cyo kwibuka harimo ikiganiro kuri Ndi Umunyarwanda aho byaberaga hose. | | | |
| **By'umwihariko** | Kwibuka abana ku rwego rw'Akarere | 5/4 -16/7/2014 | Uturere 30 |
| | Umwiherero w'Urubyiruko i Musanze | Mata 2014 | Urubyiruko 350 |
| | Ibiganiro muri za Minisiteri n'Ibigo bya Leta | 14/03/2014-28/03/2014 | Minisiteri 20, Ibigo 68. |
| **c.Kwibohora20.** | Abayobozi ku Karere n'Umurenge. | 22-23/11/2013 | Uturere 30 |
| | Abayobozi ku Kagari . | 22-26 /6/ 2014 | Utugari twose. |
| | Abaturage bo mu Mudugudu | 28 /6/ 2014 | Imidugudu yose. |

**Ibiganiro kuri gahunda ya Ndi Umunyarwanda muri Gereza** (imibare y'abari muri gereza)

| No | Gereza zatanzwemo ibiganiro | Abagabo | Abagore | Bose |
|---|---|---|---|---|
| 1 | Gasabo | 4596 | 0 | 4596 |
| 2 | Musanze | 1591 | 417 | 2008 |
| 3 | Nyamagabe | 991 | 1356 | 2347 |
| 4 | Bugesera | 2956 | 0 | 2956 |
| 5 | Gicumbi | 1745 | 95 | 1840 |
| 6 | Ngoma | 321 | 580 | 901 |
| 7 | Kigali (Prison central) | | | 3700 |
| **Bose hamwe** | | **12200** | **2448** | **14648** |

# A.GAHUNDA YA “NDI UMUNYARWANDA” ICYICIRO CYA MBERE

**(Kamena-Ukuboza 2013)**

**Iriburiro**

Ku ikubitiro Gahunda ya ”Ndi Umunyarwanda” yabanjirijwe n’ibiganiro by’urubyiruko ku bufatanye n’Imbuto Foundation, MYICT na NURC. Ibi biganiro byabereye mu Turere twose no muri za kaminuza n’amashuri makuru bisozwa urubyiruko ruhura n’umukuru w’Igihugu Nyakubahwa Paul KAGAME ari naho rwagaragarije inyota n’icyifuzo cyo gusobanukirwa kurushaho n’amateka Igihugu cyacu cyanyuzemo no guhabwa urubuga rwo gukira ibikomere n’ipfunwe ayo mateka yabasigiye.

Mu gusubiza icyifuzo cy’urubyiruko Gahunda ya Ndi Umunyarwanda yatangijwe ku mugaragaro n’ihuriro rya 6 rya Unity Club Intwararumuri ku bufatanye na Komisiyo y’Igihugu y’Ubumwe n’Ubwiyunge ryo ku wa 11 na 12 Ukwakira 2013 i Gabiro.

Imirimo y’Ihuriro yabereye mu mwiherero w’iminsi ibiri, ihuriwemo n’abantu basaga 300 barimo Intwararumuri za Unity Club, abayobozi batandukanye mu nzego za Leta n’izindi nzego, abayobozi ba Polisi y’Igihugu n’abayobozi b’Ingabo, abayobozi b’Intara n’ab’Uturere, hamwe n’abandi batumirwa.

Imirimo y’Ihuriro yayobowe n’Umuyobozi Mukuru wa Unity Club, Nyakubahwa Madamu Jeannette Kagame. Atangiza inama yagaragaje uburemere bw’uwo mwiherero wagombaga kwiga no kungurana ibitekerezo kuri gahunda ya Ndi Umunyarwanda asaba buri wese gukomeza kwiyubakamo ubunyarwanda no kugira uruhare muri gahunda ya “Ndi Umunyarwanda” kugira ngo igere kuri buri munyarwanda.

### 1. Gahunda ya “Ndi Umunyarwanda” mu rubyiruko (Youth Connect)

Minisiteri y’Urubyiruko n’Ikoranabuhanga ku bufatanye n’Imbuto Foundation na Komisiyo y’Igihugu y’Ubumwe n’Ubwiyunge, yayoboye ibiganiro mu Turere 30. Ibyo biganiro byahuzaga urubyiruko ruvuye mu byiciro bitandukanye birimo amadini, amashyirahamwe na koperative, Inama y’Igihugu y’Urubyiruko n’urubyiruko rubana n’ubumuga. Urwo rubyiruko rwaganiriye ku bikomere rwatewe n’amateka mabi Igihugu cyacu cyanyuzemo, rutekereza ku nzira zo gukira ibyo bikomere hagamijwe kubaka Ubunyarwanda.

Gahunda ya “Ndi Umunyarwanda” mu rubyiruko yakorewe mu turere 30 tw’Igihugu hiyongereyeho Ikigo Ngororamuco cya Iwawa kiri mu Karere ka Rutsiro. Ibyo biganiro byabaye kuva ku wa 3 Gicurasi kugeza ku wa 10 Ukwakira 2013.

Muri rusange, urubyiruko rugera kuri **45.100** rwaturutse mu Turere, mu mashuri makuru na Kaminuza no muri Diaspora, rwaganirijwe birambuye mu rwego rwo kubafasha gukira ibikomere bitandukanye batewe n'amateka mabi yaranze u Rwanda batagizemo uruhare. Muri abo abagera kuri 80 batoranyijwe kuba intumwa za Gahunda ya "Ndi Umunyarwanda" muri bagenzi babo.

Mu mashuri makuru na za kaminuza ibiganiro byahuje abanyeshuri **22.600**. Byakozwe tariki ya 04/11/2013-28/11/2013.Muri iki cyiciro cy'ibiganiro bya Ndi Umunyarwanda, Urubyiruko **500** ruturutse mu gihugu hose ruhagarariye abandi rwahuye na Nyakubahwa Perezida wa Repubulika H.E Paul KAGAME, bongera kuganira ku mateka yaranze u Rwanda, gusangira ubuhamya bwa bamwe mu rubyiruko, banamugezaho ibyavuye mu biganiro urubyiruko rwagiranye.



*Nyakubahwa Perezida wa Repubulika Paul Kagame mu kiganiro n'urubyiruko*

**Ubutumwa Nyakubahwa Perezida wa Repuburika yagejeje ku rubyiruko**

Nyakubahwa Perezida wa Repubulika Paul KAGAME yibukije urubyiruko ko kurwita urubyiruko bidahagije, ko hari ibyo rugomba kuba rufite, ni ukuvuga agaciro rwihesha ari nako gaciro k'Igihugu. Yababwiye ko icyo uricyo kirimo agaciro kubera undi, nawe icyo aricyo kirimo agaciro kubera wowe. Kugira ngo ube icyo uri icyo ugomba kwiyemera kugira ngo n'undi akwemere.

Urubyiruko ni imbaraga z'igihugu; ibyananiye abakuru hari icyizere ko urubyiruko ni rurerwa neza ruzabikora. Yagize ati: "Kwikura mu kimwaro ni ubutwari ariko ntimukabe intwari igice, bivuge abantu bose babyumve.Umuntu w'Intwari yemera icyaha cye akemera n'icy'abandi iyo kimufiteho ingaruka. Niba bishoboka ko abamariwe imiryango batanga imbabazi bakabyemera, kuki ababikoze bo batasaba imbabazi?"

Yabibukije ko badakwiye kurerwa ngo bumve nabi, ahubwo ko bifitemo ubuzima, ubushobozi ,ubwenge badakwiye kwangiza kuko iyo wiyangije uba ufite icyo wambuye Igihugu. Yibukije urubyiruko ko Igihugu kirutezeho byinshi, bityo icyizere bafitiwe ntibagomba kucyambura agaciro gifite. Yakanguriye abantu gutinyuka bakitandukanya n'ikibi, ati "umuntu ntakice mu izina ryawe ngo uceceke. Abakora ibibi batsinda bate abashaka ibyiza? Iyo utinye kuvuga ibyo bakoze mu izina ryawe uwabikoze agira ingufu"...

**Umusaruro wavuye mu biganiro by'urubyiruko**

**Gusangira ubuhamya**

Ubuhamya bugaragaza ibikomere byo ku mutima, ipfunwe, agahinda, inyota yo gusobanukirwa uko ibintu byagenze n'ibindi, kandi bakagaragaza ko izo ngaruka z'amateka batagizemo uruhare n'ubu zikibariho, zikabangamira imibanire myiza n'iterambere byabo.

**Gukira ibikomere:**

Gahunda ya "Ndi Umunyarwanda" yafashije urubyiruko:

- Kubohoka umutwaro w'ipfunwe, agahinda, ubwoba, bamaranye igihe no kubaka icyizere kizira uburyarya mu muryango nyarwanda;
- Kumenya ukuri ku mateka yateye inzangano, amacakubiri n'ubuhunzi budashira mu bana b'u Rwanda; no gusobanukirwa uruhare rw'abakoroni mu kuryanisha abanyarwanda hamwe n'uruhare rw'abategetsi bayoboye u Rwanda nyuma y'ubukoroni;
- Kwiyubakamo urukundo, ishyaka n'umuhate wo gukorera Igihugu cyabo ibyiza mu rwego rwo guhindura isura yacyo yo mu gihe cyahise bongera kubaka ubunyarwanda;
- Kugaragariza abayobozi n'abakuru muri rusange uko urubyiruko rwumva ibibazo by'amateka mabi yaranze abanyarwanda, uko rubona imibanire ya bo muri iki gihe.



*Urubyiruko muri gahunda ya "Ndi umunyarwanda"*

**Igihango cy'urungano**

Nyuma ya buri cyiciro cy'ibiganiro bya "Ndi Umunyarwanda" mu Turere, urubyiruko rwagiranye igihango n'Igihugu cyabo, bagira ibyo biyemeza gukora kugira ngo kitazasubira mu mateka mabi nk'ayo cyaciyemo mu bihe byahise.

Ingingo z’ingenzi zikubiye mu gihango cy’urungano ni izi zikurikira:

- Gukunda Igihugu no kugikundisha abandi
- Kubaka Igihugu cy’amahoro
- Guharanira ubusugire bw’u Rwanda
- Kubaka u Rwanda rwifitiye icyizere kandi rufite icyerekezo
- Guharanira ubumwe bw’Abanyarwanda, imiyoborere myiza no guca ubuhunzi.
- Guhindura imyumvire y’abatarasobanukirwa na gahunda ya “Ndi Umunyarwanda”
- Gutanga amakuru y’abishwe muri Jenoside batarashyingurwa
- Kwibuka Jenoside no kurwanya ingengabitekerezo yayo
- Kurwanya ibiyobyabwenge mu rubyiruko
- Guharanira iterambere n’imibereho myiza y’abaturage
- Ukwishyira ukizana n’uburenganzira bwa muntu
- Guteza imbere umuco wo kwigira no kwihesha agaciro.
- Kunyomoza amakuru mabi avugwa ku Rwanda
- Kwerekana itandukaniro ry’urubyiruko rwa kera n’urw’ubu
- Kugira “Ndi Umunyarwanda” indamutso ihoraho
- Kwimakaza indangagaciro na kirazira by’umuco nyarwanda,…

**Ibyifuzo by’urubyiruko**

Nyuma yo kuganira no guhana ubuhamya ku mateka mabi yaranze Igihugu cyacu n’ingaruka zayo ku mibanire y’abanyarwanda muri rusange no mu rubyiruko by’umwihariko, urubyiruko rwatanze ibyifuzo bikurikira:

- Ibiganiro n’ubuhamya bitangwa bikwiye kujonjorwamo ibifite ubutumwa bwubaka urubyiruko, bigakorwamo udutabo duto, maze tugakwirakwizwa mu nzego zose z’urubyiruko n’amashuri kugira ngo dufashe mu gukira ibikomere no kubohoka ku ngoyi y’amateka mabi benshi muri bo batagizemo uruhare.
- Hakenewe udutabo duto tworoshye gusoma kandi dushobora kuboneka henshi ku isomo ry’amateka y’u Rwanda.
- Urubyiruko rwinshi rwagaragaje ko amatsinda (clubs) atandukanye abafasha guhura no gusabana batibona mu bisanzwe bibatanya. Ayo matsinda akeneye kwitabwaho no kongererwa imbaraga kugira ngo abe umuyoboro wo kunyuzamo ibitekerezo byiza, kujya impaka zubaka no gutanga umuti w’ibibazo bitandukanye bibaza cyangwa bahura na byo.
- Hakenewe inyigo zihariye z’amateka y’uduce tumwe na tumwe tw’u Rwanda dufite ibikorwa, imigenzo n’imico bizwi ko byigishije mu gihe cyahise kandi bikigisha indangagaciro z’ubunyarwanda buriho bwongera kubakwa muri iki gihe.

Muri rusange urubyiruko rwagaragaje ko rwishimiye ubuyobozi u Rwanda rufite muri iki gihe kubera ko nta vangura rikibaho ahubwo umuntu ahabwa amahirwe n'ubushobozi n'uburenganzira afite.

**2. Ihuriro rya gatandatu rya Unity Club kuri gahunda ya « Ndi Umunyarwanda »**

Ku bufatanye bwa Unity Club Intwararumuri na Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge, hateguwe ihuriro rya 6 rifite insanganyamatsiko igira iti "Ndi Umunyarwanda". Imirimo y'Ihuriro yabereye i Gabiro ku matariki ya 11 na 12 Ukwakira 2013, yitabirwa n'abantu basaga 300 barimo abanyamuryango ba Unity Club, abayobozi batandukanye mu nzego za Leta n'izidashamikiye kuri Leta, abayobozi ba Polisi y'Igihugu n'abayobozi b'Ingabo, abayobozi b'Intara n'ab'Uturere, hamwe n'abandi batumirwa.

**Intego z'ihuriro rya 6**

- Gukomeza no gukwirakwiza umuco w'ibiganiro bishingiye ku kuri hashimangirwa ubumwe n'ubwiyunge, hubakwa "Ndi Umunyarwanda".
- Gutanga urubuga rwo gusangira amateka y'abanyarwanda hagamijwe kurushaho kuyasobanukirwa no gufasha ababyiruka kuyakira;
- Gusesengura ibikomere twasigiwe n'amateka mu bihe no mu byiciro bitandukanye no gufashanya gukira ibyo bikomere;
- Kugaragaza imirongo migari yo kurushaho guteza imbere no guha agaciro umuco w'ibiganiro n'ubufatanye bw'abayobozi mu nzego zitandukanye z'ubuyobozi bw'ibanze no mu banyarwanda b'ingeri zose, by'umwihariko ku rubyiruko;
- Gutanga imbaraga n'agaciro ku bikorwa ntangarugero by'ubumwe n'ubwiyunge by'abanyarwanda, hatangwa igihembo "Unity Award 2013" hanatangizwa icyumweru cy'ubumwe n'ubwiyunge 2013-2014.

**Ingingo z'ingenzi zaganiriweho :**

Imirimo y'ihuriro rya 6 rya Unity Club mu bufatanye na NURC yaranzwe n'ibiganiro mbwirwaruhame ku ngingo zikurikira:

- Uko ubumwe n'ubwiyunge buhagaze muri iki gihe.
- Amateka y'imiyoborere mu Rwanda.
- Uko imiyoborere ya none ikomeza gushaka guhuza ibyemezo bigenwa n'ababigenerwa.

**Nyuma y'Ibiganiro mbwirwaruhame hakurikiyeho imirimo yo mu matsinda ku nsanganyamatsiko zikurikira:**

- Amateka y'u Rwanda n'abanyarwanda;
- Uburyo bwo kwigisha ababyiruka amateka (Transmission of History);
- Ibikomere twasigiwe n'amateka n'uko twabikira;
- Agaciro k'imbabazi mu gihugu nk'icyacu.

Muri iri huriro habayeho gutanga ubuhamya no gusaba imbabazi. Bamwe mu bitabiriye ihuriro basangije abandi uburyo babayeho mu bihe bigoye by'ubuzima banyuzemo.
Mu gusoza ihuriro hatanzwe igihembo "Unity Award 2013" hanatangizwa Icyumweru cy'ubumwe n'ubwiyunge.

**Igihembo cy'ubumwe n'ubwiyunge: "Unity Award 2013"**
Nkuko bisanzwe mu mahuriro ya Unity Club, ku bufatanye na Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge, kuva mu 2010, hatangwa igihembo ku bantu cyangwa ku mashyirahamwe yabaye indashyikirwa mu guharanira ubumwe n'ubwiyunge cyiswe "Unity Award". Twakwibutsa ko "Unity Award 2010" yahawe Nyakubahwa Perezida wa Repubulika, 2011 ihabwa ishyirahamwe Ubutwari bwo Kubaho, 2012 ihabwa ishyirahamwe Inyenyeri, igihembo cy'umwaka wa 2013 cyahawe ishyirahamwe "Imyumvire myiza" ryo mu Karere ka Ngororero.



*Abagize ishyirahamwe" Imyumvire myiza" bahabwa igihembo na Nyakubahwa Madamu Jeannette Kagame*

**Ibyemezo-ngiro rusange by'ihuriro rya 6 rya Unity Club**

Nyuma yo kuganira no kungurana ibitekerezo ku nsanganyamatsiko "Ndi Umunyarwanda" mu nteko rusange y'inama no mu matsinda, abari mu ihuriro bafashe ibyemezo-ngiro bikurikira:

- Gushyira imbere Ubunyarwanda, no gutesha agaciro uburyo "amoko" Hutu,Tutsi, Twa yakoreshejwe hagamijwe gusenya;
- Kugira Gahunda ya "Ndi Umunyarwanda" iyabo, no kuyigeza ku bayobozi b'inzego zitandukanye za Leta, abikorera, sosiyete sivili, amadini n'amatorero.....
- Kwamagana ababangamira Gahunda ya "Ndi Umunyarwanda" n'abahagurukiye gusenya ibyo twubaka nk'Abanyarwanda, aho baba bari hose;
- Gushyigikira iyigishwa ry'amateka n'iyimakazwa ry'Ubunyarwanda mu mashuri, mu madini, mu miryango n'ahandi, kandi bigashakirwa imfashanyigisho zikenewe;
- Guherekeza no kumurikira urubyiruko mu rugendo rwo kumenya no kwakira amateka y'Igihugu cyacu no kudaheranwa n'amabi arimo ahubwo bakayashingiraho birinda icyatatira ubumwe bw'abanyarwanda n'Ubunyarwanda (Rwandan spirit);
- Kwigirira icyizere, guharanira ukuri, no kwirinda amarangamutima ashingiye ku "bwoko" mu gukemura ibibazo;
- Guhoza ku isonga icyerecyezo kimwe ibindi bishingiyeho : u Rwanda n'abarwo, bizira guhungabanywa ukundi, bizira amakimbirane ashingiye ku moko cyangwa ku turere, ndetse n'ibindi byagenderwaho;
- Gushyigikira ko hashyirwaho "Amahame remezo ntayegayezwa (charte) y'Ubunyarwanda", atuma buri munyarwanda ashyira imbere inyungu z'Igihugu mbere ya byose;
- Gufata iya mbere mu kwisuzuma, kuvugisha ukuri, kwegera abaturage (aho dukomoka, aho dutuye, aho twakoraga...) kugira ngo batinyure abaturage kubaka umuco wo kuvugisha ukuri no kubaka ubunyarwanda;
- Gutegura neza kwibuka ku nshuro ya 20, hibandwa ku gutegura imitima ku mpande zombi ku buryo icyo gihe abantu bazaba bashobora gutanga no kwakira ubuhamya bw'abagize uruhare muri Jenoside yakorewe Abatutsi.
- Gushyiraho gahunda (road map) y'ibikorwangiro bishingiye kuri ibi byemezo kandi igashakirwa amikoro;
- Guteganya isuzuma ry'intambwe iterwa mu ishyirwa mu bikorwa ry'ibi byemezo-ngiro.

### 3. Umwiherero w’abagize Guverinoma kuri gahunda ya “Ndi Umunyarwanda”

Kuva kuwa 8 kugeza kuwa 9 Ugushyingo 2013, abagize Guverinoma bagize umwiherero kuri gahunda ya Ndi Umunyarwanda, watumiwemo abo bashakanye, abayobozi ba Komisiyo y’Igihugu y’Ubumwe n’Ubwiyunge n’abandi batumirwa.

Umwiherero watangijwe na Nyakubahwa Perezida wa Repubulika, Paul Kagame atanga impanuro zishimangira ko ukuri ariryo shingiro ryo gushaka ibisubizo by’ibibazo dufite twatewe n’amateka mabi Igihugu cyacu cyaciyemo, ko tuzabigeraho ari uko tuvugisha ukuri (to be politically and ideologically clear).

Muri uyu mwiherero, ibiganiro byibanze kuri gahunda ya « ”Ndi Umunyarwanda” », hatanzwemo ikiganiro ku mateka y’u Rwanda gifite inyito igira iti: Dusesengure amateka mabi y’Igihugu cyacu tugamije kubaka ejo heza hazaza: Uruhare rw’Ubuyobozi mu kubaka Ubunyarwanda (Critically examining our dark history towards shaping a bright future: Leadership responsibility in driving “Ndi Umunyarwanda). Abari mu mwiherero bahawe umwanya batanga ibitekerezo basangira n’ubuhamya butandukanye.

Ibyo biganiro byafashije abari mu mwiherero kugera ku myanzuro ireba abayobozi by’umwihariko n’ireba abanyarwanda muri rusange, imwe muri iyo myanzuro ni iyi ikurikira:

- Abagize Guverinoma bagaragaje ko bumva kimwe gahunda ya “Ndi Umunyarwanda” n’agaciro kayo kandi biyemeza kuyigeza ku bandi Banyarwanda bose;
- Abagize Guverinoma biyemeje kubaka ubunyarwanda: birasaba rero ko Abanyarwanda b’ingeri zose bakwisuzuma, ababa bafite ibitekerezo cyangwa imyumvire ibangamira ubumwe n’ubwiyunge bakiyemeza kwitandukanya nabyo;
- Abagize Guverinoma biyemeje gukomeza kugira ibiganiro bihoraho bakabwizanya ukuri ku mateka yacu kandi bakabwira n’Abanyarwanda ibyo bazi n’ibyo babayemo kuko ukuri ni ko kuzubakirwaho ubunyarwanda.
- Abagize Guverinoma bamaganye kandi bitandukanyije n’ikuririzwa ndetse n’ikoreshwa muri politiki ry’ibyiswe ubwoko bw’ubuhutu, ubututsi n’ubutwa byaranzwe no kuba « icyico » cy’u Rwanda; biyemeje kuba intwarabugabo za gahunda ya “Ndi Umunyarwanda” kuko ariwo mutima w’u Rwanda rushya dushishikariye kubaka.
- Abagize Guverinoma biyemeje kugira gahunda ya “Ndi Umunyarwanda” iyabo ngo ihinduke umuco kandi ko bazayikangurira Abanyarwanda bose, baba bari mu Rwanda cyangwa mu mahanga, n’abayobozi bo mu nzego zose kugira ngo bayigire iyabo, kandi bahore bazirikana ko u Rwanda rugomba iteka guharanira kudakora ikosa ryagira ingaruka zahungabanya Igihugu cyacu cyangwa ubunyarwanda.

- Abagize Guverinoma biyemeje kurwanya bivuye inyuma icyo aricyo cyose cyadusubiza inyuma muri gahunda yo kuba umunyarwanda muzima,…
- Abayobozi bari mu mwiherero w'abagize Guverinoma n'abandi bayobozi bose bari bawitabiriye, bashimiye Nyakubahwa Perezida wa Repubulika, Paul Kagame kubera ubuyobozi bufite icyerekezo "Visionary Leadership" yahaye u Rwanda ndetse n'umurongo ngenderwaho yatanze kuri gahunda ya "Ndi Umunyarwanda".

## 4.Umwiherero w'abagize Inteko Ishinga Amategeko kuri gahunda ya "Ndi Umunyarwanda"

Kuva ku wa 30 Ukwakira 2013 kugeza ku wa 01 Ugushyingo 2013, Abagize Inteko Ishinga Amategeko, Imitwe yombi, bakoreye Umwiherero i Gabiro. Uyu mwiherero waje mu rwego rwo gushyira mu bikorwa icyifuzo cya Unity Club ko ibiganiro bya "Ndi Umunyarwanda" byakorwa mu nzego zose.

Umuhango wo gufungura uyu mwiherero witabiriwe na Nyakubahwa Minisitiri w'Intebe, Perezida wa Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge, Guverineri w'Intara y'Iburasirazuba, Umuyobozi w'Akarere ka Gatsibo n'abandi batumirwa bari baje gutanga ibiganiro.

**Ingingo z'ingenzi zaganiriweho:**

Muri uyu mwiherero abagize Inteko Ishinga Amategeko baganiriye ku ngingo enye zikurikira:

- Uruhare rw'abayobozi mu gusenya no kubaka Igihugu,
- Uko ubumwe n'ubwiyunge buhagaze muri iki gihe,
- Ibikomere twasigiwe n'amateka n'umuti wabyo,
- Urugamba rwo kubohora u Rwanda.

**Intego z'uwo mwiherero:**

- Kugira urubuga rwo gusangira isesengura nyakuri ry'amateka y'Igihugu cyacu;
- Kugira urubuga rwo gushyira ahagaragara ibikomere bikomoka ku mateka no gufata ingamba zo kubyomora;
- Kugira urubuga rwo kwimakaza, kuvugisha ukuri ku birebana n'ibyatubayeho, kubisabira imbabazi ku bumva baratatiye ubunyarwanda no gutanga imbabazi ku bahutajwe muri aya mateka mabi y'Igihugu cyacu, kandi ibi byose bigakorwa nta gahato;
- Kwemeranya ku murongo ngenderwaho w'igikorwa cyo kugeza gahunda ya "Ndi Umunyarwanda" ku bandi Banyarwanda.

Nyuma y'ibiganiro no kungurana ibitekerezo, abagize Inteko Ishinga Amategeko imitwe yombi bagize umwanya wo gutanga ubuhamya ku rugendo banyuzemo mu mateka y'u Rwanda, hagamijwe komora ibikomere no kubaka ubunyarwanda maze biyemeza ibi bikurikira:

- Kugira uruhare mu ishyirwa mu bikorwa ry'imyanzuro yafatiwe mu mwiherero w'Abanyamuryango ba "Unity Club Intwararumuri" n'abandi bayobozi wo ku wa 11 na 12 Ukwakira 2013.
- Kwimakaza umuco wo gusasa inzobe no kuvugisha ukuri ku mateka twanyuzemo hagamijwe kubaka ubunyarwanda.
- Kwamagana abo ari bo bose bashingira ibikorwa byabo cyangwa imvugo zabo ku macakubiri ashingiye ku byagizwe amoko.
- Gushyira imbere ubunyarwanda n'inyungu z'abanyarwanda tukareka kwibonamo amoko, amasano, idini, igitsina n'ibindi;
- Kugira uruhare mu kwimakaza gahunda ya "Ndi Umunyarwanda" mu nzego zose z'abanyarwanda hifashishwa ibiganiro byimbitse n'ibikorwa ntangarugero;
- Kugira uruhare mu bukangurambaga bugamije kwimakaza indangagaciro ziranga umunyarwanda.
- Gusobanurira abakiri bato amateka nyakuri y'Igihugu cyacu.

Ibiganiro by'abagize Inteko Ishinga Amategeko byarakomeje na nyuma y'uwo mwiherero mu rwego rwo kungurana ibitekerezo no guhana ubuhamya.

## 5. Gahunda ya Ndi Umunyarwanda mu madini

### 5.1.Umwiherero w'abayobozi bakuru b'imiryango ishingiye ku idini

Umwiherero w'abayobozi bakuru b'imiryango ishingiye ku idini wabereye i Musanze mu Ntara y'Amajyaruguru kuva kuwa 12 kugeza ku wa 14 Ugushyingo 2013. Abitabiriye uyu mwiherero bari bahagarariye amadini n'amatorero akurikira: Kiliziya Gatulika, Anglican Church of Rwanda, ADEPR, CELPAR, ISLAM, Itorero ry'Abadiventiste b'Umunsi wa Karindwi, EMRL, AEBR, EPR, DELIVARENCE CHURCH, Zion Temple, Restauration Church, UEBR, n'ayandi.
Umwiherero watangijwe na Minisitiri muri perezidansi, usozwa n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa wa Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge.

**Abawitabiriye bafashe imyanzuro ikurikira:**

- Gushyigikira gahunda ya "Ndi Umunyarwanda" no kuyigira iyabo;
- Kubanza kwisuzuma no kwiyeza ubwabo mbere yo gusakaza iyi gahunda mu bayoboke babo;

- Gukoresha ibitabo bitagatifu mu gutegura inyigisho zifasha abantu gukira ibikomere, gusaba imbabazi, kubabarira no kwiyunga kandi izi nyigisho zigatangwa kenshi kugeza hagaragaye impinduka nyakuri.
- Gushyiraho amahuriro mu madini no mu matorero agamije kwimakaza ubumwe n'ubwiyunge biciye muri gahunda ya "Ndi Umunyarwanda" kandi mu byiciro bitandukanye.
- Gushakira hamwe uburyo bwo kwigisha mu miryango ishingiye ku idini gahunda ya "Ndi Umunyarwanda" kugira ngo itange umusaruro.
- Gukumira inyigisho z'amacakubiri mu miyoborere y'amadini.
- Gushyiraho ingamba zihamye zo gukumira no gukemura amakimbirane mu miryango ishingiye ku idini.
- Gukomeza kuba abavugizi beza b'u Rwanda no kwerekana isura nyayo y'u Rwanda mu bafatanyabikorwa babo mu Rwanda no mu mahanga.
- Gushyiraho urubuga ruhoraho rwo kunguraniramo ibitekerezo nk'umuyoboro w'imikoranire n'inzego za Leta.
- Gukora "film documentaire" igaragaza abayobozi n'abayoboke b'amadini n'amatorero bagize uruhare mu gusenya/guharanira ubumwe bw'abanyarwanda.

### 5.2. Umwiherero w' Abayobozi bakuru b' Amatorero n'Amadini bya Gikirisitu mu Rwanda

Abayobozi bakuru b'Amatorero n'Amadini ya Gikirisitu yo mu Rwanda, bakoze umwiherero i Musanze ku wa 8-11 Kamena 2014, basesengura uruhare rw'Amatorero n'Amadini ya Gikirsitu mu mateka y'u Rwanda n'ingaruka byagize kuri yo no ku gihugu zirimo Jenoside yakorewe Abatutsi muri Mata 1994.Basoza umwiherero basohoye itangazo rigaragaza aho bahagaze muri gahunda ya Ndi umunyarwanda n'uruhare rwabo mu kubaka ubunyarwanda .Iryo tangazo riri ku mugereka w'iyi raporo.

## 6. Umwiherero w'abanyamakuru n'abahanzi kuri gahunda ya "Ndi Umunyarwanda"

Minisiteri y'Urubyiruko n'Ikoranabuhanga ku bufatanye na RGB, NURC n'Imbuto Foundation bateguye umwiherero w'abanyamakuru n'abahanzi wabereye i Gashora, ku wa 26-27 Nyakanga 2013. Umwiherero witabiriwe n'abanyamakuru 65 n'abahanzi 35.

**Imyanzuro yafatiwe muri uwo mwiherero:**

Nyuma y'ibiganiro abanyamakuru n'abahanzi bamaze gusobanukirwa neza gahunda ya "Ndi Umunyarwanda", bafashe imyanzuro ikurikira:

- Kuvuguruza amakuru atari yo yatangajwe kuri gahunda ya "Ndi Umunyarwanda" no gutangaza amakuru nyayo.
- Gukora no gutangaza inkuru zubaka Igihugu kizira amacakubiri.

- Kwimakaza umuco w'amahoro n'ubworoherane hakoreshejwe ibihangano.
- Gufasha Abanyarwanda gusobanukirwa neza gahunda ya "Ndi Umunyarwanda" biciye mu itangazamakuru.
- Gufatanya n'inzego za Leta n'imiryango itegamiye kuri Leta mu bikorwa by'ubumwe n'ubwiyunge.
- Kugaragaza isura nyayo y'Igihugu mu biganiro bikorwa.

Kwirinda gutera urujijo mu banyarwanda kuri gahunda ya "Ndi Umunyarwanda" mu biganiro bitangwa.

**7. Gahunda ya "Ndi Umunyarwanda" mu bagize Umuryango wa Ibuka**

Ku wa 9 Kanama 2013 mu Kigo Iwacu ku Kabusunzu, Minisiteri y'Urubyiruko n'Ikoranabuhanga ku bufatanye n'Imbuto Foundation na NURC, yateguye ibiganiro kuri gahunda ya "Ndi Umunyarwanda" n'abanyamuryango bibumbiye mu muryango Ibuka. Umwiherero wahuje abanyamuryango **250** bahagarariye inzego za Ibuka mu Gihugu hose.

**Imyanzuro yafatiwe mu mwiherero wa Ibuka**

Nyuma yo kungurana ibitekerezo kuri ibi biganiro ndetse no gusesengurira hamwe ibibazo u Rwanda rwanyuzemo abagize umuryango Ibuka bafashe imyanzuro ikurikira:

- Gushyigikira gahunda ya "Ndi Umunyarwanda" no kuyigiramo uruhare kugira ngo irusheho kugenda neza;
- Kunoza itangwa ry'ibiganiro, ibyiciro by'abantu batandukanye bikegerwa kugira ngo bitegurwe bihagije, cyane cyane abacitse ku icumu rya jenoside yakorewe Abatutsi;
- Abari mu nama bashyigikiye igikorwa cyo gusaba imbabazi ariko zitari urwiyerurutso;
- Abari mu nama bashyigikiye ko icyerekezo cy'abanyarwanda ari kimwe (Vision) ariko bagasanga iki cyerekezo cyaherekezwa n'ubwizerane mu banyarwanda kandi bwaturuka mu gutinyuka bakaganira ku mateka ya Jenoside yakorewe abatutsi babwizanya ukuri.

**Abari mu nama batanze ibyifuzo bikurikira:**

- Basabye ko inzego za Leta zakongerera ubushobozi imiryango y'abarokotse Jenoside yakorewe abatutsi kugira ngo ishobore guherekeza abanyamuryango bayo muri iki gikorwa;
- Abari mu nama basabye ko ibiganiro kuri gahunda ya "Ndi Umunyarwanda" byajya bigenerwa umwanya uhagije kugira ngo bishobore kubyara umusaruro munini aho kuba umunsi umwe gusa;
- Abari mu nama basabye ko gusaba imbabazi byaherekezwa n'ibikorwa bifatika birimo: Kwihutisha ikibazo cy'indishyi zigatangwa, kurangiza imanza z'imitungo zaciwe n'Inkiko Gacaca; ndetse n'ibindi bibazo abarokotse Jenoside bafite.

## 8. Gahunda ya "Ndi Umunyarwanda" muri Minisiteri n'Ibigo bya Leta

Ibiganiro kuri gahunda ya "Ndi Umunyarwanda" byakozwe no muri Minisiteri n'Ibigo bizishamikiyeho, buri Minisiteri cyangwa Ikigo bagiye bagira umunsi wihariye abakozi bose bagafata umwanya wo kuganira kuri iyo gahunda.

**Ibyagaragaye:**

- Abakora muri Minisiteri n'Ibigo bya Leta, bafite inyota yo kumenya neza amateka y'Igihugu;
- Hakenewe umwanya uhagije wo kuganira ku bikomere bikomoka ku mateka.
- Bifuje ko ibiganiro byakomeza nibura buri gihembwe bakagira iminsi ibiri yo kuva mu kazi gasanzwe bakaganira, bagafata n'ingamba zo kurushaho kubaka ejo hazaza heza buri wese mu kazi akora.
- Ibiganiro byagenze neza cyane cyane mu nzego ziganjemo urubyiruko n'izifite abakozi bacye.

**Imyanzuro ihuriweho n'abitabiriye ibiganiro muri Minisiteri n'Ibigo bya Leta:**

- Gukomeza umuco wo kuganira ku mateka no kudaheranwa n'ibikomere byayo ahubwo akaba amasomo mu kubaka ejo hazaza;
- Gutega amatwi ibitekerezo by'abandi no gufashanya mu rugendo rwo gukira ibikomere;
- Guharanira ko buri wese gahunda ya "Ndi Umunyarwanda" ayigira iye aho kwibona mu ndorerwamo y'ubwoko cyangwa ikindi gitanya abanyarwanda;
- Gushyira imbere inyungu z'abanyarwanda muri rusange kurusha inyungu z'umuntu ku giti cye;
- Gukomeza kubaka indangagaciro zirangwa no kwigirira icyizere, gukunda igihugu, kugiteza imbere no guharanira ko ntacyagisubiza inyuma;
- Kwanga gukomeza kuba imbata z'amateka;
- Gutubura imfashanyigisho zikagera kuri buri wese kugirango abantu bakomeze kuganira kuri gahunda ya "Ndi umunyarwanda" aho bakora n'aho batuye;
- Gushyiraho amatsinda y'abafashamyumvire n'ihuriro ry'ibiganiro bya "Ndi Umunyarwanda" muri buri rwego kugirango bihoreho.

## 9. Gahunda ya "Ndi Umunyarwanda" mu nzego z'imitegekere y'Igihugu yegereye abaturage

### 9.1. Ku rwego rw'Akarere

Mu rwego rwo gutangiza Gahunda ya "Ndi Umunyarwanda" mu nzego z'imitegekere y'igihugu yegereye abaturage, hateguwe umwiherero w'iminsi ibiri muri buri Karere (20-23/11/2013) hagamijwe kumenyekanisha iyo gahunda ku bayozi no kubategura kuyigeza ku baturage bayobora. Muri uwo mwiherero hatumiwe abayobozi bakurikira:

- Abagize Inama Njyanama y'Akarere;
- Abagize Komite Nyobozi y'Akarere;
- Abagize Inama Njyanama z'imirenge;
- Abakozi bahagarariye abandi ku rwego rw'Akarere, Imirenge n'Utugari;
- Abayobozi b'Amadini;
- Abahagarariye abikorera
- Abayobozi b'ibigo by'amashuri makuru n'ayisumbuye;
- Abayobozi b'ibitaro n'ibigo nderabuzima;
- Abahagarariye imiryango itegamiye kuri Leta;
- Abahagarariye inzego z'umutekano;

**Imigendekere y'Ibiganiro ku rwego rw'Uturere muri buri Ntara**

**Intara y'Iburasirazuba**

Mu Ntara y'Iburasirazuba ibiganiro byaritabiriwe nk'uko bigaragazwa n'imbonerahamwe ikurikira:

| Akarere | Abitabiriye | Abagabo | Abagore | Abatanze ubuhamya |
|---|---|---|---|---|
| Kirehe | 252 | 199 | 53 | 5 |
| Nyagatare | 157 | 116 | 41 | 5 |
| Kayonza | 131 | 89 | 42 | 4 |
| Gatsibo | 116 | 95 | 21 | 4 |
| Bugesera | 181 | 132 | 49 | 13 |
| Ngoma | 282 | 198 | 84 | 3 |
| Rwamagana | 249 | 154 | 95 | 1 |
| **Bose hamwe** | **1.368** | 983 (72%) | 385 (28%) | 35 |

Mu turere twa Nyagatare na Kirehe: Abaturage baho barisanzuye batanga ubuhamya bunyuranye, harimo ubuhunzi abanyarwanda babayemo mu bihugu bitandukanye. Ubuhamya bwatanzwe n'urubyiruko bushingiye cyane cyane ku macakubiri bigishwa n'ababyeyi n'inshuti zabo.

Muri utwo turere kandi bagaragaje ko bititondewe hari amazina abantu bamwe biyita cyangwa bita abandi ashobora gufatwa nk'amoko akaba yateza amacakubiri. Batanze urugero mu mashuri aho bamwe bitwa aba FARG (bisobanura Abatutsi bari basanzwe mu gihugu) n'Abadehe (bisobanura abahutu bose n'abatutsi bavuye hanze), bisobanura uburyo amashuri na "bourses" z'abanyeshuri bitangwamo. Mu turere twose tw'Intara, abenshi batanze ubuhamya basobanuraga uburyo bahohotewe muri jenoside na mbere yaho.

Mu Karere ka Bugesera hari bamwe batanze ubuhamya bw'ukuntu batahutse bavuye muri FDLR bakagirirwa icyizere bakaba bari no mu nzego z'ubuyobozi.

**Intara y'Amajyaruguru**

Muri rusange mu ntara y'Amajyaruguru, gahunda ya "Ndi Umunyarwanda", yagenze neza nkuko byari biteganijwe nkuko bigaragazwa n'imbonerahamwe ikurikira:

| Akarere | Abatumirwa | Abitabiriye | Abagabo | Abagore | Igihe ibiganiro byabere | Umubare w'abatanze ubuhamya |
|---|---|---|---|---|---|---|
| Gicumbi | 238 | 231 | 164 | 67 | 20-21/11/2013 | 5 |
| Burera | 161 | 153 | 111 | 42 | 20-21/11/2013 | 4 |
| Rulindo | 212 | 202 | 131 | 71 | 20-21/11/2013 | 8 |
| Gakenke | 180 | 211 | 131 | 80 | 22-23/11/2013 | 23 |
| Musanze | 200 | 204 | 140 | 64 | 22-23/11/2013 | 10 |
| **Bose hamwe** | 991 | **1.001** | 677 (68%) | 324 (32%) | | 60 |

Nyuma y'ibiganiro byatanzwe ababyitabiriye bahawe umwanya batanga ibitekerezo n'ubuhamya.

Ingingo z'ingenzi zigize ubuhamya bwatanzwe

Ubuhamya bwatanzwe mu ntara y'Amajyaruguru muri rusange bugaragaza ko bakomerekejwe n'ibi bikurikira:

- Jenoside yakorewe abatutsi muri 1994: Hari uruhande rw'abakorewe jenoside bafite ibikomere bitandukanye; hari urundi ruhande rufite bamwe mu miryango yabo bateguye, bakanakora jenoside bikabatera ipfunwe; hari abatarahigwaga mu gihe cya jenoside batagerageje kugira uwo bakiza mu baturanyi babo bahigwaga nabo bumva ko ntacyo bamariye bagenzi babo;
- Ibikomere bishingiye ku kutagira ubwoko na bumwe bubemera: ku bavutse ku babyeyi b'abahutu n'abatutsi;
- Ibikomere bishingiye ku ntambara y'abacengezi;
- Ibikomere bikomoka ku buhunzi;
- Ibikomere bishingiye ku bagerageje gukiza abahigwaga ariko ntibabishobore, ubu bakaba batekereza ko babarwa nk'abandi bose batigeze bagerageza kugira icyo bakora;

**Intara y'Iburengerazuba**

Muri rusange mu ntara y'Iburengerazuba, gahunda ya "Ndi Umunyarwanda", yagenze neza nkuko byari biteganijwe nkuko bigaragazwa n'imbonerahamwe ikurikira

| Akarere | Abatumi we | Abitabiriye | Abagabo | Abagore | Igihe ibiganiro byabere | Umubare w'abatanze ubuhamya |
|---|---|---|---|---|---|---|
| Rusizi | 162 | 151 | 114 | 37 | 20-21 11/2013 | 11 |
| Karongi | 220 | 207 | 176 | 31 | 20-21 11/2013 | 8 |
| Rubavu | 162 | 151 | 111 | 40 | 20-21 11/2013 | 16 |
| Ngororero | 201 | 190 | 136 | 54 | 22-23 11/2013 | 18 |
| Rutsiro | 235 | 218 | 145 | 73 | 22-23 11/2013 | 9 |
| Nyamasheke | 265 | 252 | 178 | 74 | 22-23 11/2013 | 7 |
| Nyabihu | 200 | 212 | 142 | 72 | 22-23 11/2013 | 20 |
| **Bose hamwe** | 1445 | **1.381 (95%)** | 1002 (72%) | 379 (28%) | | 110 8% |

Muri rusange mu Ntara y'Iburengerazuba, gahunda ya Ndi Umunuyarwanda abantu bayakiriye neza, bikaba byaragaragajwe n'ubuhamya butandukanye bwagiye butangwa n'abantu batandukanye bagiye babohoka bakagaragaza ibyababakomerekeje mu bihe binyuranye by'amateka mabi abanyarwanda baciyemo. Ikindi cy'ingenzi nuko ubuhamya bwatangwaga bwakoraga ku mitima ya benshi bigatuma babohoka bakavuga, aho bamwe basabanaga imbabazi bavuga urwango bari bafitiye abandi, kandi ahanini biterwa no kutamenya.

**Intara y’Amajyepfo**

Kuva ku itariki ya 20/11 kugeza ku ya 23/11/2013 mu Ntara y’amajyepfo hatangijwe gahunda ya “Ndi Umunyarwanda” mu turere twose tugize Intara y’Amajyepfo:

| Akarere | Itariki | Aho byabereye | Abatumiwe | Abitabiriye | | | Ubuhamya |
|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | | | | Bose | Gabo | Gore | |
| **Kamonyi** | 20-21/11/2013 | Ecole Ste Bernadette | 211 | 206 | 116 | 90 | 43 |
| **Muhanga** | 20-21/ 11/2013 | Ecole Secondaire Erena guera | 223 | 192 | 120 | 103 | 23 |
| **Ruhango** | 20-21/11/2013 | Collège Adventiste de Gitwe | 149 | 129 | 77 | 52 | 56 |
| **Nyanza** | 21-22/11/2013 | Groupe Scolaire Mater Dei | 146 | 135 | 93 | 42 | 39 |
| **Huye** | 21-22/11/213 | Centre d’ accueil Mère du verbe Huye | 231 | 214 | 76 | 138 | 32 |
| **Gisagara** | 22-23/11/2013 | Centre d’accueil Mère du Verbe Huye | 146 | 122 | 70 | 52 | 46 |
| **Nyaruguru** | 22-23/11/2013 | Centre D’accueil Regina Pacis | 159 | 151 | 113 | 38 | 64 |
| **Nyamagabe** | 20-21/11/2013 | E.S Nyamagabe | 203 | 180 | 123 | 57 | 69 |
| **Bose hamwe** | | | 1468 | **1.329** **90%** | 672 | 482 | 372 |

Abenshi mu batanze ubuhamya bagarutse ku nzira y’umusaraba mu gihe cya jenoside . Mu buhamya kandi hari abagaragaje ko batewe ibikomere no kuba baturuka mu miryango ababyeyi badahuje ibyagizwe amoko.

Hagaragajwe ibikomere by'amateka bishingiye kw'ivangura ry'uturere .
Ubundi buhamya bwagarutse ku ngufu zakoreshejwe kugirango abaturage bitabire jenoside no gukuraho cg kwica abayobozi bari banze kwitabira jenoside ..

**Umujyi wa Kigali**

Mu Mujyi wa Kigali, gahunda ya "Ndi Umunyarwanda", yagenze neza nkuko bigaragara ku mbonerahamwe ikurikira.

| Akarere | Abatumirwa | Abitabiriye | Abagabo | Abagore | Igihe ibiganiro byabere | Umubare w'abatanze ubuhamya |
|---|---|---|---|---|---|---|
| Nyarugenge | 197 | 184 | 134 | 50 | 22-23/11/2013 | 4 |
| Kicukiro | 164 | 147 | 56 | 91 | 22-23/11/2013 | 14 |
| Gasabo | 348 | 326 | 157 | 169 | 22-23/11/2013 | 8 |
| **Bose hamwe** | 706 | **657 (93%)** | 347 (52%) | 310 (47%) | | 22 (3%) |

**Ubuhamya bw'ingenzi bwatanzwe**

- Hatanzwe ubuhamya ku bagize uruhare muri jenoside, baratinyuka basaba imbabazi abarokotse;
- Hatanzwe ubuhamya ku ruhande rw'abafite imiryango irimo abakoze Jenoside, bagaragaza ipfunwe ribariho nyuma ya jenoside;
- Hagaragaye ibikomere ku ruhande rw'abacitse ku icumu rya jenoside babuze imiryango yabo ubu bakaba bariyemeje kurenga ibibi bakorewe maze batanga imbabazi;
- Hatanzwe ubuhamya ku bafite ibikomere byo kuvutswa uburenganzira bwo kuba mu gihugu, babaye impunzi kubera amacakubiri ashingiye ku moko.

Abitabiriye ibiganiro bya gahunda ya Ndi Umunyarwanda mu Turere twose tw'igihugu: abayobozi n'abahagarariye abandi mu nzego zitandukanye ni: **5.736.**
Nyuma yo gutangiza gahunda ya Ndi Umunyarwanda mu Turere, ibiganiro byakomereje mu Mirenge

## 9.2. Ku rwego rw'Umurenge



Ibiganiro ku rwego rw'umurenge byatangiye ku wa 25 Ugushyingo 2013 mu gihugu hose bihuzwa n'icyumweru cy'ubumwe n'ubwiyunge, hanatoranywa umurenge umwe muri buri karere gitangirizwamo.

Ibiganiro byitabiriwe n'abakurikira:

- Abagize Inama Njyanama y'Umurenge
- Abanyamabanga Nshingwabikorwa b'Utugari
- Abafatanyabikorwa b'Umurenge
- Abayobozi b'Imidugudu
- Abahagarariye amadini akorera mu Murenge
- Abayobozi b'ibigo by'amashuri abanza
- Abakorerabushake mu Murenge.

## 9.3. Ku rwego rw'Umudugudu

Ibiganiro ku rwego rw'Umudugudu byitabiriwe n'abaturage muri rusange, bikaba byarakozwe hagati ya 27 na 30 Ugushyingo 2013, umunsi w'umuganda rusange ari nawo munsi hashojwe icyumweru ngaruka mwaka cy'ubumwe n'ubwiyunge. Ibiganiro byahuje abaturage batuye umudugudu, hari naho bagiye bahuriza hamwe imidugudu 2 cyangwa 3 yegeranye.

Imyanzuro yavuye mu biganiro mu nzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage (Uturere, Imirenge n'Imidugudu):

- Biyemeje kugira gahunda ya "Ndi Umunyarwanda" iyabo ;
- Biyemeje gushyira imbaraga mu kugeza iyi gahunda ya "Ndi Umunyarwanda" ku nzego zose, no ku baturage bose batuye muri buri Mudugudu;
- Biyemeje kongera imbaraga mu biganiro abaturage bakaganira ku mateka yabo kuko basanze ari inzira y' isanamitima;
- Nyuma yo kubona uruhare rw'ubuyobozi bwagiye busimburana mu guhembera amacakubiri (kuva ku gihe cy'Abakoroni kugeza kuri Repubulika ya kabiri) nk'uko babigaragarijwe muri "film documentaire", abitabiriye ibiganiro biyemeje kurushaho kuba intangarugero no gushyigikira gahunda y'Imiyoborere Myiza;
- Abayobozi bose biyemeje kumanuka bakegera abaturage bakabasobanurira neza Gahunda ya "Ndi Umunyarwanda";
- Abitabiriye ibiganiro bafashe umwanzuro wo gushyiraho «Clubs» zigamije gushimangira gahunda ya «Ndi Umunyarwanda» mu byiciro by'abaturage binyuranye nko mu mashuri, mu byiciro binyuranye by'urubyiruko n'ahandi;
- Gushyira imbaraga mu kwandika ibitabo by'amateka bigaragaza ukuri.

## 10. Gahunda ya Ndi Umunyarwanda muri Diaspora

### 10.1. Urubyiruko rwa diaspora

Kuwa gatandatu tariki ya 04 Kanama 2013 ibiganiro kuri gahunda ya "Ndi Umunyarwanda" byabereye i Gako mu Itorero ry'igihugu ryari rigenewe urubyiruko rusaga 300 rwiga mu mahanga.

Nyuma yo guhabwa ibiganiro binyuranye kuri Gahunda ya "Ndi Umunyarwanda", urubyiruko rwa Diaspora rwafashe umwanya wo kungurana ibitekerezo, bagaya abayobozi babi batatiye igihango bagasenya u Rwanda n'Ubunyarwanda, maze bashima ubuyobozi bwiza u Rwanda rufite ubu bwiyemeje kongera kubaka Igihugu n'ubunyarwanda. Urubyiruko rwiga mu mahanga rwasobanukiwe neza ko ubunyarwanda ari inkingi y'iterambere kuko nta terambere ryagerwaho abantu badashyize ubumwe bw'igihugu imbere. Biyemeje kwima amatwi umuntu uwo ari we wese uzongera kubabibamo urwango ndetse biyemeza kugirana igihango n'urwababyaye:

**Igihango cy'urubyiruko rwiga mu mahanga**

- Kurandura amacakubiri ayo ari yo yose mu rubyiruko;
- Gukangurira Abanyarwanda bagihisha abo bari bo mu bihugu batuyemo, bakabasaba kugira ishema ryo kwitwa abanyarwanda;
- Guhanga umurimo mu rwego rwo guharanira kwigira;
- Kuratira abo bazahura nabo ibyiza by'u Rwanda;
- Gukangurira abanyarwanda baba mu mahanga kwita ku ndangagaciro na kirazira by'umuco nyarwanda;
- Gukoresha imbaraga z'urubyiruko mu gukorera Igihugu;
- Gukunda Igihugu no kugikundisha abandi;
- Gushishikariza abanyarwanda umuco w'amahoro;
- Kujya inama nk'abanyarwanda;
- Gushora imari mu Rwanda;
- Nta we uzasenya ibyagezweho n'intore barebera;
- Guhagararira neza u Rwanda aho batuye mu mahanga.

### 10.2. Ibiganiro kuri gahunda ya "Ndi Umunyarwanda" mu Bubiligi

Gahunda ya "Ndi Umunyarwanda" yagejejwe no ku banyarwanda bari mu mahanga. Ibiganiro byabereye mu gihugu cy'u Bubiligi bihuza abantu **400**, kuwa 30 Ugushyingo 2013. Ibiganiro byatanzwe mu buryo bw'ikoranabuhanga ku buryo abanyarwanda aho bari ku isi hose bashoboraga kubikurikirana. Ingingo nkuru zaganiriweho ni izi zikurikira: Amateka y'u Rwanda n'ibikomere yasigiye abanyarwanda, inzira y'ubumwe n'ubwiyunge na gahunda Ndi Umunyarwanda. Nyuma y'ibyo biganiro bahawe urubuga rwo kubaza ibibazo, gutanga ibitekerezo no gusangira ubuhamya.



*Abitabiriye ibiganiro kuri gahunda ya "Ndi Umunyarwanda" i Buruseli, kuwa 30/11/2013*

**Umusaruro**

- Abitabiriye ibiganiro basobanukiwe na gahunda ya "Ndi Umunyarwanda"; bagaragaza ko mbere hari ibihuha ngo ni gahunda ije gutegeka abahutu bose gusaba imbabazi abatutsi, ariko abayitabiriye batanga ubuhamya ko ari gahunda basanga yubaka buri munyarwanda watewe ibikomere n'amateka mabi;
- Gahunda ya "Ndi Umunyarwanda" yafashije abayitabiriye hirya no hino gusobanukirwa neza amateka y'u Rwanda cyane cyane ku bavukiye mu mahanga cyangwa abamaze igihe kinini bahatuye;
- Bamwe mu banyarwanda baba mu mahanga biyemeje kutazongera gusebya u Rwanda na gahunda za Leta kuko byaterwaga rimwe na rimwe no kutazisobanukirwa neza;
- Iyi gahunda yafashije benshi bari bafite ipfunwe kubera ibyo abo mu bwoko bwabo bakoze, bituma babohoka basaba imbabazi kandi biyemeza kubikomeza no kubishimangira mu miryango yabo.

### 10.3. Ndi Umunyarwanda muri diaspora yitabiriye Umushyikirano

Inama y'Igihugu y'Umushyikirano ya 11 irangiye, abanyarwanda baba mu mahanga bari bayitabiriye bahawe umwihariko baganirizwa kuri gahunda ya "Ndi Umunyarwanda", kugira ngo barusheho kuyisobanukirwa. Iyo gahunda yitabiriwe n'abantu **68**. Uwo mwiherero wabo wamaze iminsi 3 maze bahabwa umwanya wisanzuye, baraganira, barabohoka ku buryo bose uko ari **68** batanze ubuhamya. Basoje umwiherero wabo biyemeje gukomeza kuba abambasaderi ba gahunda za Leta muri rusange na gahunda ya **"Ndi Umunyarwanda"** mu buryo bwihariye kuko kuyirengagiza byaba ari ugutakaza ubunyarwanda, cyangwa kwibagirwa uwo uri we.

### 10.4. Umwiherero w'Abahagarariye u Rwanda mu mahanga

Mu rwego rwo kugeza gahunda ya Ndi Umunyarwanda ku banyarwanda baba mu mahanga, Aba Ambasaderi **27** bahagarariye u Rwanda mu bihugu bitandukanye bakorewe umwiherero w'iminsi itatu, basobanurirwa iyo gahunda mu buryo burambuye, bafatira hamwe ingamba zo kuyigeza ku banyarwanda bahagarariye. Iki gikorwa cyakozwe na Komisiyo y'Ubumwe n'Ubwiyunge mu bufatanye na MINAFFET nyuma y'umwiherero w'Abayobozi bakuru b'igihugu (Werurwe 2014).

### 11. Gahunda ya "Ndi Umunyarwanda" mu Nama y'Igihugu y'Umushyikirano

Inama y'Igihugu y'Umushyikirano ya 11 yateranye kuva ku wa 6-7 Ukuboza 2013 yari yubakiye ku nkingi y'Ubunyarwanda. Iyi nama yari ifite insanganyamatsiko igira iti: "Ubunyarwanda: Inkingi y'Iterambere Rirambye". Inama yayobowe na Nyakubahwa Perezida wa Repubulika wayitangije yibutsa akamaro ko kwigira, kwihesha agaciro, gufatanya nk'Abanyarwanda ndetse no gufatanya n'ibindi bihugu. Yibukije kandi abayobozi ku nzego zose, gushishikariza abanyarwanda muri rusange na buri muntu ku giti cye, gushyira imbaraga mu kwihesha agaciro kugira ngo bidufashe kwiyubakira Igihugu ku buryo burambye.

Iyi nama yitabiriwe n'abantu barenga **1,000** barimo abagize Guverinoma, abagize Inteko Ishinga Amategeko, abayobozi b'ibigo bya Leta, abayobozi b'Ingabo na Polisi, abahagarariye ibihugu byabo n'imiryango mpuzamahanga mu Rwanda, abayobozi b'inzego z'ibanze, abayobozi b'amadini n'amatorero na sosiyete sivile bateraniye mu Ngoro y'Inteko Ishinga Amategeko. Urubyiruko rurenga **3,000** rwari muri Sitade Amahoro n'abandi bari bateraniye i Huye na Ngoma nabo barayikurikiye. Abandi banyarwanda benshi bayikurikiranye kuri Radio na Televiziyo no ku mbuga nkoranyambaga zitandukanye, batanga ibitekerezo banabaza ibibazo.
Gahunda ya "Ndi Umunyarwanda" ni imwe mu ngingo zaganiriweho mu buryo bwihariye. Ikiganiro kuri iyi gahunda cyatanzwe na Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge.

Inama y'Igihugu y'Umushyikirano ya 11 imaze kungurana ibitekerezo kuri gahunda ya "Ndi Umunyarwanda" yayifasheho imyanzuro 3 ikurikira (umwanzuro wa 24, uwa 25 n'uwa 26):

- Gushyiraho uburyo n'ingamba zihariye, zigamije gukurikirana no gukomeza ishyirwa mu bikorwa rya gahunda ya "Ndi Umunyarwanda", haba imbere mu gihugu no mu banyarwanda bo muri Diaspora;
- Gushyira mu nteganyanyigisho gahunda ya "Ndi Umunyarwanda" no kuyigisha mu byiciro byose by'amashuri;
- Kuganira kuri gahunda ya "Ndi Umunyarwanda" mu mugoroba w'ababyeyi.

## B. IBYAKOZWE MURI GAHUNDA YA “NDI UMUNYARWANDA” ICYICIRO CYA KABIRI (Mutarama-Nyakanga 2014).

Nyuma y’icyiciro cya mbere cy’ibiganiro kuri Gahunda ya “Ndi Umunyarwanda” cyibanze ku nzego nkuru z’Igihugu n’urubyiruko bikagera ku rwego rw’Akarere n’umurenge; icyiciro cya kabiri cyari kigamije gukomeza ibiganiro ku banyarwanda bose ku rwego rw’umudugudu.Ni muri urwo rwego kuri buri murenge hakozwe amahugurwa y’abazajya batanga ibiganiro kuri gahunda ya “Ndi Umunyarwanda “mu midugudu.

Ibiganiro kuri Gahunda ya “Ndi Umunyarwanda” ku rwego rw’umudugudu byatangijwe ku munsi w’Intwari (01/02/2014) kandi byahujwe n’ibiganiro byo kwizihiza umunsi w’intwari. Bizakomeza gutangwa mu nteko z’abaturage.

**Intego y’icyiciro cya kabiri cya gahunda ya Ndi Umunyarwanda:**

- Gutegura abazajya batanga ibiganiro ku mudugudu no mu nteko z’abaturage;
- Gukomeza gahunda ya “Ndi Umunyarwanda’’ ku banyarwanda bose binyujijwe mu biganiro mu midugudu.
- Guhuza gahunda ya Ndi Umunyarwanda n’umunsi w’intwari, kwibuka kunshuro ya 20 no kwizihiza isabukuru yo kwibohora ku nshuro ya 20.

**1.Guhugura abatanga ibiganiro mu midugudu**

Amahugurwa y’abatanga ibiganiro mu midugudu, yabereye kuri buri Murenge.
Ibiganiro byatangwaga iminsi 2 kuri buri murenge, byakozwe hagati ya 27-30/01/2014.
Byari biteguye ku buryo bukurikira:

### Umunsi wa mbere: Ibiganiro

| Ingingo z'ikiganiro | Ibyagarutsweho | Umusaruro wari utegerejwe | Imfashanyigisho zakoreshejwe |
|---|---|---|---|
| **Ndi Umunyarwanda (concept)** | -Igisobanuro cya gahunda ya ''Ndi Umunyarwanda''<br>-Impamvu shingiro ya Ndi Umunyarwanda<br>-Icyo iyi gahunda igamije | Abitabiriye ibiganiro basobanukiwe na gahunda ya "Ndi Umunyarwanda", amavu n'amavuko n'icyo iyi gahunda igamije. | Agatabo kuri gahunda ya ''Ndi Umunyarwanda'' |
| **Amateka y'ugusenyuka k'ubunyarwanda** | -Ubunyarwanda mu mateka y'u Rwanda<br>-Uruhare rw'Abakoloni mu gusenya Ubunyarwanda<br>-Uruhare rwa Repubulika ya mbere n'iya kabiri mu | Abitabiriye ibiganiro basobanukiwe uburyo Ubunyarwanda bwagiye busenyuka mu bihe bitandukanye byaranze amateka y'u Rwanda n'uruhare Abayobozi babigizemo, ibikomere byasizwe n'amateka n'ingaruka bifite ku buzima | -"Film documentaire" igaragaza uruhare rw'abayobozi mu gusenya no kubaka u Rwanda<br>-Ikiganiro: ''Amateka y'u Rwanda, Ibikomere n'Imbabazi'' |

| | | | |
|---|---|---|---|
| | gusenya ubunyarwanda<br>-Ingaruka zo gusenyuka k'Ubunyarwanda<br>(ibikomere rusange n'ibikomere by'abantu ubwabo) | bw'u Rwanda n'Abanyarwanda. | |
| **Inzira y'Ubumwe n'Ubwiyunge** | -Urugamba rwo kubohora igihugu no kongera kubaka Ubunyarwanda<br>-Gahunda zinyuranye z'ubumwe n'ubwiyunge: Komisiyo y'Ubumwe n'Ubwiyunge, inkiko Gacaca, Kuvanga ingabo, Gahunda zo kurwanya ubukene, guca akarengane;...<br>-Agaciro ko gusaba imbabazi no kuzitanga mu komorana ibikomere. | Abitabiriye ibiganiro basobanukiwe n'urugendo rwo kongera kubaka ubumwe no kunga abanyarwanda, kubaka ubunyarwanda nk'ihame shingiro rya Politiki y'ubumwe n'ubwiyunge; Ibimaze kugerwaho n'ibikwiye gushyirwamo imbaraga.<br>Basobanukiwe kandi n'agaciro ko gusaba imbabazi no kuzitanga mu gukira ibikomere by'amateka. | Ikiganiro "Inzira y'Ubumwe n'Ubwiyunge mu Rwanda |

**Umunsi wa kabiri: Imirimo yo mu matsinda**

| Ingingo zaganiriweho | Ibyibanzweho | Umusaruro wari utegerejwe |
|---|---|---|
| Ibikomere bikomoka ku mateka (ku muryango mugari,ku muntu ku giti cye) n'uko Gahunda ya "Ndi Umunyarwanda" yafasha gukira ibyo bikomere. | - Kugaragaza ibikomere bikomoka ku mateka n'ibikomere byihariye mu gace ibiganiro bitangirwamo<br>- ubuhamya<br>- Ingaruka bigira ku mibanire y'abaturage<br>-Uburyo babona Gahunda ya Ndi Umunyarwanda yabafasha mu gukira ibyo bikomere. | Abitabiriye ibiganiro bashoboye kugaragaza ibikomere bikomoka mu mateka bikigaragara mu gace batuyemo,uko ingaruka zabyo zigaragaza n'ingamba zo guhangana nabyo. |
| Agaciro k'imbabazi mu gukomeza kubaka Ubunyarwanda | - Imiterere y'ikibazo cyo gusaba imbabazi no kuzitanga mu gace ibiganiro biberamo<br>- Ingero zifatika n'ubuhamya.<br>- Inzitizi mu gusaba imbabazi no kuzitanga | Abitabiriye ibiganiro basesenguriye hamwe agaciro k'imbabazi no kuzitanga. Bagaragaje kandi ingero zifatika n'ubuhamya bwabo. |

**Abitabiriye ibiganiro :**

- Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge
- Umukozi ushinzwe imibereho myiza mu murenge
- Uhagarariye Ingabo /Umurenge
- Uhagarariye Police/Umurenge
- Perezida w'Inama Njyanama y'Umurenge
- Umunyambanga Nshingwabikorwa w'Akagari,
- Perezida w'Inama Njyanama y'Akagari
- Ukuriye komite y'abunzi mu Akagari
- Uhagarariye urubyiruko mu Akagari
- Abahoze ari abayobozi mu rwego rw'Akagari (3)
- Uhagarariye Abagore mu kagari
- Abahagarariye Amadini mu kagari ( 2)
- Abayobozi b'ibigo by'amashuri (Abanza n'Ayisumbuye)

- Uhagarariye Intore mu Kagari
- Umukangurambaga w'Ubumwe n'Ubwiyunge mu Kagari
- Umukuru w'Umudugudu.

Nyuma y'iki cyiciro cy'amahugurwa hakozwe ibiganiro kuri Ndi Umunyarwanda mu mashuri afite abanyeshuri biga bacumbika (boarding schools) byakozwe ku wa 31 Mutarama 2014 no mu midugudu yose aho byahujwe n'umunsi w'intwari ku italiki ya 1 Gashyantare 2014.

## 2. Ibiganiro mu Mirenge

### Intara y'Amajyaruguru

Mu Turere twose tugize Intara y'Amajyaruguru ibiganiro byaritabiriwe mu buryo bushimishije nk'uko bigaragara mu mbonerahamwe ikurikira:

| Akarere | Abatumiwe | Abitabiriye | Abagore | Abagabo | % |
|---|---|---|---|---|---|
| Musanze | 1462 | 1323 | 1074 | 249 | 90,4% |
| Burera | 1622 | 1608 | 300 | 1308 | 99,1% |
| Gakenke | 2013 | 1879 | 426 | 1568 | 93,3% |
| Rulindo | 1562 | 1530 | 425 | 1105 | 97,9% |
| Gicumbi | 2171 | 2169 | 569 | 1600 | 99,9% |
| **Bose hamwe** | 8830 | **8.509** | 2.794(32%) | 5.830(68%) | **96%** |



*Abitabiriye ibiganiro mu murenge wa Rusiga (Rulindo)*

**Ibitekerezo byatanzwe**

- Gukomeza gusobanura jenoside naho itandukaniye n'ubundi bwicanyi;
- Kwirinda amacakubiri n'ivangura aho byashingira hose;
- Gutoza abakiri bato uburere bukwiye bubakangurira kugira urukundo rutavangura bakiyumvamo isano y'ubunyarwanda kuruta ibindi byose;
- Gukomeza kuganira kuri Ndi Umunyarwanda mu mugoroba w'ababyeyi, nyuma y'umuganda, mu nsengero n'ahandi;
- Hatanzwe ibitekerezo ko gahunda ya Ndi Umunyarwanda yagera ku byiciro byose by'abanyarwanda by'umwihariko urubyiruko rutagize amahirwe yo gukomeza amashuri n'urubyiruko rudafite imirimo;
- Gushyigikira gahunda ya Ndi Umunyarwanda bibanda cyane cyane ko yagenerwa umwanya uhagije kandi uhoraho;
- Kwegera no gutinyura abagize uruhare muri Jenoside no kubafasha kwemera ibyo bakoze no kubisabira imbabazi;
- Gukomeza ibiganiro ku rwego rw'umudugudu mu nteko z'abaturage byibura rimwe mu kwezi.

**Intara y'Amajyepfo**

Mu Turere twose tugize Intara y'Amajyepfo ibiganiro byaritabiriwe mu buryo bushi-mishije nk'uko bigaragara mu mbonerahamwe ikurikira:

| **Akarere** | **Umubare w'imirenge** | **Abatumiwe** | **Abitabiriye** | | **Bose** | **%** |
|---|---|---|---|---|---|---|
| | | | **abagabo** | **abagore** | | |
| 1 Kamonyi | 12 | 1,203 | 827 | 332 | 1,159 | 96,3% |
| 2 Muhanga | 12 | 1241 | 892 | 371 | 1263 | 101,7% |
| 3 Ruhango | 9 | 1330 | 804 | 377 | 1183 | 89% |
| 4 Nyanza | 10 | 1097 | 838 | 265 | 1103 | 100,5% |
| 5 Huye | 14 | 1630 | 1089 | 491 | 1580 | 96,9% |
| 6 Gisagara | 13 | 1415 | - | - | 1388 | 98% |
| 7 Nyamagabe | **17** | 1799 | 1294 | 443 | 1737 | 96% |
| 8. Nyaruguru | 14 | 1367 | 920 | 404 | 1324 | 97% |
| **Bose hamwe** | | 11,082 | | | **10,737** | **96,8%** |

*Bamwe mu bitabiriye ibiganiro bya Ndi Umunyarwanda mu murenge wa Ngoma (Huye).*

**Ibitekerezo byatanzwe**

- Kudacika intege bitewe n'amateka mabi twaciyemo no kubaka umuryango nyarwanda wifitiye icyizere cyo kubaho;
- Kuganira ku mateka mabi yaranze u Rwanda, gusaba imbabazi no kuzitanga, bizatuma umuryango nyarwanda wiyubaka;
- Gushyiraho amatsinda (Clubs Ndi Umunyarwanda kuri buri mudugudu) yo kuganiriramo gahunda ya Ndi Umunyarwanda ku rwego rw'umudugudu ndetse ikarushaho kugera mu miryango bityo kuri buri mudugudu hakaba ibiganiro bihoraho kuri Ndi Umunyarwanda;
- Kwinjiza gahunda ya Ndi umunyarwanda mu nteganyanyigisho z'amashuri abanza;
- Gahunda ya Ndi Umunyarwanda ni nziza kuko ifasha kubohoka ipfunwe kandi kugendana ipfunwe bituma urifite atisanzura, akiheza, akumva adafite uburenganzira kandi ntawubumubujije, akifungirana iterambere rikamusiga;
- Gukora ibyiza no kwitabira gahunda nziza za Leta y'ubumwe bw'abanyarwanda bizatuma dutandukana mu mikorere n'ibyo Leta za mbere ya Jenoside zakoze kuko ikibi kigomba gukosorwa n'icyiza;
- Hatanzwe ibitekerezo binyuranye ariko bose bahuriza ko iyi gahunda igomba gukomeza kuko ariyo igomba gutuma abanyarwanda barangwa n'ukuri, bakabana nta rwikekwe no kwishishanya;
- Hifujwe ko hashyirwaho uburyo bwo gusuzuma buri nyuma y'amezi 3 uko gahunda ishyirwa mu bikorwa;
- Gushyira gahunda ya Ndi Umunyarwanda mu buzima bwa buri munsi, kuyitoza urubyiruko no kuyigeza ku bandi kandi hakongerwa ubukangurambaga kuri Ndi Umunyarwanda;
- Gutinyuka kugaragaza ibikomere by'amateka bigatangwaho ubuhamya bufasha guteza imbere gahunda ya Ndi Umunyarwanda.

**Intara y'Iburasirazuba**

Ibiganiro byaritabiriwe nk'uko bigaragara mu mbonerahamwe ikurikira:

| N0 | Akarere | Abatumiwe | Abitabiriye | Abagabo | Abagore | % |
|---|---|---|---|---|---|---|
| 1 | **Bugesera** | 1583 | 1582 | 1078 | 504 | 99,9% |
| 2 | **Rwamagana** | 1692 | 1684 | 1052 | 632 | 99,5% |
| 3 | **Kayonza** | 1176 | 1130 | 903 | 227 | 96% |
| 4 | **Ngoma** | 1324 | 1315 | 1018 | 297 | 99,3% |
| 5 | **Kirehe** | 1408 | 1350 | 1012 | 338 | 95,8% |
| 6 | **Nyagatare** | 2250 | 2278 | 1692 | 586 | 101,2% |
| 7 | **Gatsibo** | 1568 | 1548 | 1084 | 464 | 98,7 |
| **Bose hamwe** | | 11001 | **10.887** | 6855<br>73% | 2513<br>27% | **98,9%** |

**Ibitekerezo byatanzwe:**

- Iyi gahunda ikwiye kwita ku bagize uruhare muri jenoside by'umwihariko kuko hari aho usanga bahunga ibiganiro bisanzwe by'abaturage, bakiheza;
- Abaturage bakurikiranye ibiganiro basanga abangije imitungo mu gihe cya jenoside kugeza uyu munsi bakaba baratereye agati mu ryinyo, iyi gahunda ikwiye kubafasha gusubiza umutima inyuma bakishyura cyangwa se bakegera abo bagomba kwishyura bakabasaba imbabazi, naho ubundi bavuga ko byaba ari ukubeshyana kwicara mu biganiro bakiga uko baba umwe kandi hari ibyo inkiko Gacaca zemeje batubahirije;
- Hasabwe ko hashyirwaho akagoroba ka "Ndi Umunyarwanda" k'umudugudu na za "Clubs" za "Ndi Umunyarwanda" mu mashuri no mu rubyiruko rutiga

## Intara y'Iburengerazuba

Imbonerahamwe ikurikira iragaragaza uko ibiganiro byitabiriwe:

| No | Uturere | Abatumiwe | Abitabiriye | Abagabo | Abagore | % |
|---|---|---|---|---|---|---|
| 1 | Rubavu | 1 699 | 1 685 | 1 287 | 398 | 99,1% |
| 2 | Nyabihu | 1555 | 1473 | 1231 | 242 | 94,7% |
| 3 | Karongi | 1835 | 1838 | 1405 | 433 | 101% |
| 4 | Rutsiro | 1435 | 1399 | 1150 | 249 | 97,4% |
| 5 | Ngororero | 802 | 799 | 580 | 219 | 99,6% |
| 6 | Nyamasheke | 1497 | 1503 | 1079 | 424 | 104,4% |
| 7 | Rusizi | 1800 | 2190 | 1316 | 874 | 121,6% |
| **Bose hamwe** | | 10 ,623 | **10, 887** | 8, 048 | 2, 839 | **102,4%** |

**Ibitekerezo byatanzwe mu ntara y'Iburengerazuba**

- Abahuguwe kuri gahunda ya Ndi Umunyarwanda basanga iyi gahunda ari umuti w'ibikomere bahuye nabyo bityo biyemeje guhinduka mbere yo kujya guhindura abandi.
- Abahuguwe bemeje ko gahunda y'umugoroba w'ababyeyi yahabwa imbaraga aho bayobora kuko yatuma gahunda ya Ndi Umunyarwanda irushaho kugira agaciro kuko uwubatse umubyeyi aba ashinze inkingi ya mwamba y'urugo rw'umunyarwanda, biyemeza ko mu mugoroba w'ababyeyi iyi gahunda ya Ndi Umunyarwanda bazajya bayiganiraho ;
- Hemejwe ko inama zihuza ubuyobozi bw'imidugudu, ubw'utugari n'imirenge n'abaturage iyi gahunda ya Ndi Umunyarwanda yajya iganirizwa abaturage ndetse no mu gihe cy'umuganda rusange ;
- Biyemeje gushishikariza abo bayobora kudaha agaciro ibihuha bica ku maradiyo yo hanze y'igihugu cyacu ;
- Abitabiriye ibiganiro bafashe ingamba zo guhangana n'ibinyamakuru birwanya gahunda ya Ndi Umunyarwanda, bavuga ko abazi ikoranabuhanga bajya babeshyuza ibyo binyamakuru mu butumwa bazohereza kuri ayo maradiyo cyangwa no kuri facebook;...
- Hafashwe ingamba kandi zo gushishikariza abaturage gukora isesengura ry'ibyatangajwe n'ibinyamakuru byirengagiza nkana ibyabaye mu Rwanda.

**Umujyi wa Kigali**

Ubwitabire mu turere twose tugize Umujyi wa Kigali bwari ku rugero rushimishije nk'uko bigaragara mu mbonerahamwe ikurikira:

| **Akarere** | **Abatumirwa** | **Abitabiriye** | | **Bose** | **%** |
|---|---|---|---|---|---|
| | | **abagabo** | **abagore** | | |
| Kicukiro | 926 | 529 | 326 | 855 | 92,3% |
| Nyarugenge | 1063 | 747 | 383 | 1130 | 106,3% |
| Gasabo | 1342 | 688 | 543 | 1231 | 91.7% |
| **Bose hamwe** | 3331 | 1964 | 1252 | **3,216** | **96,5%** |

**Bamwe mu bitabiriye ibiganiro mu Mujyi wa Kigali**



*Ibiganiro mu Mujyi wa Kigali*.

Ibitekerezo byatanzwe mu mujyi wa Kigali:

- Amadini akwiye kugira uruhare rufatika mu kwigisha gahunda ya Ndi Umunyarwanda;
- Bashimye gahunda ya Ndi Umunyarwanda ko izafasha kubanisha abanyarwanda;
- Ndi Umunyarwanda ni igisubizo cyo gukuraho ipfunwe n'urwikekwe hagati y'abanyarwanda;
- Urubyiruko rukwiye kugira uruhare muri gahunda ya Ndi Umunyarwanda;
- Abitabiriye ibiganiro biyemeje gukomeza gushishikariza gahunda ya Ndi umunyarwanda abanyarwanda bose batuye mu Mujyi wa Kigali.

Abitabiriye ibiganiro bya Ndi umunyarwanda ku rwego rw'umurenge mu gihugu hose ni **44.236.**

### 3. Gahunda ya Ndi Umunyarwanda mu bigo by'amashuri yisumbuye

Ibiganiro mu mashuri byaranzwe n'amatsiko menshi kurusha icyiciro cy'abaturage. Abanyeshuri nyuma yo gukurikirana "film documentaire" ku mateka bibazaga niba bariya bayobozi nta bibazo byihariye bari bafite, kuri bo ugasanga batumva ubugome ndengakamere nk'ubwo abayoboye jenoside bagize, ko bwagirwa n'umuntu wize muzima.

**Intara y'Amajyaruguru**

| Akarere | Umubare w'ibigo by'amashuri |
|---|---|
| Musanze | 7 |
| Burera | 12 |
| Gakenke | 16 |
| Rulindo | 15 |
| Gicumbi | 8 |
| **Umubare w'ibigo byose** | **58** |



*Abanyeshuri mu biganiro bya Ndi Umunyarwanda*

### Intara y'Iburengerazuba

| N0 | Akarere | Umubare w'ibigo |
|---|---|---|
| 1 | Nyabihu | 11 |
| 2 | Ngororero | 6 |
| 3 | Rusizi | 16 |
| 4 | Nyamasheke | 12 |
| 5 | Rutsiro | 8 |
| 6 | Karongi | 7 |
| 7 | Rubavu | 13 |
| **Umubare w'ibigo byose** | | **73** |

### Intara y'Amajyepfo

| Akarere | Umubare w'ibigo by'amashuri |
|---|---|
| 1 Kamonyi | 6 |
| 2 Muhanga | 24 |
| 3 Ruhango | 8 |
| 4 Nyanza | 12 |
| 5 Huye | 15 |
| 6 Gisagara | 8 |
| 7 Nyamagabe | 6 |
| 8 Nyaruguru | 8 |
| **Umubare w'ibigo byose** | **87** |



*Ibiganiro kuri Ndi Umunyarwanda mu ishu-ri ryisumbuye rya Kiruhura (Huye)*



*Bamwe mu bashyitsi b'Abanyamerika baje gukurikirana ibiganiro.*

### Intara y'Iburasirazuba

| No | Akarere | Umubare w'ibigo by'amashuri |
|---|---|---|
| 1 | **Bugesera** | 6 |
| 2. | **Rwamagana** | 14 |
| 3 | **Kayonza** | 11 |
| 4 | **Ngoma** | 9 |
| 5 | **Kirehe** | 7 |
| 6 | **Nyagatare** | 10 |
| 7 | **Gatsibo** | 3 |
| **Umubare w'ibigo byose** | | **60** |

### Umujyi wa Kigali

| N0 | Akarere | Umubare w'Amashuri |
|---|---|---|
| 1 | Kicukiro | 14 |
| 2 | Nyarugenge | 5 |
| 3 | Gasabo | 9 |
| **Umubare w'ibigo byose** | | **28** |

Ibitekerezo byatanzwe n'abanyeshuri mu mashuri yisumbuye

Nyuma y'ibiganiro abanyeshuri batanze ibitekerezo bishyigikira gahunda ya Ndi Umunyarwanda, bagaragaza nibyo bazakora hagamijwe gukomeza kwimakaza amahoro arambye:

- Biyemeje kuba bamwe mu bazimakaza iyi gahunda mu miryango yabo baharanira ukuri;
- Gushinga clubs za Ndi Umunyarwanda mu bigo bigamo;
- Kubakira ku mateka baharanira ko ibibi byanduje isura y'ubunyarwanda bitazasubira ukundi.
- Biyemeje gukurikiza inama nziza n'impanuro bahabwa bakamaganira kure inyigisho n'ibitekerezo bibi byo ku mashyiga bigishwa n'ababyeyi babo;
- Ni byiza kubona abayobozi bafata iya mbere mu gutanga ubuhamya bubareba ku giti cyabo ndetse bagatinyuka kuvuga ubwoko bibonagamo ku mugaragaro, ndetse bagasaba imbabazi ku byabaye kuko bibera abandi urugero rwiza, kandi bigatanga icyizere cy'ejo hazaza heza cyane cyane ku rubyiruko.

Muri iki cyiciro cya kabiri cya gahunda ya Ndi Umunyarwanda, ibiganiro byatanzwe mu mirenge yose no mu mashuri yisumbuye **306** mu gihugu hose.

**4. Ibiganiro ku rwego rw'umudugudu**

Muri iki cyiciro cya 2 cy'ibiganiro bya Ndi Umunyarwanda, ku rwego rw'umudugudu byatangijwe ku munsi w'Intwari, ku wa 1 Gashyantare 2014. Mu biganiro byatanzwe ku munsi w'intwari hagaragajwe ko Ndi Umunyarwanda ifite aho ihuriye n'ubutwari cyane ko intwari irangwa n'indangagaciro z'ubunyarwanda, gukunda Igihugu no kukitangira, gukunda abanyarwanda no kugira ibikorwa bifitiye abanyarwanda bose akamaro.

Abahuguwe ku rwego rw'umurenge nibo bayoboye ibiganiro ku rwego rw'umudugudu. Ibiganiro byahuje abaturage batuye umudugudu. Basobanuriwe uburyo iyi gahunda ya "Ndi Umunyarwanda" yafasha mu gukemura ibibazo bikomoka ku mateka y'imiyoborere mibi no gukomeza gushimangira ubumwe n'ubwiyunge bw'abanyarwanda.

**Uko gahunda ya Ndi Umunyarwanda yakiriwe ku rwego rw'umudugudu.**

- Abaturage bishimira ko abayobozi bakuru b'Igihugu bayigize iyabo kandi ko abaturage bahabwa umwanya wo gusasa inzobe bakaganira ku bikomere batewe n'amateka mabi Igihugu cyagize bityo bikabafasha gukira ibikomere ;
- Bagaragaje ko basobanukiwe kurushaho icyo gahunda ya "Ndi Umunyarwanda" igamije kandi ko basanze iziye igihe;
- Bishimiye kubona umwanya wo kuganira ku byabaye aho batuye.

**Ibitekerezo byavuye mu biganiro byo mu midugudu**

- Abaturage bishimiye ibiganiro kuri gahunda ya Ndi Umunyarwanda basaba ko bajya babigarukaho no mu yandi mahuriro abahuza;
- Bishimiye ko Leta yashyizeho umunsi w'Intwari kuko bituma duha agaciro gukora neza, no kwitangira abandi;
- Abaturage basanga iyi gahunda yaje gufasha gukuraho imyiryane mu banyarwanda ndetse n'urwikekwe rwatewe n'ingaruka za jenoside;
- Abakurikiranye ibiganiro bashima imiyoborere myiza tugezeho ndetse banagaya ubuyobozi bubi bwimakaje amoko, amacakubiri bikatugeza kuri jenoside yakorewe abatutsi muri Mata 1994;
- Abaturage mu midugudu bifuje ko iyi gahunda yajya yigishwa abana bakiri bato mu mashuri n'ahandi;.
- Hifujwe ko iyi gahunda yaganirizwa abaturage bose hibandwa ku rubyiruko no gushishikariza abakuze gufasha urubyiruko kumva neza ibyabaye kugirango hubakwe amateka mazima.



*Abaturage bo mu Mudugudu wa Kadahokwa umurenge wa Gishamvu/Huye mu kiganiro*

### 5. Ndi Umunyarwanda mu Kwibuka ku nshuro ya 20

Ibiganiro byatanzwe mu gihe cyo kwibuka ku nshuro ya 20 Jenoside yakorewe Abatutsi mu mwaka w'1994, byahujwe na gahunda ya Ndi Umunyarwanda, hagamijwe gukomeza gufasha abanyarwanda, kwibuka biyubaka.

Ikigamijwe mu guhuza gahunda ya Ndi Umunyarwanda no kwibuka ku nshuro ya 20

- Gahunda ya Ndi Umunyarwanda igamije gushimangira no gukomeza ibiganiro byo kubaka ubunyarwanda.
- Gufasha abanyarwanda Kwibuka ku nshuro ya 20 Jenoside yakorewe Abatutsi, biyubaka, bafata ingamba zo kubaka ejo heza.
- Gukuraho zimwe mu nzitizi zikigaragara mu rugendo rw'ubumwe n'ubwiyunge ari izishingiye ku mateka, ku bikomere, ku bwishishanye, kurebana mu ndorerwamo y'amoko, Ingengabitekerezo ya Jenoside; kwanga kwemera icyaha no gusaba imbabazi.

#### 5.1. Ibikorwa byakozwe n'urubyiruko

Mu rwego rwo kwibuka genocide yakorewe abatutsi ku nshuro ya 20; urubyiruko nk'imbaraga z'Igihugu, nyuma yo gukurikirana ibiganiro kuri gahunda ya **Ndi Umunyarwanda,** mu muganda hakozwe ibikorwa bitandukanye:

1.Kwibuka " Global Conversation and Global Umuganda": iki gikorwa cyakozwe tariki ya 28-30 Werurwe 2014, cyahuje abagize urunana rw'Urungano **350** bari bavuye mu turere twose, amashuri makuru na Kaminuza, cyabereye mu karere ka Musanze, kikaba cyaratangijwe n'umwiherero w'urubyiruko kuri gahunda ya Ndi Umunyarwanda no kwibuka, gisozwa n'umuganda wanitabiriwe na Nyakubahwa Madamu wa Prezida wa Republika Jeannette Kagame.



*Urunana rw'urungano mu murenge wa Busogo mu Karere ka Musanze*

2. Ku italiki ya 26 Gicurasi 2014, urubyiruko rusaga **300** rwasuye urwibutso rwa Nyarubuye mu rwego rwo kwibuka urubyiruko rwishwe muri jenoside yakorewe abatutsi 1994.

### 5.2. Gahunda ya Ndi Umunyarwanda no kwibuka abana bazize jenoside yakorewe abatutsi mu 1994.

Mu kwibuka ku nshuro ya 20 Jenoside yakorewe Abatutsi habayeho umwihariko wo kwibuka abana bazize jenoside no kubaha umwanya wo kuganira kuri gahunda ya Ndi Umunyarwanda , kumenya ububi n'ingaruka za jenoside kugirango barusheho gufata ingamba zo kuyirwanya no kwimakaza ubunyarwanda nk'indangagaciro ibahuza.

Ibikorwa byo kwibuka abana byakozwe mu turere twose, bisorezwa ku rwego rw'Igihugu taliki ya 16 Kamena 2014 aho kwibuka abana byahujwe n'umunsi w'umwana w'umunyafurika muri "petit stade" .

Kwibuka abana bazize Jenoside yakorewe abatutsi ni igikorwa cyateguwe ku bufatanye n'inzego zitandukanye arizo; Minisiteri y'Uburinganire n'Iterambere ry'Umuryango,Komisiyo y'Igihugu ishinzwe abana, Komisiyo y'Igihugu yo Kurwanya Jenoside na Komite Nshigwabikorwa ya Ndi Umunyarwanda ku bufatanye n'Intara n'Uturere.

Abana bahagarariye abandi bakoze ibiganiro n'ibikorwa bitandukanye:

1.Taliki ya 02/06/2014 abana **200** bahagarariye abandi baturuka mu bigo by'amashuri bitandukanye byo mu karere ka Rulindo bahawe amahugurwa kuri gahunda ya Ndi Umunyarwanda, yatanzwe n'abahagarariye Komite Nshingwabikorwa ya ndi Umunyarwanda ku rwego rw'Igihugu.



*Abana bitabiriye amahugurwa kuri Ndi Umunyarwanda mu Karere ka Rulindo*

2.Hakozwe igikorwa cyiswe “Asante Sana Jeshi n’inkera y’urugamba”cyitabiriwe n’urubyiruko rusaga **3000** kibera kuri Stade ya IPRC Kicukiro, aho urubyiruko rwaganiriye ku mateka yaranze Igihugu cyacu, n’uko ubunyarwanda bwasenyutse n’ingamba zo gukomeza kubwubaka.

**Umusaruro**

1. Ubumenyi bw’ibanze ku mateka y’u Rwanda;
2. Gusobanukirwa n’amateka y’urugamba rwo kubohora Igihugu, ubutwari n’ubwitange bw’ingabo zahagaritse jenoside;
3. Gutandukanya Genocide yakorewe abatutsi n’ibyaha by’intambara;
4. Guhabwa ubumenyi bwo gutegura imishinga yo kwiteza imbere duhereye ku Mahirwe agaragara mu karere iwacu;
5. Kwamagana ingengabitekerezo ya jenoside mu muryango, mu rungano n’ahandi hose;
6. Kunyomoza amakuru y’ibihuha atanya abanyarwanda;
7. Kuba umurinzi w’ibyagezweho.

## 6. Ndi Umunyarwanda no kwibohora ku nshuro ya 20

Mu rwego rwo gufasha abanyarwanda kwizihiza imyaka 20 bamaze bibohoye, hateguwe hanakorwa ibiganiro kuri gahunda ya Ndi umunyarwanda ku buryo bukurikira:

- Ku rwego rw'Akarere kuwa 22/6/2014;
- Ku rwego rw'Akagari kuva kuwa 23/6 kugeza kuwa 26/6/2014 no mu baturage bose mu nama zabaye kuwa 28/6/2014 nyuma y'umuganda rusange.

### 6.1. Ibiganiro ku rwego rw'Uturere.

Ibiganiro kuri gahunda ya Ndi Umunyarwanda bitegura kwibohora ku nshuro ya 20 byibanze ku ngingo z'ingenzi zikurikira:

- Kwihesha agaciro;
- Ubumwe bw'abanyarwanda;
- Gukunda Igihugu;
- Kutihanganira uwo ariwe wese wabasubiza inyuma cyangwa washaka gusenya ibyagezweho;
- Kwibutsa abayobozi ko bafitiye umwenda abaturage wo guhindura amateka mabi yaranze abayobozi bababanjirije;
- Kubaka umuturage utari nyamujya iyo bigiye, uzi akamaro ko kuba mu gihugu cyiza gifite umutekano kandi nawe yagizemo uruhare.

**Ibyo biyemeje**

1. Gukora ubukangurambaga kugira ngo isabukuru y'imyaka 20 yo kwibohora itegurwe neza kandi igirire akamaro abanyarwanda bose;
2. Gukomeza gushyira imbaraga mu kurwanya ingengabitekerezo ya jenoside;
3. Kwita ku rubyiruko baruha uburere bwiza kandi barubera urugero rwiza;
4. Gukangurira abanyarwanda kutihanganira uwo ariwe wese wabasubiza inyuma cyangwa washaka gusenya ibyagezweho.

### 6.2. Ibiganiro mu tugari byakozwe kuva ku wa 23/06 kugeza ku wa 26/06/2014

- Ibiganiro muri rusange byatanzwe neza kandi ababyitabiriye barabyishimiye bavuga ko byateguwe mu gihe gikwiye cyane mu gihe twitegura kwizihiza ukwibohora ku ncuro ya 20;
- Ibibazo babazaga , ubuhamya cyangwa ibitekerezo byatangwaga byibandaga ahanini ku macakubiri yazanywe n'abakoloni hanyuma agashimangirwa na Leta ya mbere n'iya kabiri bagaragaza ko ariyo yaganishije u Rwanda mu mwijima wa Jenoside yakorewe abatutsi muri 1994;
- Biyemeje gushishikariza abo bahagarariye gutegura neza no kuzitabira umunsi mukuru wo kwibohora ku ncuro ya 20.

#### 6.3. Ibiganiro ku mudugudu

Ibiganiro kuri gahunda ya Ndi Umunyarwanda bitegura kwibohora ku nshuro ya 20 ku mudugudu byakozwe ku wa 28/6/2014, byitabiriwe n'abaturage batuye umudugudu hamwe na hamwe bifatanya n'abayobozi ku rwego rw'Igihugu, n'intumwa za rubanda bari bitabiriye umuganda mu turere bashinzwe gukurikirana.

## C. UMUSARURO,IMBOGAMIZI N'INGAMBA MURI GAHUNDA YA NDI UMUNYARWANDA (2013-2014)

### 1. Umusaruro muri rusange

- Ndi Umunyarwanda yabaye urubuga abanyarwanda bose bibonamo (amateka, ibikomere, ubuhamya).
- Gahunda ya Ndi Umunyarwanda yashyigikiye ibiganiro mu baturage(community dialogue).
- Ndi Umunyarwanda yabaye urubuga rwo gukomeza ibiganiro nyuma y'inkiko Gacaca.
- Ndi Umunyarwanda yafashije abanyarwanda kwitegura neza umunsi w'intwari, Kwibuka ku nshuro ya 20 no gutegura isabukuru yo kwibohora ku nshuro ya 20 .
- Gahunda ya Ndi Umunyarwanda yafashije abanyarwanda kuganira ku byagizwe amoko,
- Ndi umunyarwanda yabaye ingufu zo guhinduka mu myumvire n'imitekerereze no kubaka icyerekezo kimwe (common vision);…
- Gahunda ya Ndi Umunyarwanda yafashije urubyiruko gukira ipfunwe no kwiyubakamo icyizere cy'ejo hazaza.
- Muri Gahunda ya "Ndi Umunyarwanda" mu turere, urubyiruko rwagiranye igihango n'Igihugu cyabo, bagira ibyo biyemeza gukora kugira ngo kitazasubira mu mateka mabi nk'ayo cyaciyemo mu bihe byahise. Bashyizeho urunana rw'urungano mu rwego rwo gushyira mu bikorwa ibyo biyemeje.
- Gahunda ya **Ndi Umunyarwanda** yafashije abahagarariye amadini gusuzuma uruhare rw'abo mu mateka yaranze u Rwanda no gufata ingamba zo kugira uruhare rwo kongera kubaka ubunyarwanda bwashenywe n'amateka mabi.

### 2. Imbogamizi

- Imyumvire igoretse( distorted ) kuri Gahund ya ndi umunyarwanda
- Uburemere bw'amateka n'ibikomere
- Ubushake buke no kwanga guhara ishema mu gutanga ubuhamya
- Uruhare rw'abanyapolitiki barwanya gahunda zose zo kubaka u Rwanda
- Igihe kidahagije ku biganiro.
- Ubwitabire budahagije cyane cyane mu midugudu.
- Imyiteguro n'imitangire y'ibiganiro.
- Amikoro adahagije ugereranije n'uburemere bwa gahunda

**3. Ingamba :**

- Gukomeza gushimangira no kunoza iyi gahunda ikinjira mu buzima bwa buri munsi mu nzego zose z'igihugu.
- Gushyiraho gahunda ihamye kandi irambye mu byiciro byose by'amashuri y'u Rwanda;
- Kubaka umuco na gahunda zihoraho z'ibiganiro mu baturage (umunsi wihariye w'ibiganiro).
- Kwifashisha ibihangano n'itangazamakuru mu kwimakaza Ndi Umunyarwanda.
- Kunoza imfashanyigisho ku byiciro byihariye
- Gukora isuzuma rihoraho ku musaruro w'iyi gahunda.

**4. Umwanzuro:**

Nyuma y'icyiciro cya mbere n'icya kabiri cya gahunda ya Ndi Umunyarwanda, amasomo y'ingenzi twakuyemo ni aya akurikira :

- Gahunda ya Ndi Umunyarwanda ni umusingi ukomeye cyane ubuzima bw'Igihugu bwose bwubakiyeho
- Gahunda ya Ndi Umunyarwanda ni icyomoro n'umuti ukomeye mu kuvura abanyarwanda
- Gahunda ya Ndi Umunyarwanda ni urukingo n'isubyo ku cyahembera amacakubiri (never again);
- Gahunda ya Ndi umunyarwanda niyo ngabo ikomeye yo kurinda no kurengera ibyiza tumaze kugeraho

Turashimira inzego zose zagize uruhare mu kugeza gahunda ya Ndi Umunyarwanda ku banyarwanda bose. Turashimira kandi abanyarwanda bose uko bakiriye iyi gahunda n'uko bakomeje kugenda bayigira iyabo. Twizeye ko tuzakomezanya umurava waturanze mu gukomeza gushyira mu bikorwa iyi gahunda.

## 1.2 UMUNSI MPUZAMAHANGA W'AMAHORO

### Iriburiro

Buri mwaka ku itariki ya 21 Nzeri, isi yose yizihiza umunsi mpuzamahanga w'Amahoro. Ni umunsi washyizweho n'icyemezo cy'Umuryango w'Abibumbye nomero 36/37 na 55/82 cyo mu mwaka wa 1982. Umunsi mpuzamahanga w'amahoro ni urubuga rwiza aho abantu ku giti cyabo, imiryango inyuranye ndetse n'ibihugu bahurira bakaganira ku gaciro k'amahoro ku isi n'abayituye, bakagaragaza uruhare rwabo, ibyifuzo ndetse n'ingamba zo kurushaho guharanira Amahoro.Ni urubuga na none ruhuza abantu b'ingeri zose hagamijwe kubaka ubumwe bwabo bakarenga ibibatandukanya (Ibitekerezo bya Politiki, ubwoko, ibihugu idini...).

### Kwizihiza umunsi mpuzamahanga w'Amahoro mu Rwanda

Abanyarwanda bazi neza agaciro k'amahoro bahereye ku bibi banyuzemo birimo amateka mabi yaranze igihugu cyacu, imiyoborere mibi, ivangura ry'amoko,... Ibyo byose byagejeje kuri jenoside yakorewe abatutsi mu 1994. Bakuyemo amasomo yatumye bashyira ingufu mu bikorwa bijyanye no kubaka amahoro no guteza imbere ubumwe ndetse n'imibanire myiza.

Ibyo u Rwanda rwagezeho mu kubaka amahoro, rubikesha ubufatanye bw'inzego zinyuranye. Niyo mpamvu umunsi mpuzamahanga w'Amahoro ari umunsi wo kurebera hamwe n'abafatanyabikorwa uburyo bwo gukomeza kubungabunga ibikorwa by'amahoro bimaze kugerwaho mu kubaka amahoro arambye.

Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge ifatanije n'abafatanyabikorwa bategura buri mwaka ibikorwa byo kwizihiza umunsi mpuzamahanga w'Amahoro bijyanye n'insanganyamatsiko iba yatanzwe.

Mu mwaka wa 2013 , insanganyamatsiko y'umunsi mpuzamahanga w'Amahoro yari " Uburezi bugamije amahoro / Education for peace".

**Ibikorwa byaranze Umunsi Mpuzamahanga w'Amahoro 2013:**
Umunsi mpuzamahanga w'Amahoro 2013 wizihijwe ku bufatanye n'abafatanyabikorwa mu kubaka amahoro ( IRDP, Search For Common Ground, CNLG, HRC, MINEDUC, Police, Itorero ry'Igihugu; RGB,...), wabereye muri Kaminuza yigenga ya Kigali (ULK) ku Gisozi,urangwa n'ibikorwa bikurikira:

**1. Ibiganiro**

Uyu munsi waranzwe n'ibiganiro byahuje urubyiruko rw'abanyeshuri rugera kuri **500**, abarimu babo baturutse mu mashuri makuru na za kaminuza, abahagarariye ibigo bya Leta, sosiyete civile, abashakashatsi…

Kuri uyu munsi ibiganiro byatanzwe byibanze ku ruhare rw'abanyabwenge mu kubaka amahoro/ The role of elites in peace building". Iki kiganiro cyatanzwe mu byiciro 3 n'abantu batandukanye aribo: Uhagarariye abarimu, uhagarariye abashakashatsi n'uhagarariye abanyeshuri .Bose bagaragaje uruhare buri cyiciro gikwiye kugira mu kwimakaza umuco w'Amahoro.

Hatanzwe kandi ikiganiro ku ruhare rw' Imiyoborere no kubaka amahoro arambye// Governance and Peace Building" cyatanzwe na Ambassador Fatuma Ndangiza, umuyobozi wungirije wa RGB.



*Bamwe mu bitabiriye ibiganiro*

Ibiganiro byatanzwe byashimangiye ko abanyarwanda aribo ba mbere bafite uruhare mu kwiyubakira ubumwe bwabo, umutekano amahoro n'iterambere birambye.



*Abayoboye ibiganiro*

Ibitekerezo byatanzwe n'abanyeshuri nyuma y'ibiganiro

- Abanyabwenge bo mu Rwanda bakwiye kwandika ibitabo bivuga ku mahoro;
- Abanyarwanda bafitanye isano y'amaraso, ni abavandimwe, ibi bikwiye gufasha mu kubaka amahoro arambye;
- Imfashanyigisho, ubushakashatsi n'ibitabo bivuga ku mahoro byagezwa hose mu Gihugu, cyane cyane ku barimu bigisha uburere mboneragihugu;
- Inyigisho ku mahoro zatangwa ku nzego zose mu byiciro byose kandi hakigishwa n'imiyoborere myiza;
- Urubyiruko rwakwigishwa hifashishijwe imfashanyigisho iboroheye mu rwego rwo kubashishikariza kwitabira ibikorwa binyuranye byubaka imibanire myiza mu banyarwanda;
- Inyigisho ku mahoro zigomba gushingira ku muco nyarwanda;
- Abarimu b'amashuri mato, ayisumbuye n'amakuru, ababyeyi, abayobozi b'inzego z'ibanze bagomba guhora bahugurwa, bahabwa inyigisho ku muco w'amahoro;
- Gushyira ingufu mu nyigisho z'uburere mboneragihugu;…
- Ntihashobora kubaho iterambere rirambye ry'Iguhugu niba nta gukunda igihugu abagituye bafite, hifujwe ko habaho ishuri ryigisha ibijyanye n'amahoro ( Peace Academy);
- Abanyabwenge bagomba kuba intangarugero muri gahunda ya Leta yo kwigira bashyiraho imishinga mito iteza abantu imbere;
- Kwimakaza amahoro arambye bigomba kujyana no kuzamura imibereho myiza y'abaturage;...



*Abanyeshuri  mu biganiro by'umunsi w'Amahoro*

**2. Imurikabikorwa**

Umunsi mpuzamahanga w'Amahoro 2013 waranzwe na none no kumurika ibikorwa by'abafatanyabikorwa bijyanye no kubaka amahoro:






*Bimwe mu bikorwa byamuritswe ku munsi mpuzamahanga w'Amahoro 2013*

**3. Ibihangano**

Nyuma y'ibiganiro, abitabiriye umunsi w'amahoro bafatanyije na bamwe mu bahanzi bakoze ibihangano bitanga ubutumwa bw'amahoro. Hakinwe kandi Ikinamico y'abanyeshuri yerekanaga inkomoko y'urwango n'amacakubiri n'uburyo byakwirindwa.

**4. Ubutumwa bwatanzwe**

Mu ijambo yagejeje ku bitabiriye uyu munsi, Umunyamabanga Nshingwabikorwa wa Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge Dr. Habyalimana J. Baptiste, yavuze ko Amahoro ari wo musingi ibikorwa byose by'iterambere n'iby'Ubumwe n'Ubwiyunge u Rwanda rwubakiyeho. Mu ijambo rye yibukije abari aho ko abanyarwanda babuze amahoro igihe kirekire kubera amateka ashingiye ku miyoborere mibi, asaba buri wese gukomeza gusigasira ibyiza bimaze kugerwaho no gukomeza ibikorwa biteza imbere imibanire myiza y'abanyarwanda.

Ibiganiro ku munsi w'Amahoro byasojwe na Madamu Uwimana Xaverine, Visi Perezida wa NURC. Yashimiye abitabiriye ibiganiro, ashimira umuryango FPR wahagaritse jenoside yakorewe abatutsi mu 1994. Yashimye kandi ubuyobozi bwiza bw'Igihugu cyacu buharanira amahoro.

Yasabye urubyiruko kugira uruhare mu kubungabunga amahoro u Rwanda rufite, rukaba rwarayaguye aho ingabo z'u Rwanda zitumwa na UN kuyabungabunga mu bihugu byo ku isi biri mu ntambara n'amakimbirane. Yasabye urubyiruko rwiga muri za kaminuza kugaragaza icyo barusha urubyiruko rwashutswe rukishora mu guhungabanya amahoro y'Igihugu n'aya muntu igihe bagiraga uruhare muri jenoside yakorewe abatutsi mu 1994. Yabibukije ko uko bifuza amahoro ari nako bagomba kuyaha abandi, bakayimakaza aho bari hose haba ku mashuri no mu miryango yabo.

## 1.3 ICYUMWERU CY'UBUMWE N'UBWIYUNGE

Ku nshuro ya gatandatu, Icyumweru cy'Ubumwe n'Ubwiyunge cyizihijwe ku matariki 25-30/11/2013, gifite insanganyamatsiko igira iti "Ndi umunyarwanda". Icyumweru cy'Ubumwe n'Ubwiyunge cyabaye mu gihe Igihugu cyari gishyize ingufu muri gahunda yo kwimakaza ubunyarwanda binyuze muri gahunda ya ''Ndi Umunyarwanda''.

Kwizihiza icyumweru cy'ubumwe n'ubwiyunge byatangiye mu mwaka wa 2008. Kuva cyatangira kwizihizwa, icyumweru cy'ubumwe n'Ubwiyunge cyabaye umwanya mwiza wo gusuzuma intambwe igenda iterwa mu nzira y'ubumwe n'ubwiyunge bw'Abanyarwanda. Ni igihe cyiza cyo kwishimira ibimaze kugerwaho, gufata ingamba no kongera kwibutsa buri munyarwanda uruhare rwe mu gushimangira, gusigasira ibimaze kugerwaho no kurushaho kubiteza imbere. Icyumweru cy'ubumwe n'ubwiyunge kandi giha Abafatanyabikorwa urubuga rwo kugaragaza ibikorwa byabo no kugaragariza umuryango nyarwanda ko Ubumwe n'Ubwiyunge ari inshingano ya bose.

### Intego z'Icyumweru cy'ubumwe n'ubwiyunge 2013

- Gukomeza no gukwirakwiza umuco w'Ibiganiro bishingiye ku kuri dushimangira ubumwe n'ubwiyunge, twubaka "Ndi umunyarwanda" ;
- Gutanga urubuga rwo gusangira amateka yacu tugamije kurushaho kuyasobanukirwa no gufasha ababyiruka kuyakira;
- Gusesengura ibikomere twasigiwe n'amateka mu bihe no mu byiciro bitandukanye, dufashanya gukira ibyo bikomere;
- Icyumweru cy'ubumwe n'ubwiyunge cyaranzwe n'ibiganiro kuri Ndi Umunyarwanda ku rwego rw'umurenge ku matariki ya 25-26/2013, no ku rwego rw'umudugudu ku matariki ya 27-30/11/2013.Ibi biganiro kandi byitabiriwe n'abayobozi ku rwego rw'Igihugu .

## 2. UBUSHAKASHATSI

### Iriburiro

Buri mwaka Komisiyo ikora ubushakashatsi hagamijwe gusesengura no gufata ingamba zishyigikira ubumwe n'ubwiyunge bw'abanyarwanda. Ubwo bushakashatsi, Komisiyo ibukora ku ngingo zinyuranye zirebana n'ubumwe n'ubwiyunge. Mu gukora ubwo bushakashatsi ishingira ku nshingano yahawe zikurikira: **Gukora ubushakashatsi, gukoresha ibiganiro mpaka, gusakaza ibitekerezo no gutangaza inyandiko bigamije gufata ingamba nshya zo kurushaho kubaka ubumwe n'ubwiyunge bw'abanyarwanda (inshingano ya 4)**. **Komisiyo ifite kandi n'inshingano yo gukora raporo buri mwaka n'igihe bibaye ngombwa ku miterere y'ubumwe n'ubwiyunge bw'Abanyarwanda (inshingano ya 7).**

Ubushakashatsi Komisiyo ikora bugaragaza intambwe igenda iterwa mu nzira y'ubumwe n'ubwiyunge**,** ingero nziza mu bumwe n'ubwiyunge zigashyigikirwa, imbogamizi zigihari nazo zikagaragazwa, zigasesengurwa, hagafatwa ingamba zo kuzikemura.

Komisiyo itanga raporo ku byavuye mu bushakashatsi mu nzego zitandukanye, ikanaganira n'abafatanyabikorwa bayo ku byavuye mu bushakashatsi kugirango hafatwe ingamba zo gukomeza guteza imbere ubumwe n'ubwiyunge bw'abanyarwanda.

Muri uyu mwaka w'ibikorwa wa 2013 -2014, hakozwe ubushakashatsi bukurikira:

**2.1. Imibanire y'abahoze bafungiye icyaha cya jenoside n'abo basanze**
"Assessing the Reintegration of Genocide ex-prisoners in Rwanda: Success and Challenges".

Hasuzumwe ibifatika bigaragaza imigendekere myiza y'isubizwa mu buzima busanzwe bw'abafunguwe, imibanire yabo n'abo basanze n'imbogamizi zihari.


Ubushakashatsi bugaragaza ibikwiye kongerwamo imbaraga kugirango gusubiza mu buzima busanzwe abagize uruhare muri jenoside yakorewe abatutsi mu 1994 bemeye icyaha, bagasaba imbabazi, birusheho kugenda neza, n'imibanire yabo nabo bahemukiye n'abandi banyarwanda muri rusange irusheho kuba myiza.

**Uburyo bwakoreshejwe mu gukora ubushakashakatsi**

Mu gukora ubushakashatsi hifashishijwe uburyo bwo kugaragaza ibintu mu mibare (%), bikajyana no gutanga ibisobanuro birambuye ku bitekerezo abantu bagiye batanga (quantitative & qualitative study). Mu kurushaho kandi gusesengura ku buryo bwimbitse no gusobanura kurushaho hifashishijwe no gusoma inyandiko zitandukanye zirebana n'ubushakashatsi bwakozwe. Hakozwe urutonde rw'ibibazo, habaho ikiganiro hagati y'ubaza n'ubazwa (interview), ubazwa agahabwa umwanya agatanga ibisobanuro ku bitekerezo yatanze. Ababajijwe bose hamwe ni 1 543, harimo abafunguwe 625, abacitse ku icumu rya jenoside 440, abaturanyi 251 n'abo mu miryango y'abafunguwe 227. Habajijwe kandi n'abantu bafite uruhare mu gufasha abafunguwe gusubira mu buzima busanzwe no guteza imbere ubumwe n'ubwiyunge. Hakoreshejwe kandi n'uburyo bwo gushyira hamwe abantu bagatanga ibitekerezo (focus group discussions).

**Uko uturere n'imirenge byatoranijwe:**

**Muri buri ntara hatoranijwe Uturere 2; mu gutoranya hitawe ku cyaro n'umujyi.**




**Mu ncamake ubushakashatsi bugaragaza ibi bikurikira:**

Abagize uruhare muri jenoside yakorewe abatutsi bakemera icyaha, bagasaba imbabazi, bagaragaza ko mu rwego rw'imibanire babanye neza n'abandi, bagashima imbaraga zashyizwe mu kubafasha gusubira mu buzima busanzwe babana nabo basanze. Bagaragaza ko bagikeneye ubufasha mu kwiyubaka no gukomeza guteza imbere imibanire myiza nabo bahemukiye.

**90%** by'abo mu miryango y'abafunguwe babajijwe bagaragaza ko gusubizwa mu buzima busanzwe byagenze neza, kandi byagezweho. Naho **87,2%** by'abafunguwe bavuga ko bishimiye uburyo bakiriwe mu muryango aho bari batuye, **80,7%** by'abaturanyi n'abacitse ku icumu rya jenoside nabo bakagaragaza ko babona abafunguwe babanye neza nabo.

Bimwe mubyo bagaragaza byababafashije gusubira mu buzima busanzwe babisobanura muri aya magambo *"Gucishwa mu ngando mbere y'uko dusubira mu ngo zacu, cyari igikorwa rwose cy'intagereranywa. Kuba twarigishijwe ndetse tugategurirwa kuzitwara neza haba mu bibazo ndetse no mu byiza tuzahura nabyo tugeze hanze, byatumye tudahungabana, tukaba tubasha ubu kubaho mu buryo butatugoye cyane. Kubera ko mu guhugurwa twabaga twahawe amakuru y'ibyaberaga hanze ndetse tukanigishwa n'uko tuzitwara tugeze hanze byatworohereje kwisanga neza mu muryango nyarwanda".*

Abaturanyi b'abafunguwe, abo mu miryango yabo n'abacitse ku icumu bagaragaza ko abafunzwe bungukiye ubumenyi muri gereza, ubu bubafasha mu buryo bw'imibereho. Babigaragaza muri aya magambo: *"Urebye ubumenyi, amahugurwa anyuranye bakuye muri gereza, nibo birirwa bakora imirimo y'ubwubatsi aha dutuye no mu migi itandukanye, ndetse ni nabo bazi ibyo guhinga kijyambere*. *Bahakuye rwose ubumenyi bwinshi kandi bigaragara ko bubabeshejeho ku buryo bufatika".*

Ubushakashatsi bugaragaza ko gahunda zitandukanye zigamije guteza imbere imibereho y'abaturage zagize uruhare rugaragara mu gufasha gusubizwa mu buzima busanzwe kuko abafunguwe izo gahunda ntizabaheje. Abafunguwe bishyize hamwe n'abaturanyi babo mu mashyirahamwe yo kwiteza imbere, gahunda ya Girinka, Ubudehe n'izindi zibageraho nk'abandi banyarwanda.

Abacitse ku icumu rya jenoside nabo bagaragaza ko mbere bitari byoroshye, ariko bitewe na gahunda zitandukanye ubwizerane bugenda bwiyubaka. Abasubije babigaragaza batya:*"numvaga mbabaye, mfite umujinya,... gusa uko igihe cyagiye gihita nyuma y'aho bafunguriwe, bagatera intambwe bakaza iwanjye ntari mbyiteze baje kunsaba imbabazi z'ibyo bankoreye, byatumye numva nduhutse n'uburakari nari mbafitiye bugenda bushira. Rwose abo nababariye mbona ko bansabye imbabazi babikuye ku mutima ntaho bampisha, ubu natangiye kubabonamo ibyiza, turasangira, tugatabarana nk'inshuti" .*

67% by'abacitse ku icumu bemeza ko bitabira ubutumire bw'abaturanyi babo bafunguwe kandi nabo bakavuga ko iyo babatumiye babitaba kandi niyo hari ibyago batabarana. Mbese bagaragaza ko ntabwishishanye kandi ko niyo kashi y'icyo cyaha bakoze yabavuyeho bitewe n'ibikorwa byiza bagaragaza.

**Zimwe mu mbogamizi abafunguwe bafite**

- Ipfunwe : 21.7 % bagaragaza ko bumva bahorana icyo cyasha (ipfunwe) cy'ibyaha bakoze kandi bakabona ko n'abaturanyi baguma kubafata nk'inkozi z'ibibi. Ibyo bigatuma bitinya ntibisanzure mu mirimo bakora mu rwego rwo gushaka imibereho.
- Kuburirwa icyizere n'abaturanyi: Bamwe mu baturage babajijwe, bagaragaza ko batakwizera niba abaturanyi babo bagize uruhare muri jenoside barahindutse cyangwa se ari ugutinya amategeko. Bamwe mu babajijwe bavuga ko batabaha akazi cyangwa ngo bakorane umushinga.
- Amakimbirane mu miryango yabo : 21.5% mu babajijwe , bagaragaza ko bagiye bagirana amakimbirane nabo bashakanye, biturutse ko bamenye amakuru ko babaciye inyuma cyangwa se biturutse ku buryo imitungo bagiye babasigira yacunzwe bitabanyuze bigakurura impaka.
- Kudashyigikirwa n'imiryango yabo nyuma yo gufungurwa: 7,2% bagaragaza ko batakiriwe neza n'imiryango nyuma yo gufungurwa. Bamwe abo bashakanye ntibongeye gusubirana, abandi abavandimwe n'ababyeyi babo barabaciye bimwa iminani, abari bayifite ihabwa abandi bitewe nuko babakuyeho amaboko kuko basanga barakoze icyaha ndengakamere.

## 2.2. Igitabo ku rugendo rw'ubumwe n'ubwiyunge mu Rwanda

Nyuma y'imyaka 20 Leta y'u Rwanda yiyemeje kubakira kuri Politiki y'ubumwe n'ubwiyunge, hari intambwe igaragarira buri wese yatewe nk'uko byagaragajwe n'abaturage ubwabo mu bushakashatsi butandukanye Komisiyo yagiye ikora guhera mu mwaka wa 2001 (opinion surveys) ariko cyane cyane mu bushakashatsi ku bipimo by'ubumwe n'ubwiyunge (Rwanda Reconciliation Barometer, 2010). Ubushakashatsi bugaragaza ko ibipimo by'ubumwe n'ubwiyunge bihagaze neza (85%). Kugirango hagerwe ku ntambwe imaze guterwa hakozwe ibikorwa bitandukanye, hakoreshwa uburyo butandukanye, ndetse n'inzego zitandukanye zibigiramo uruhare.
Ni muri urwo rwego, Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge yatangiye gukora igitabo ku rugendo rw'ubumwe n'ubwiyunge mu Rwanda (Book on Unity and Reconciliation process in Rwanda). Iki gikorwa kikaba kigikomeza.

### 2.3. Kumenyekanisha ibyavuye mu bushakashatsi busesenguye ku bipimo by'ubumwe n'ubwiyunge ( RRB Qualitative study 2013)

#### 2.3.1. Gutangaza ibyavuye mu bushakashatsi ku rwego rw'Igihugu

Kuwa 18/07/2013 muri Lemigo Hotel, Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge yamuritse ubushakashatsi yakoze bwunganira ubwakozwe muri 2010 ku bipimo by'ubwiyunge mu Rwanda ( RRB qualitative study 2013). Ubushakashatsi bwunguranyweho ibitekerezo bukaba bwari bugamije gutanga ibisobanuro byimbitse kuri imwe mu mibare yagaragajwe ku bipimo by'ubwiyunge mu Rwanda (Rwanda Reconciliation Barometer 2010) ku ngingo zagaragaje ikinyuranyo kinini mu mibare ku bari basubije. Izo ngingo ni izi zikurikira:

- Gusobanukirwa amateka y'u Rwanda
- Imiyoborere
- Umutekano wa muntu n'uw'umutungo

Ibyifuzo byatanzwe nyuma yo kugezwaho ibyavuye mu bushakashatsi:

- Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge yongere ibikorwa byubaka ubwizerane mu banyarwanda ;
- Kwigisha abaturage ibirebana n'uburyo Leta isaranganya (redistribution) umutungo w'Igihugu , inkomoko yawo n'akamaro bibafitiye;
- Abaturage bakomeze gutozwa kumenya uburenganzira n'inshingano zabo, abantu batozwa " kwigira" no guharanira gukoresha neza amahirwe bahabwa muri gahunda za Leta zitandukanye;
- Inzego z'ibanze zegere abaturage batishoboye zibafashe gukoresha amahirwe yo kwiteza imbere bahabwa na Guverinoma biciye muri gahunda zayo zitandukanye;
- Hanakenewe ubushakashatsi ku miterere y'ingengabitekerezo ya Jenoside muri iki gihe kugirango hafatwe ingamba zihamye zo kuyirwanya hatezwa imbere imibanire myiza y'abanyarwanda;
- Hafatwe ingamba zo kumenya ibyigishwa urubyiruko hifashishijwe inzira z'itumanaho zitandukanye kugirango ibyenyegeza ingengabitekerezo ya Jenoside birwanywe;
- Ibyagaragajwe n'ubu bushakashatsi bigezwe ku nzego zitandukanye z'ubuyobozi bw'Igihugu kugirango ibibazo byagaragajwe bishakirwe ibisubizo.

#### 2.3.2. Kugeza ibyavuye mu bushakashatsi ku bafatanyabikorwa mu Turere

Ubushakashatsi ku bipimo by'ubumwe n'ubwiyunge bwakozwe muri 2013 bwuzuza ubwakozwe muri 2010, bugaragaza ko hari ahakwiye gushyirwa imbaraga, ku rwego rw'Igihugu no mu nzego z'ibanze, muri urwo rwego Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge igerageza kugeza ibyavuye mu bushakashatsi kuri buri rwego hagamijwe kugirango ibyagaragaye bikenewe gushyirwamo imbaraga bikorwe. Iki gikorwa cyakozwe ku matariki ya 16-20/12/2013.

**Imbonerahamwe igaragaza abafatanyabikorwa bagejejweho ibyavuye mu bushakashatsi mu nzego zibanze.**

| Abitabiriye | Umubare w'abaje mu nama kuri buri rwego bahagarariye | Abitabiriye kuri buri rwego mu Turere 30 | Abagabo | Abagore |
|---|---|---|---|---|
| 1. Abahagarariye amashyirahamwe n'imiryango bafite ibikorwa by'ubumwe n'ubwiyunge | 3 | 90 | 42 | 48 |
| 2. Abakangurambaga b'ubumwe n'ubwiyunge | 3 | 90 | 37 | 53 |
| 3. Ibuka | 1 | 30 | 27 | 3 |
| 4. Abashinzwe imiyoborere myiza mu karere | 1 | 30 | 17 | 13 |
| 5. Abahagarariye Amadini | 2 | 60 | 56 | 4 |
| **Bose hamwe** | | **300** | **179 (60%)** | **121 (40%)** |

Abafatanyabikorwa mu Turere nyuma yo kuganira ku byavuye mu bushakashatsi biyemeje ibi bikurikira:

- Gukomeza ibiganiro bigamije kuzamura ubwizerane no komorana ibikomere abanyarwanda batewe n'amateka mabi;
- Abayobozi mu nzego z'ibanze biyemeje gukomeza gushishikariza abangije imitungo mu gihe cya jenoside yakorewe abatutsi 1994, kuyishyura;
- Abagize ihuriro ry'abafatanyabikorwa mu turere biyemeje, gukomeza gushishikariza abanyarwanda gushyira imbere ibiduhuza kurusha kwita ku bidutanya binyujijwe muri gahunda ya "Ndi Umunyarwanda".
- Hifujwe ko abakangurambaga b'ubumwe n'ubwiyunge bakongererwa ubumenyi, bityo bakarushaho gutanga umusaruro mu guhangana n'inzitizi ku nzira y'ubumwe n'ubwiyunge;
- Nyuma yo kuganira ku byavuye mu bushakashatsi, hifujwe ko NURC yageza mu nzego z'ibanze imfashanyigisho zakwifashishwa mu buryo bworoheye buri wese kuganira ku mateka y'u Rwanda;
- Abafatanyabikorwa biyemeje gutegura bakanakora umwiherero wabo hagamijwe kugirango bafate ingamba zo kuzamura bimwe mu bipimo by'ubumwe n'ubwiyunge bigaragara ko biri hasi.

**2.3.3. Abahagarariye amashyirahamwe aharanira ubumwe n'ubwiyunge muri kaminuza n'amashuri makuru (SCURs)**

Mu rwego rwo kurushaho kumenyekanisha ibyagaragajwe n'ubushakashatsi, Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge yaganiriye ku byo ubushakashatsi bwagaragaje n'abahagarariye amashyirahamwe aharanira guteza imbere ubumwe n'ubwiyunge muri kaminuza n'amashuri makuru (SCURs). Hatumiwe abantu **5** muri buri kaminuza n'amashuri makuru, ibiganiro byitabiriwe n'abantu 110 baturutse muri kaminuza n'amashuri makuru **22.**

Nyuma yo kugezwaho ibyavuye mu bushakashatsi, Abagize amashyirahamwe agamije guteza imbere ubumwe n'ubwiyunge muri kaminuza n'amashuri makuru biyemeje ibi bikurikira:

- Kwifashisha gahunda ya "Ndi Umunyarwanda" hagamijwe komorana ibikomere no kubaka ubwizerane;
- Gukomeza kuganira no kumva neza gahunda ya Ndi Umunyarwanda kuko yafasha mu kuzamura ibipimo by'Ubumwe n'Ubwiyunge.
- Gushishikariza abatanga ubuhamya ku byakomerekeje abanyarwanda, gutanga ubuhamya bw'umuntu ku giti cye kuko basanga byafasha mu komorana ibikomere no kubaka ubwizerane.

## 3. GUKURIKIRANA IYUBAHIRIZWA RY'AMAHAME NA POLITIKI Y'IGIHUGU Y'UBUMWE N'UBWIYUNGE

Politiki y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge , isaba inzego zose kubahiriza no gushyira mu bikorwa amahame y'Ubumwe n'ubwiyunge . Ni muri urwo rwego, Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'ubwiyunge yahawe inshingano yo **Gukurikiranira hafi uko inzego za leta iz'abikorera, imiryago nyarwanda itari iya Leta cyangwa imiryango mvamahanga itari iya Leta ikorera mu Rwanda, abayobozi n'Abanyarwanda muri rusange bubahiriza amahame na Politiki by'Ubumwe n'Ubwiyunge bw'Abanyarwanda** ( inshingano ya 8).

**Mu gushyira mu bikorwa iyi nshingano , hakozwe ibikorwa bikurikira:**

- Gukurikirana imigendekere y'amatora umutwe w'abadepite
- Gushyiraho ingamba (Monitoring Stratgies and Tools) zo gukurikirana uko inzego zitandukanye zubahiriza amahame na Politiki y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge.
- Gukurikirana no gufasha mu gukemura amakimbirane mu Itorero rya ADEPR n'Idini ya Islam

### 3.1. Gukurikirana imigendekere y'amatora y'abagize Inteko ishingamategeko Umutwe w'abadepute.

**Iriburiro**

Mu rwego rwo kuzuza inshingano ihabwa n'itegeko Nshinga, Komisiyo y'Igihugu y'ubumwe n'ubwiyunge ikurikirana amatora mu nzego zose hagamijwe ibi bikurikira:

- Kureba niba imitegurire n'imigendekere by'amatora byubahiriza bikanazirikana amahame na Politiki y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge;
- Kugaragaza hakiri kare ibibazo bishobora kuvuka mu gihe cy'iyamamaza n'icy'itora kugira ngo hafatwe ingamba zo kubikumira no kubikemura;
- Gukorera raporo inzego zibishinzwe hakiri kare kugirango niba hari amacakubiri cyangwa ivangura byagaragaye bishobore kwamaganwa hakiri kare cyangwa bifatirwe izindi ngamba.

Ni muri urwo rwego Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge yakurikiranye igikorwa cy'iyamamaza n'itora ry'abagize Inteko Ishinga Amategeko, umutwe w'Abadepite, cyabaye kuva tariki ya 26/8-18/09/2013.

**Ibyitabwaho mu gukurikirana amatora:**

**Mu gihe cyo kwiyamamaza**

- Inyandiko, manifesto z'Imitwe ya politike n'imvugo z'abiyamamaza ubwabo cyangwa ababamamaza, niba bitabangamiye amahame y'ubumwe bw'abanyarwanda;
- Imyitwarire y'inzego z'ubuyobozi cyangwa abayoboke b'amashyaka muri rusange;
- Uburyo aboyobozi bakira abiyamamaza n'uburyo bafatwa, niba bakangurira abaturage kwitabira inama zo kwiyamamaza mu buryo bungana kuri bose;
- Itangazamakuru ritangaza iki? niba ntaho ribogamiye, kureba ko abiyamamaza bahabwa igihe kingana?
- Uruhare n'imyitwarire by'Imiryango itegamiye kuri Leta bimeze bite, haba ari ibitekerezo cyangwa ibyo batangaza byaba bitabogamye?...

**Mu gihe cy'amatora nyirizina**

- Kureba ubwitabire bw'abaturage bagomba gutora, umubare w'abagombaga gutora n'abatoye;
- Imyitwarire y'abayoboye igikorwa cy'amatora, niba barangwa no kutabogama cyangwa bubahiriza amabwiriza agenga amatora?
- Umutekano w'amadosiye n'uwabantu muri rusange umeze ute?
- Kureba niba amajwi abarurirwa igihe nkuko biteganyijwe, ibikoresho n'ibindi byangombwa bigendanye n'amatora biteguye neza nkuko biteganyijwe?
- Imyitwarire y'indorerezi yo imeze ite?

**Nyuma y'amatora**

- Gukurikirana umwuka wa nyuma y'itangazwa ry'ibyavuye mu matora n'uburyo byakiriwe n'abaturage;
- Kumva imvugo n'imyitwarire y'abiyamamaza, ababamamaje cyangwa abatsinze n'abatsinzwe;
- Kureba uko impaka zavutse zikemurwa ( amategeko, ubwumvikane cyangwa igitugu ).
- Uburyo bwifashishijwe mu gukurikirana iki gikorwa.
- Kwitabira no gukoresha inama zirebana n'igikorwa cy'amatora;
- Kugirana ibiganiro n'izindi nzego zinyuranye zirebana n'igikorwa cy'amatora;
- Gusesengura inyandiko zinyuranye zirebana n'imitwe ya politiki n'abanyapolitiki;
- Gukurikirana uburyo amategeko n'amabwiriza agenga amatora byubahirizwa;
- Kwifashisha abakangurambaga (abakorerabushake) b'ubumwe n'ubwiyunge bo mu turere twose tw'Igihugu mu gukurikirana amatora

**Ibyavuye mu ikurikirana**

- Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge ishima uburyo igikorwa cyo kwiyamamaza cyagenze. Imitwe ya politike ndetse n'abakandida bigenga, bagaragaje gahunda yo kwiyamamaza mbere y'uko igikorwa cyo kwiyamamaza nyirizina gitangira.
- Abahataniraga kujya mu nteko ishinga amategeko umutwe w'abadepite barinze barangiza igihe cyagenwe cyo kwiyamamaza ntawe unenzwe gukoresha imvugo zisebanya, zisesereza cyangwa zikurura amacakubiri. Bikaba aribyo gushimwa kuko bigaragaza ko abanyapolitiki bamaze gutera imbere no gusobanukirwa demokarasi;
- Itangazamakuru rya Leta ryahaye umwanya abakandida bose mu buryo bungana. Kandi ubutumwa bwatanzwe mu bitangazamakuru bwubahirizaga amahame y'ubumwe n'ubwiyunge.
- Muri manifesto z'amashyaka n'abakandida bigenga harimo ko bazaharanira ubumwe bw'abanyarwanda
- Abanyarwanda muri rusange bakiriye ibyavuye mu matora neza, nyuma yuko bitangajwe, wasangaga abaturage baganira ku bagiye mu nteko kubahagararira,
- Abaturage, indorerezi n'abandi bantu bakurikirana ibijyanye na demokarasi mu Rwanda bishimiye intambwe imaze guterwa mu Rwanda aho umukandida mu matora igihe yumva atanyuzwe n'ibyavuye mu matora atanga ikirego kandi kikakirwa kigasuzumwa n'inzego zibishinzwe. Ababishima bavuga ko ari intambwe igaragaza ko abaturage bamaze gusobanukirwa n'ibijyanye n'uburenganzira bafite.

**Umwanzuro**

Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge, irashima cyane inzego zinyuranye zagize uruhare mu migendekere myiza y'amatora y'abagize Inteko Ishinga Amategeko, ikaba kandi ikomeza gusaba inzego zose n'abanyarwanda muri rusange gukomeza kuba abarinzi b'ibyiza abanyarwanda tumaze kugeraho no guharanira gutera imbere twimakaza umuco w'amahoro.

**3.2. Ingamba zo gukurikirana ishyirwa mu bikorwa rya Politiki y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge (monitoring strategies and tools)**

Mu rwego rwo gukurikirana ishyirwamubikorwa rya Politiki y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge mu nzego zitandukanye, hashyizweho ibipimo bizashingirwaho n'uburyo bwo gukusanya amakuru ashingiye kuri ibyo bipimo mu nzego zitandukanye. Imbonerahamwe ikurikira iragaragaza ibyo bipimo:

**Ibipimo bizashingirwaho mu gukurikirana uko ubumwe n'ubwiyunge bihagaze mu bigo bikorera mu Rwanda**

| Aho amakuru akenewe | Ibigomba gushingirwaho | Ibipimo bigari | Ibipimo biciritse |
|---|---|---|---|
| **1. Kwinjiza ubumwe n'ubwiyunge mu igenamigambi** | Mu gihe Ubumwe n'Ubwiyunge bwinjijwe mu igenamigambi rya buri kigo, politiki y'igihugu na gahunda z'ubumwe n'ubwiyunge byakwitabirwa, bityo bikoroha kubishyira mu bikorwa ku buryo bufatika. Ibyo bizagira ingaruka nziza ku myitwarire y'abakozi bakora mu bigo, bitange umusanzu mu guhindura imyitwarire n'imitekerereze y'abaturge baho abakozi batuye ku birebana | Igenamigambi ryubahiriza ubumwe n'ubwiyunge | • Ubumwe n'Ubwiyunge bugaragara mu mihigo / gahunda y'ibikorwa ya buri mwaka<br>• Hariho imboni y'Ubumwe n'Ubwiyunge. |

| Aho amakuru akenewe | Ibigomba gushingirwaho | Ibipimo bigari | Ibipimo biciritse |
|---|---|---|---|
| | n'ubumwe n'ubwiyunge | | |
| **2. Guteza imbere ubunyarwanda n'imibanire myiza mu banyarwanda** | Niba ibigo bishyigikiye ibikorwa bigamije guteza imbere Ubunyarwanda n'imibanire myiza mu banyarwanda, bizagira uruhare mu kumvikanisha ko abanyarwanda basangiye igihugu kimwe, no kongera ubwizerane hagati yabo, bityo bigire uruhare mu kubaka igihugu kimwe, bizatume ubumwe n'ubwiyunge butera imbere ku buryo burambye | Uburyo bwashyizweho bwo kwimakaza ubunyarwanda n'imibanire mwiza mu banyarwanda. | • Ibiganiro bijyanye na gahunda ya "Ndi Umunyarwanda."<br>• Ibikorwa bishimangira imibanire myiza, gufashanya no gutabarana<br>• Uburyo bwo komorana ibikomere byatewe n'amateka. |
| **3. Kurwanya ivangura n'amacakubiri ayo ari yo yose.** | Niba ibigo bishyigikiye ibikorwa bigamije kurwanya ivangura n'amacakubiri ayo ari yo yose, ubutabera hagati y'Abanyarwanda bwatera imbere, icyizere cy'ejo hazaza kikiyongera ku buryo burambye, bityo Ubumwe n'Ubwiyunge bugasagamba. | Gukumira no guhana ivangura n'amacakubiri. | • Hariho amabwiriza yanditse arebana no gutanga serivisi izira ivangura<br>• Hariho politiki yo gutanga akazi, amategeko n'amabwiriza y'ikigo bikumira ivangura n'amacakubiri ayo ari yose.<br>• Uburyo bungana mu |

| Aho amakuru akenewe | Ibigomba gushingirwaho | Ibipimo bigari | Ibipimo biciritse |
|---|---|---|---|
| | | | gukoresha umutungo w'ikigo n'amahirwe ikigo gitanga.<br>• Kutihanganira na gato (guhana) ivangura n'amacakubiri ayo ari yo yose |
| **4.Ubukangurambaga ku bumwe n'ubwiyunge** | Niba ibigo bishyigikiye ibikorwa bigamije ubukangurambaga ku bumwe n'ubwiyunge, imitekerereze ku bumwe n'ubwiyunge yarushaho kunoga kandi ikubahirizwa n'abanyarwanda, bityo bigatuma ubumwe n'ubwiyunge ku rwego rw'Igihugu bushimangirwa ku buryo burambye | Ibikorwa bigamije ubukangurambaga ku bumwe n'ubwiyunge | • Ibikorwa ngarukagihe bikangurira ubumwe n'ubwiyunge *(periodical campains)*<br>• Imfashanyigisho mu guhanahana amakuru zifashishwa mu gukangurira abaturage ubumwe n'ubwiyunge. |
| **5. : Gushyigikira no guteza imbere ibikorwa by'abaturage bigamije ubumwe n'ubwiyunge** | Niba ibigo biteye inkunga ibikorwa by'abaturage bigamije Ubumwe n'Ubwiyunge, Ubumwe n'Ubwiyunge bwarushaho kwitabirwa bihereye mu nzego z'ibanze. | Inkunga zo gushyigikira ibikorwa by'abaturage bigamije kwimakaza ubumwe n'ubwiyunge. | • Inkunga zifatika zitangwa (amafaranga, ibintu/ibikoresho, ibihembo (ishimwe) ku bikorwa by'indashyikirwa<br>• Inkunga zidafatika |

| Aho amakuru akenewe | Ibigomba gushingirwaho | Ibipimo bigari | Ibipimo biciritse |
| --- | --- | --- | --- |
| | | | (ubujyanama, kubaka ubushobozi, ibiganiro...) |
| **6. Gukurikirana no gusuzuma uko Ubumwe n'Ubwiyunge bihagaze mu baturage *(birareba gusa inzego z'ibanze)*** | Inzego z'ibanze ziramutse zikurikiranye kandi zigasuzuma ibigerwaho n'ibibangamira Ubumwe n'Ubwiyunge mu baturage, zakoroherwa mu kubona amakuru azifasha mu gufata ibyemezo biboneye mu gukemura ibibazo by'ingenzi, bityo guteza imbere Ubumwe n'Ubwiyunge mu Banyarwanda bigashimangirwa | Uburyo bukoreshwa mu gukurikirana uko ubumwe n'ubwiyunge buhagaze mu baturage | • Hariho ikurikirna n'isuzuma ngarukagihe ku bumwe n'ubwiyunge *(periodical monitoring and evaluation)*<br>• Hariho uburyo bukoreshwa mu gukusanya amakuru *(data collection tools)*<br>• Hakorwa raporo ngarukagihe *(periodical reports)* zigaragaza uko ubumwe n'ubwiyunge buhagaze mu baturage<br>• Hakorwa ibikorwa bigamije gukemura ibibazo byagaragaye (niba bihari) |

| Aho amakuru akenewe | Ibigomba gushingirwaho | Ibipimo bigari | Ibipimo biciritse |
|---|---|---|---|
| **7.Ibyabangamira cyagwa ibyateza imbere Ubumwe n'ubwiyunge** | Niba ibibangamiye cyangwa ibishobora kubangamira ndetse nibishora guteza imbere Ubumwe n'Ubwiyunge mu Banyarwanda. bigaragajwe ku buryo buhoraho muri buri kigo, byatuma hafatwa vuba na bwangu ingamba ziboneye zigamije gushimangira ubumwe n'ubwiyunge | Ibikorwa bibangamiye cyangwa bishobora kubangamira ubumwe n'ubwiyunge | ▪ Kuba hari ibikorwa bibangamiye cyagwa bishobora gutera amakimbirane |
| | | Ibigaragara bishobora guteza imbere Ubumwe n'Ubwiyunge. | ▪ Kuba hariho ibintu byagenderwaho mu guteza imbere Ubumwe n'Ubwiyunge. |
| **8. Gukumira no gukemura amakirambirane** | Niba mu bigo hashyizweho uburyo bwo gukumira no gukemura amakimbirane, byafasha mu gushimangira amahoro mu kazi, ibyo bikagira ingaruka nziza mu gushimangira Ubumwe n'Ubwiyunge mu bigo, bityo bikagera no mu banyarwanda<br><br>. | Uburyo bwo gukumira no gukemura amakimbirane | • Hariho mu kigo urubuga rwo guhana amakuru no kuganira hagamijwe gukumira no gukemura amakimbirane.<br>• Hariho mu kigo umurongo ngenderwaho washyizweho wo gukumira no gukemura amakimbirane.<br>• Hariho uburyo bukoreshwa mu kuganira n'abaturage ku buryo buhoraho hagamijwe gukumira no gukemura |

Mu gutegura “monitoring strategy”, hasuwe inzego 29 (zirimo ministeri n’ibigo bya Leta, imitwe ya politiki,sosiyete civile,…) , haganirwa kuri Politiki y’Igihugu y’Ubumwe n’Ubwiyunge n’ibyo isaba inzego gushyira mu bikorwa no ku bipimo bizagenderwaho mu ikurikiranabikorwa.

**Uburyo bwo gukusanya amakuru ku bipimo byashyizweho:**

Hateguwe uburyo (questionnaire) bwo gukusanya amakuru ku bipimo byateganijwe mu gukurikirana uko inzego zubahiriza amahame na politiki y’Igihugu y’Ubumwe n’Ubwiyunge: Ibibazo bizajya bibazwa mu bigo, abakozi ba Komisiyo bagiye muri ibyo bigo cyangwa byuzuzwe ”online”. Amakuru azajya ava mu ikurikiranabikorwa azajya ahuzwa, asesengurwe, hanyuma hakorwe raporo ya ”monitoring” izajya ishingirwaho mu iteganyabikorwa rya Komisiyo y’Ubumwe n’Ubwiyunge. Hazifashishwa kandi uburyo bw’ibiganiro (dialogue) na ”interview”.

Ibibazo byateguwe bizajya bikoreshwa mu gukurikirana ishyirwa mu bikorwa rya Politiki y’Igihugu y’Ubumwe n’Ubwiyunge mu nzego zitandukanye, byakorewe igeragezwa (pre-test) mu nzego 10 zitandukanye. Ibipimo bizakoreshwa bizabanza bigezwe kandi bisobanurirwe abafatanyabikorwa ba NURC .

### 3.3. Gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry’imyanzuro yafashwe mu gukemura amakimbirane mu Idini rya Islam ndetse n’Itorero ADEPR

Komisiyo yagize uruhare rukomeye mu guhuza no gukemura amakimbirane yagaragaye mu idini ya Islam ndetse no mu itorero rya ADEPR. Uretse gufasha mu buhuza , Komisiyo yanatanze inama z’icyakorwa ku nzego zinyuranye bireba kugira ngo hafatwe ingamba zo gukumira no guhashya amacakubiri yagaragaye haba muri Islam no muri ADEPR
Nyuma yo guhosha amakimbirane, Komisiyo yakomeje gukurikirana no kugira inama abayobozi bashya bagiyeho muri Islam no muri ADEPR , hagamijwe gukumira icyakongera kubyutsa umwuka mubi no kugirango imyanzuro biyemeje bayikurikize.

Muri uyu mwaka w’ibikorwa 2013-2014, binyujijwe muri gahunda ya Ndi Umunyarwanda Komisiyo yagize ibiganiro byihariye n’Abapasteri n’abakozi bo mu biro bihoraho bya ADEPR. Ibiganiro nk’ibi nanone byakozwe mu Idini ya Islam.

Uretse ibikorwa byakozwe mu bufatanye na ADEPR na Islam, ku rwego rwa buri dini n’Itorero bakoze ibikorwa bitandukanye bigamije isanamitima, ubumwe n’ubwiyunge, kuremera abatishoboye no kugarura umwuka mwiza mu bayoboke nk’uko raporo bashyikirije Komisiyo zibigaragaza.

Komisiyo kandi ikomeza kugirana ibiganiro n’andi madini n’amatorero mu rwego rwo gukumira amakimbirane ataravuka .

## 4. GUKORANA N'IZINDI NZEGO NO GUHUZA IBIKORWA BIGAMIJE GUTEZA IMBERE UBUMWE N'UBWIYUNGE

**Iriburiro**

Kurwanya amacakubiri n'ivangura iryo ari ryo ryose no kwimakaza Ubumwe n'Ubwiyunge ni inshingano ya buri munyarwanda. Ishyirwamubikorwa rya Politiki y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge bireba inzego zose zaba iza Leta, abikorera, imiryango itegamiye kuri Leta n'abanyarwanda muri rusange.

Nkuko bikubiye mu nshingano ya mbere n'iya cyenda: Komisiyo y'Igihugu y'ubumwe n'ubwiyunge isabwa **gutegura no guhuza gahunda y'ibikorwa by'Igihugu bigamije ubumwe n'ubwiyunge; gukorana n'izindi nzego zaba izo mu gihugu cyangwa izo mu mahanga zifite ibikorwa bifite aho bihurira n'inshingano zayo mu rwego rwo guteza imbere ubumwe n'ubwiyunge.**

Mu kuzuza izi nshingano Komisiyo yihatira kubaka ubufatanye n'inzego zose, iza Leta n'izitari iza Leta, ifatanya n'abanyarwanda mu ngeri zose kugirango barusheho kugira Politiki y'ubumwe n'ubwiyunge iyabo no kuyikangurira bagenzi babo. Ku bijyanye n'inshingano zavuzwe haruguru, muri uyu mwaka hakozwe ibikorwa bikurikira:

### 4.1 Ubufatanye n' inzego za Leta

**- Komisiyo y'Igihugu ishinzwe kurwanya jenoside**

Kwibuka haharanirwa ko jenoside itazongera kubaho ukundi ni rimwe mu mahame y'ingenzi ya Politiki y'Igihugu y'ubumwe n'ubwiyunge, akaba ariyo mpamvu NURC igira uruhare mu bikorwa byo kwibuka Jenoside yakorewe abatutsi mu 1994.
By'umwihariko kwibuka ku nshuro ya 20 jenoside yakorewe Abatutsi byahuriranye na gahunda yo kongera kubaka ubunyarwanda binyuze muri gahunda ya " Ndi Umunyarwanda". Komisiyo yafatanije na CNLG n'izindi nzego gutegura ibiganiro byifashishijwe no kubigeza ku banyarwanda hirya no hino mu gihugu mu gihe yo kwibuka.

**- Komisiyo yo gusubiza mu buzima busanzwe ingabo zavuye ku rugerero**

Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge ifatanya na Komisiyo yo gusubiza mu buzima busanzwe ingabo zavuye ku rugerero (RDRC), mu gutegura abahoze mu mitwe irwanira mu mashyamba ya Congo gusubira mu buzima busanzwe, bahabwa inyigisho ku mateka y'u Rwanda , inzira y'ubumwe n'ubwiyunge bakanasobanurirwa aho u Rwanda rugeze rwiyubaka kandi bagakangurirwa kubana neza n'abo basanze. Muri uyu mwaka wa 2013-2014, abahoze mu mashyamba basobanuriwe ubumwe n'ubwiyunge bw'abanyarwanda, bategurirwa gusubira mu buzima buzanzwe.

**- Urwego rw'Igihugu rushinzwe imfungwa n'abagororwa (RCS)**

Komisiyo y'Ubumwe n'Ubwiyunge ikorana mu buryo bwa hafi n'urwego rushinzwe imfungwa n'abagororwa , mu bujyanama (NURC ni rumwe mu nzego zigize Board ya RCS) no gutanga ibiganiro bigamije gukangurira abagororwa , ubumwe n'ubwiyunge no kubategura kubana neza n'abo bazasanga nyuma y'ibihano.Mu mwaka w'ibikorwa 2013-2014, ibiganiro muri gahunda ya Ndi Umunyarwanda byatanzwe mu magereza yose uko ari 14.

**- Itorero ry' Igihugu**

Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'ubwiyunge yafatanije n'Itorero ry'Igihugu mu gutegura imfashanyigisho ikoreshwa mu gutoza, ibyiciro bitandukanye by'abanyarwanda. Komisiyo kandi yagize uruhare mu gutanga ibiganiro ku bumwe n'ubwiyunge mu byiciro bitandukanye by'abatozwa mu itorero ry'Igihugu

**- REB (Rwanda Education Board)**

Komisiyo yagize uruhare mu ivugurura ry'Integanyanyigisho z'amashuri abanza n'ay'isumbuye mu kwinjizamo umuco w'amahoro,ubumwe n'ubwiyunge na gahunda ya "Ndi Umunyarwanda".

**- Komisiyo y'Igihugu y'Abana (NCC)**

Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge ikorana mu buryo bwa hafi na Komisiyo y'Igihugu y'Abana, mu gutegura inama y'igihugu y'abana no mu bindi bikorwa byo kwimakaza umuco w'amahoro mu bana. NURC ni rumwe mu nzego zigize inama ngishwanama ya NCC.

**- Komisiyo y'Amatora:**
NURC ifatanya na Komisiyo y'amatora mu gutegura no gukurikirana amatora muri rusange no mu kwigisha uburere mboneragihugu .

- **Urwego rw'Igihugu rushizwe Intwari , impeta n'imidari y'ishimwe**

Komisiyo y'Igihugu y'ubumwe n'ubwiyunge yafatanije n'uru rwego mu gutegura no kwizihiza umunsi w'intwari ku rwego rw'Imidugudu binyujijwe muri gahunda ya "Ndi Umunyarwanda". Komisiyo yafashije kandi mu gushyiraho,guhugura no gukurikirana club z'ubutwari mu mashuri.

**- Ministeri y'Ububanyi n'amahanga**

Mu bufatanye na Ministeri y'ububanyi n'amahanga , hateguwe ibiganiro muri Diaspora kuri gahunda ya "Ndi Umunyarwanda" . Hateguwe kandi umwiherero w'abahagarariye u Rwanda mu mahanga kuri gahunda ya " Ndi Umunyarwanda".

Mu buryo bw'umwihariko muri uyu mwaka w'ibikorwa Komisiyo yakoranye n'inzego zose muri gahunda ya Ndi Umunyarwanda .

**-Inteko ishingamategeko imitwe yombi**

Inteko ishingamategeko imitwe yombi bafatanya na Komisiyo mu bikorwa byo kwimakaza Ubumwe n'ubwiyunge bw'Abanyarwanda ,aho buri mu depite n'umusenateri bafite imirenge yihariye bakurikirana mu bumwe n'ubwiyunge.. By'umwihariko abagize inteko ishingamategeko imitwe yombi bagize uruhare rwihariye mu kugeza ku banyarwanda gahunda ya Ndi Umunyarwanda.

**4.2. Ubufatanye n'imiryango itari iya Leta**

**- Ubufatanye na Unity Club Intwararumuri**

Unity Club Intwararumuri ni ihuriro ry'Abayobozi bari muri Guverinoma, abayihozemo, n'abo bashakanye. Ryatangiye muri Gashyantare 1996, rifite intego yo "kwimakaza umuco w'ubumwe n'amahoro, byo nkingi z'iterambere rirambye". Umuyobozi mukuru wa Unity Club akaba ari Nyakubahwa Madamu wa Perezida wa Repubulika y'u Rwanda, Mme Jeannette KAGAME.

Mu rwego rwo kwiyubaka kw'Abanyamuryango no kuba ku isonga mu guharanira no kubungabunga ubumwe bw'Abanyarwanda, Unity Club itegura ibiganiro bihuza abanyamuryango bayo buri mwaka. Ibi biganiro bitegurwa mu bufatanye na Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge nk'urwego rufite inshingano yo guhuza ibikorwa biteza imbere ubumwe n'ubwiyunge, bikaba kandi umuyoboro mwiza wo gufatanya n'abayobozi bakuru b'igihugu kubaka ubumwe n'ubwiyunge.

Mu mwaka wa 2013, Komisiyo y'Igihugu y'ubumwe n'ubwiyunge ifatanije na Unity club bateguye ihuriro rya gatandatu rifite insanganyamatsiko igira iti: " Ndi Umunyarwanda"

Mu mahuriro yabanjirije iri haganiriwe ku nsanganyamatsiko zikurikira:

- Kubaka ubumwe bw'Abanyarwanda uhereye mu muryango;
- Uruhare rw'abayobozi mu kubaka ubunyarwanda;
- Uruhare rw'Abayobozi mu gushimangira umuco w'ubworoherane n'ukuri, tugamije kunga no kubanisha neza Abanyarwanda; Intwararumuri mu guhesha Agaciro Umunyarwanda twimakaza Ubumwe n'Iterambere.

**- Ubufatanye mu ishyirwamubikorwa ry'umushinga wa "Sociotherapy":**

Ni uburyo bufasha abantu batuye hamwe kwitekerezaho no gutekererezanya ibibazo bibugarije n'inzira igana ku bisubizo birambye. Ni urubuga bahuriramo bakayaga, bakayagirana, "Umvure, Nkuvure Tuvurane kivandimwe".

Intego

- Kugarura ihumure n'agaciro mu mitima y'abanyarwanda
- Kugabanya ibibazo by'ihungabana n'imibanire idahwitse
- Gufasha abantu guhagarara kigabo muri gahunda za Leta zigamije ubumwe n'ubwiyunge bw'abanyarwanda (Gacaca,)

Uturere umushinga ukoreramo :

Uyu mushinga uzamara imyaka itatu ukorera mu turere tubiri muri buri ntara ari two Bugesera Na Gatsibo,Rulindo Na Gicumbi, Rubavu Na Karongi, Muhanga na Nyamagabe.

Abashyira mu bikorwa uyu mushinga:

Uyu mushinga uterwa inkunga na Ambassade y'Ubuholandi mu Rwanda ugashyirwa mu bikorwa n'ihuriro ry'Imiryango ine ariyo

- EAR –Diyosezi ya Byumba
- Prison Fellowship Rwanda
- Duhumurizanye Iwacu
- Abafatanyabikorwa
- Inzego za Leta: NURC, MINISANTE, CNLG, MINIJUST

Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'ubwiyunge ikaba ikuriye urwego ngishwanama muri uyu mushinga.

**Abagenerwabikorwa:**

- Abakorerabushake
- Amadini n'Amatorero:
- Imiryango yigenga:
- Abacitse ku icumu
- Abafunguwe n'imiryango ifite ababo bafunze
- Abanyeshuri
- Abapfakazi
- Impfubyi
- Ababyariye iwabo
- Abahoze ari indaya…

### 4.3. Kongerera ubushobozi abafatanyabikorwa

**Iriburiro**

Kongera ubushobozi bw'abafatanyabikorwa ni imwe mu ngamba NURC yifashisha kugirango Politiki y'Igihugu y'ubumwe n'ubwiyunge igere ku banyarwanda benshi kandi bayigire iyabo. Abongererwa ubushobozi akenshi ni abo NURC yifashisha mu bikorwa binyuranye by'ububumwe n'ubwiyunge bakayifasha kugera ku nshingano zayo. Kongera ubushobozi binyuzwa mu bikorwa bitandukanya, muri byo twavuga : amahugurwa, inama, ibiganiro, ubufasha mu bijyanye n'ingengo y'imari, ibikoresho,....

Mu mwaka w'ibikorwa 2013-2014, NURC yubatse ubushobozi bw'abafatanyabikorwa ibinyujije mu mahugurwa yahawe abanyamuryango b'Inyenyeli (ishyirahamwe ryahawe igihembo cy'ubumwe n'ubwiyunge cya 2012), Abakangurambaga b'ubutabera n'amahoro bo muri Paruwasi ya Rwamagana, abanyeshuri bo muri za Kaminuza zo mu mujyi wa Kigali n'abakangurambaga b'ubumwe n'ubwiyunge mu Turere two mu ntara y'amajyepfo.

Hakozwe kandi ibiganiro bigamije gufasha abafatanyabikorwa gusuzuma aho bageze urugendo rw'ubumwe n'ubwiyunge na gahunda ya Ndi Umunyarwanda. Ibi biganiro byari bigenewe abahagarariye abandi ku rwego rw'uturere no muri Kaminuza n'amashuri makuru.

Mu kongerera abafatanyabikorwa ubushobozi na none hakozwe inama zigamije gusuzuma imikorere n'imikoranire no gutegurira hamwe ibikorwa. Izi nama zahuje NURC na Komite z'Abafatanyabikorwa ku rwego rw'Uturere.

#### 4.3.1. Amahugurwa y' abagize Umuryango Inyenyeli ku wa 6-7/08/2013

Umuryango Inyenyeli watangiye mu mwaka w'1994 uvukira mu karere ka Rubavu, utangizwa n'Umusaza Mudenge Boniface. Igitekerezo cyo kuwushinga cyavuye mu buryo yabonaga nyuma ya Jenoside abanyarwanda babanye nabi kandi bafitanye urwangano n'urwicyekwe bikabije hagati yabo, bitewe n'amahano yagwiririye u Rwanda akarugeza kuri Jenoside yakorewe abatutsi mu 1994. Uwo muryango ufite intego yo kwimakaza amahoro, imibanire myiza hagati y'abarokotse jenoside n'abagize uruhare muri Jenoside. Ibikorwa byabo byubakiye ku ndangagaciro z'umuco nyarwanda no ku migenzo myiza yarangaga abakurambere babo. Ibikorwa by'uyu muryango bibarizwa mu mirenge ya Bugeshi (aho ufite icyicaro), Mudende, Busasamana, Kabatwa na Kanzenze. Ufite abanyamuryango 60 ariko abagenerwabikorwa ni abaturage bose bo muri iyi mirenge umuryango ubarizwamo.

Mu mwaka wa 2012, uyu muryango wahawe Igihembo cy'ubumwe n'ubwiyunge ku rwego rw'Igihugu, ugishyikirizwa na Nyakubahwa Perezida wa Repubulika.Nyuma y'uko iri shyirahamwe risuwe n'intumwa za Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge bafatanyije n'ubuyobozi bwa Unity Club Intwararumuri, hagamijwe guhitamo igikorwa cy'indashyikirwa mu bumwe n'ubwiyunge cyari guhabwa igihembo cyo ku rwego rw'Igihugu na Nyakubahwa Prezida wa Repubulika. Hasuwe amashyirahamwe menshi mu Turere tunyuranye tw'Igihugu afite ibikorwa byiza by'Ubumwe n'Ubwiyunge. Mu gusura umuryango Inyenyeli, basanze warakoze ibikorwa binyuranye kandi byiza ndetse umuntu atatinya kwita ibikorwa by'indashyikirwa. Iryo shyirahamwe riza gutoranwa mu yandi menshi rihabwa igihembo mu mwaka wa 2012.



*Abanyamuryango b'Inyenyeri mu mahugurwa*

Nyuma y'ibiganiro no kungurana ibitekerezo, abari mu mahugurwa bagize umwanya wo gukorera mu matsinda bagaragaza uko ubumwe n'ubwiyunge bwifashe aho batuye, barebera hamwe ibitera amakimbirane kandi bafata ingamba z'ibikorwa bagiye gukora.

| **Ibibazo bikwiye kwitabwaho** | **Icyo Abagize umuryango Inyenyeli babikoraho** |
|---|---|
| Amakimbirane ashingiye ku mitungo yo mu ngo | Gukangurira imiryango kubana neza no gusaranganya umutungo w’urugo |
| | Gushakira ubushobozi abanyamuryango kugirango bakomeze bakore inshingano biyemeje yo kunga no kubanisha abanyarwanda |
| Amarangamutima no kubogama mu gucyemura ibibazo by’abaturage | Kugira inama ubuyobozi, bukirinda amarangamutima mu gukemura ibibazo by’abaturage |
| Kutariha imitungo yangijwe mu gihe cya Jenoside bitewe n’impamvu zinyuranye (kunangira, ubukene….) | Gukora ubuvugizi |
| Intege nke z’ubuyobozi mu kurangiza imanza zijyanye n’imitungo yangijwe mu gihe cya Jenoside | Kwegera ubuyobozi no kubugira inama |
| Ubukene mu baturage | Gufasha Leta mu gushishikariza abanyarwanda gukura amaboko mu mifuka bagashaka icyabateza imbere no gukorera hamwe (cooperatives) |
| Kwinangira mu bijyanye no gusaba imbabazi ku bakoze ibyaha bya Jenoside | Ubukangurambaga, n’inyigisho zikangurira abagize uruhare muri Jenoside gusaba imbabazi zivuye ku mutima |
| Urwicyekwe rukiranga impande zombi (abahemutse n’abahemukiwe) | Gufasha Leta mu bijyanye no guteza imbere imibanire myiza y’abanyarwanda |
| Ibihuha ku maradiyo cyane cyane yo hanze y’igihugu bitera urujijo mu baturage | Kuba abafashamyumvire b’abandi bafasha abanyarwanda kumenya gusesengura ibivugwa no kureba kure |

| | |
|---|---|
| Kugaragaza ko abanyarwanda hari urwego bagezeho rwo hejuru kandi atariko bimeze, hagamijwe kwesa imihigo y'abayobozi b'inzego z'ibanze | Guhwitura abayobozi b'inzego z'ibanze tubagaragariza ibibazo abanyarwanda bafite, kuko kubigaragaza aribwo buryo bwo kugirango bikemuke |
| Kuba hari imanza zarangijwe zijyanye n'imitungo yangijwe mu gihe cya Jenoside, ubu zikaba zarabaye itegeko kandi ku bigaragara abagomba kwishuyura nta bushobozi bafite bwo kwishyura. | "Leta yagira uruhare mu gucyemura icyo kibazo kuko amakosa yakozwe na Leta mbi, Leta y'ubumwe igomba kugira icyo ikora" |
| Ikibazo cy'ababyeyi batabwiza abana ukuri ku byabaye mu gihe cya Jenoside n'inyigisho zo ku mashyiga; | Ubukangurambaga mu gushishikariza abantu kuvugisha ukuri, kabone n'iyo bakuzira |
| Imyumvire itandukanye ku mateka y'u Rwanda | Kwigisha amateka atabogamye |
| Imibereho mibi ikiranga abarokotse Jenoside; | Gufasha abacitse ku icumu no kubakorera ubuvugizi |
| Kuba indangagaciro na Kirazira by'umuco nyarwanda bigenda bicika | Gufasha umuryango nyarwanda kugarura indangagaciro ikomeye y'ubumuntu bwatakaye cyane cyane mu gihe cya jenoside ahabaye ibyaha by'ubwicanyi ndengakamere |
| Ibikomere bikiri bibisi mu banyarwanda cyane cyane bigaragara ku bacitse ku icumu rya Jenoside | Kugerageza komorana ibikomere hakoreshejwe uburyo bw'isanamitima no Gufasha abarokotse jenoside gukomeza kwiyubaka |
| Kuba ubumwe n'ubwiyunge butaza mu bikorwa by'ingenzi mu mirenge, hakitabwa ku by'iterambere cyane | Kwegera abayobozi kugirango gahunda z'ubumwe n'ubwiyunge nazo zitabweho<br>Gukora ubuvugizi kugirango mu tugoroba tw'ababyeyi hinjizwemo ibiganiro ku bumwe n'ubwiyunge. |

**Ibyifuzo by'abahuguwe**

- Amahugurwa ahoraho ku bumwe n'ubwiyunge no kuzindi gahunda za Leta;
- Gufashwa mu gukorerwa ingendoshuri ku bo basangiye intego;
- Guhabwa imfashanyigisho;
- Gukorerwa ubuvugizi mu rwego rwo kumenyekanisha ibikorwa byabo;
- Kubavuganira ku baterankunga;
- Gufashwa mu kugera ku bafatanyabikorwa babo (abaturage);
- Kurindirwa umutekano mu gihe cyo gucyemura amakimbirane.

**4.3.2 Amahugurwa y'intumwa z'ubutabera n'Amahoro muri Paruwasi ya Rwamagana**

Aya mahugurwa yakozwe ku matariki ya 3 - 6 Kanama 2013 mu buryo bukurikira. Hahuguwe abantu 200 bahagarariye abandi, bahugurwa mu byiciro bibiri.
Buri cyiciro cyahuguwe iminsi ibiri gihabwa ubumenyi bw'ibanze kuri Politiki y'Igihugu y'ubumwe n'ubwiyunge; gukumira no gukemura amakimbirane.

**Intego y'amahugurwa**

- Gusobanurira abagize Komisiyo y'Ubutabera n'amahoro Politiki y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge;
- Kubahugura ku bijyanye n'umuco wo kubaka amahoro gukemura no gukumira amakimbirane;
- Kubahugura ku buryo bwo gutanga amakuru ku bimenyetso nteguza by'amakimbirane;
- Kubaka ubufatanye na Komisiyo y'Ubutabera n'amahoro ku rwego rwa Diyosezi ya Kibungo no gushyira mu bikorwa imyanzuro yafatiwe mu biganiro na Kiliziya Gatolika mu ma Diyosezi yose;

**Nyuma y'ibiganiro biyemeje ibi bikurikira**

- Jenoside yateye ibikomere ku banyarwanda bose, tugomba gufatanya kugirango bikire;
- Kuba intangarugero muri bagenzi babo, kuko bafite akarusho ko kuba ari abakristu, bakurikiza Ivanjili ya Yezu Kristu;
- Kudacika intege mu kugenderera inshuro nyinshi abafite ibibazo by'ihungabana kubera Jenoside, buhoro buhoro bazakira;
- Umurimo ukomeye mu kunga abanyarwanda, ni twe abakangurambaga b'Ubutabera n'Amahoro tugomba kuwugiramo uruhare runini mu gufasha benshi;
- Mu kuvura abantu ibikomere bidusaba kumenya ukuri ku byabaye;…

### 4.3.3 Amahugurwa y'abakangurambaga b'ubumwe n'ubwiyunge

Amahugurwa yitabiriwe n'abakangurambaga b'ubumwe n'ubwiyunge baturutse mu ntara y'amajyepfo, amajyaruguru n' umujyi wa Kigali .Imbonerahamwe ikurikira iragaragaza uko amahugurwa yitabiriwe .

**Ku rwego rw'umurenge**

| Intara | Imirenge | Umubare w'abitabiriye /umurenge | Abatabiriye bose |
|---|---|---|---|
| Umujyi wa Kigali | 35 | 5 | 175 |
| Amajyaruguru | 89 | 5 | 455 |
| Amajyepfo | 101 | 5 | 505 |
| Total | | | **1125** |

**Ku rwego rw'Akarere**

| Intara | Umubare w'Uturere | Abitabiriye/Akarere | Abitabiriye bose |
|---|---|---|---|
| Umujyi wa Kigali | 3 | 3 | 9 |
| Amajyaruguru | 5 | 3 | 15 |
| Amajyepfo | 3 | 8 | 24 |
| bose | | | **48** |

**Ingingo Amahugurwa yibanzeho:**

- Politiki y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge
- Gukumira no gukemura amakimbirane
- Gahunda ya ''Ndi Umunyarwanda''



*Abitabiriye amahugurwa bari mu mirimo yo mu matsinda*

Nyuma y'ibi biganiro no kungurana ibitekerezo, abari mu mahugurwa bafashe ingamba n'ibyifuzo bikurikira:

**Ingamba**

- Biyemeje kuba bandebereho no gukomeza gukora ubukangurambaga muri gahunda y'ubumwe n'ubwiyunge no kurandura burundu imyumvire mibi aho ikigaragara mu kubangamira ishyirwa mu bikorwa rya Politiki y'ubumwe n'ubwiyunge;
- Biyemeje gufatanya n'inzego z'ibanze (Akarere n'umurenge) muri gahunda y'ibikorwa by'ubukangurambaga n'imikoreshereze y'ingengo y'imari iba yateganirijwe gahunda y'ubumwe n'ubwiyunge;
- Biyemeje kuzuza komite z'inzego z'abakangurambaga aho zituzuye kandi urutonde rukagezwa muri Komisiyo y'ubumwe n'ubwiyunge;
- Biyemeje kujya bakora igenamigambi ry'ibikorwa by'umwaka no gutanga raporo y'ibyakozwe.

**Ibyifuzo**

- Barasaba NURC gukora ubuvugizi ku nzego z'uturere, ingengo y'imari iteganyirijwe gahunda y'ubumwe n'ubwiyunge ntigume gusa ku rwego rw'akarere, ikanagezwa ku murenge kandi hakabaho imikoranire myiza hagati yabo n'abashinzwe ingengo y'imari mu turere n'imirenge;
- Mu rwego rwo kongerera abakangurambaga ubushobozi mu nshingano zabo, bifuje gutegurirwa ingendoshuri aho ibikorwa by'ubumwe n'ubwiyunge byamaze gushinga imizi.

**Gusoza amahugurwa**

Amahugurwa yasojwe n'ijambo ry'Umunyamabanga Nshingwabikorwa wa Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge. Yashimiye abitabiriye amahugurwa anabakangurira kubaka umuco w'ubumwe n'ubwiyunge aho batuye. Yashimangiye ko bagomba kubakira ku ndangagaciro za Ndi Umunyarwada. Yababwiye ko "Ndi umunyarwanda" atari ikiganiro gusa, ahubwo ari uguhinduka, ko ari igihango cya buri wese n'igihugu cyacu



*Umunyamabanga Nshingwabikorwa wa NURC asoza ibiganiro*

Yibukije abakangurambaga b'ubumwe n'ubwiyunge ko ari aba ambasaderi bafite agaciro n'imbaraga. Abamenyesha ko bagomba kubikoresha neza bagahora ari abarinzi cyane cyane ku rubyiruko rwihutira gufatwa n'ibishuko. Yababwiye ko indangagaciro za ''Ndi Umunyarwanda'' zikwiye kubarinda ibyo byose. Asoza yabasabye kujya bamenyekanisha ibibazo n'amakimbirane bigaragara aho batuye bakoresheje uburyo bwa "Early Warning System" no kwirinda ibinyamakuru bikwirakwiza amacakubiri n'ingengabitekerezo ya Jenoside n'ababiri inyuma kuko bigamije gusenya u Rwanda.

**4.3.4 Inama n'abagize komite nyobozi z'amahuriro (forums) y'Ubumwe n'Ubwiyunge mu Turere twose**

Mu bufatanye bwa NURC na "Search for Common Ground" hateguwe inama y'iminsi ibiri ihuza Komite za Forum z'Ubumwe n'Ubwiyunge mu Turere twose.

**Intego z'inama:**

- Gusuzuma ibikorwa by'ingenzi byagezweho na Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge mu mwaka wa 2012-2013;
- Gusuzuma ibikorwa by'ingenzi byagezweho na Forum z'ubumwe n'ubwiyunge mu mwaka wa 2012-2013 mu Turere;
- Ibikorwa by'ingenzi biteganyijwe kugerwaho na Komisiyo y'Igihugu y'ubumwe n'ubwiyunge mu mwaka wa 2013-2014 n'uruhare rwa Forum z'uturere mu kubigeraho;
- Ingamba zo gushyira mu bikorwa, ibiteganijwe mu mwaka wa 2013-2014.
- Gushyigikira no gukurikirana ibikorwa by'ubumwe n'ubwiyunge mu karere n'ishyirwa mu bikorwa ryabyo ;
- Kumenyekanisha ibikorwa by'ubumwe n'ubwiyunge mu nzego zose zikorera mu karere;
- Gukora raporo z'ibyakozwe mu bumwe n'ubwiyunge buri gihembwe no kuyigeza kuri Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge;
- Kurushaho gutegura no kunoza icyumweru ngarukamwaka cy'ubumwe n'ubwiyunge no gukurikirana imigendekere myiza yacyo;
- Ibyifuzo by'abitabiriye ibiganiro : bashyigikiye ko ibiganiro mpaka mu banyarwanda bikomeza ariko ko hakwiye amahugurwa y'uko bikorwa neza ku bazafasha mu kubitanga;
- Bifuje ko bajya bahura nibura rimwe mu gihembwe bakaganira kuri raporo zatanzwe kugira ngo basangire udushya n'ubunararibonye, kugira ngo barusheho kunoza imikorere;
- Bifuje ko Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge yafasha Forum z'ubumwe n'ubwiyunge z'Uturere gukora ingendo shuri mu turere bigaragara ko twakataje mu bikorwa by'ubumwe n'ubwiyunge.

#### 4.3.5 .Ibiganiro n'abanyamuryango ba Clubs z'Ubumwe n'Ubwiyunge muri Kaminuza n'amashuri makuru

Amahuriro y'ubumwe n'ubwiyunge mu mashuri makuru na Kaminuza ni umuyoboro Komisiyo y'Igihugu y'ubumwe n'ubwiyunge ikoresha mu gukora ubukangurambaga mu rubyiruko rwa za Kaminuza n'amashuri makuru ndetse no mu rundi rubyiruko muri rusange.

Abagize aya mahuriro bagira uruhare rukomeye mu bukangurambaga mu bumwe n'ubwiyunge mu biganiro mu mashuri yisumbuye ndetse no mu miryango aho bakomoka. Aya mahuriro yagize uruhare rukomeye mu kugabanya ingengabitekerezo ya Jenoside mu mashuri.

**Intego z'ibiganiro**

Ibiganiro bigamije kongera gukangurira abagize aya mahuriro y'ubumwe n'ubwiyunge uruhare rwabo mu gukomeza kuba intumwa zo guharanira ubumwe n'ubwiyunge bw'abanyarwanda. Iyi gahunda yahereye kuri Kaminuza n'amashuri makuru biri mu mujyi wa Kigali

**Ibigo by'amashuri makuru byagezweho n'iyi gahunda**

| **Ishuri** | **Umubare w'abanyamuryango** | **Itariki** | **Aho ibiganiro byabereye** |
|---|---|---|---|
| 1. ULK | 287 | 18/6/2014 | ULK/Kigali |
| 2. KIE | 321 | 19/6/2014 | KIE |
| 3. INILAK | 212 | 20/6/2014 | INILAK |
| **Total** | **820** | | |

#### 4.3.6. Ibiganiro n'amashyirahamwe y'urubyiruko aharanira amahoro, ubumwe n'ubwiyunge

Jenoside yakorewe abatutsi, yahitanye imbaga isaga miliyoni, isiga isenye umuryango nyarwanda, ishegeshe imitima ya benshi, bimwe mu bibazo ndetse n'ingaruka za jenoside birimo abagore n'abakobwa bafashwe ku ngufu benshi muri bo bibaviramo kubyara abana batateganije aribo bita "abana b'amateka", hari kandi n'impfubyi, abapfakazi n'incike.

Ni muri urwo rwego hagiye habaho ibikorwa bitandukanye bya Leta ndetse n'imiryango Nyarwanda itari iya leta igamije guhangana n' ingaruka, kugarura icyizere no kubaka umuryango nyarwanda muri rusange.

Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge yateguye amahugurwa y'iminsi ibiri kuri iyo miryango ndetse n'abagenerwabikorwa bayo. Abitabiriye ayo mahugurwa bose hamwe ni 210.

**Amashyirahamwe yagiranye ibiganiro na NURC ni aya akurikira:**

**-Best Hope Rwanda** ufite intego yo kwita ku bagore n'abakobwa bafashwe ku ngufu mu gihe cya jenoside yakorewe abatutsi muri 1994 ndetse no kwita ku bana bavutse muri uko gufatwa ku ngufu.
**-Hope Foundation Rwanda** igamije kwibuka abagore n'abakobwa bakorewe iyicwa rubozo ndetse ikaba yita no kubahohotewe muri icyo gihe cya jenocide ndetse n'umuryango
**-Hope and Peace Foundation** ugamije kwimakaza umuco w'ubumwe n'ubwiyunge, ihuza urubyiruko rwarokotse genoside ndetse n'urubyiruko rukomoka mu miryango yakoze jenoside, yita kandi ku incike zigeze mu zabukuru ndetse n'bana bavutse mu gufatwa ku ngufu.

Intego z'amahugurwa:

- Kurebera hamwe ibibazo byabo bagenerwabikorwa;
- Gusobanurirwa gahunda ya "Ndi Umunyarwanda" hagamijwe kwimakaza umuco w'amahoro, indangagaciro ndetse no kwiyumvamo ubunyarwanda kurusha gushyira imbere ubwoko;
- Gusobanurirwa ubumwe n'ubwiyunge.



*Abitabiriye amahugurwa bahawe umwanya wo kuganira ku byababayeho*

Abitabiriye ayo mahugurwa bashyizwe mu matsinda hakurikijwe ibyiciro by'imyaka yabo kugirango bakomeze guhana ubuhamya bw'ibyababayeho, kurebera hamwe ibibazo bahura nabyo kugirango bikorerwe ubuvugizi.

**Ibibazo byagaragajwe**

- Ikibazo cyo kutemerwa mu miryango bakomokamo ndetse no kubishisha;
- Kubura ibyangombwa kubera kutamenya amazina yaba se cyangwa inkomoko yabo;
- Kubura uburenganzira bungana n'ubwabandi bana bahabwa harimo uburenganzira bwo kuba no kurerwa mu miryango, uburenganzira bwo kwiga, uburenganzira bwo kuzungura, …
- Kwitwa amazina asesereza urugero: abana b'umuvumo, abana b'interahamwe, abana ba jenoside, ibinyendaro n'andi menshi;
- Ubumuga, indwara zidakira ndetse n'ihungabana rihoraho;
- Ababyeyi bamwe batarabona amacumbi yo kubamo;
- Guhangayikishwa n'imyigire y'abana babo bavutse mu gufatwa ku ngufu, kuko bo badafashwa na FARG;…
- Ipfunwe n'ikimwaro ku bana baturuka mu miryango yakoze jenoside;
- Kubura amahirwe yo kurerwa n'ababyeyi ku mpande zombi;
- Kugira inshingano zo kurera barumuna babo nabo bakiri bato;
- Gutereranwa kw'abana baturuka ku bahutu n'abatutsi, abana bagahabwa akato ku mpande zose.

**Ingamba zafashwe**

- Kwiyumva nk'umunyarwanda kuruta kwiyumva mu mazina babita ;
- Guharanira kutazagwa mu makosa nka ya babyeyi babo ;
- Guharanira kurwanira ishyaka ba nyina bababyaye ;
- Kudaheranwa n'agahinda biremamo icyizere cy'ejo hazaza ;
- Kudasesereza abana babo bavutse mu gufatwa ku ngufu;
- Kwishakamo imbaraga zo kubaho neza;
- Kubabarira no gusaba imbabazi
- Kwiteza imbere bakoresheje impano bifitemo;
- Kwimakaza umuco w'ubumwe n'ubwiyunge;
- Gusangiza urundi rubyiruko rwo mu gihugu ndetse no hanze yarwo ibitekerezo byubaka

**Ibyifuzo**

Abitabiriye aya mahugurwa bagaragarije Komisiyo y'igihugu y'ubumwe n'ubwiyunge ibyifuzo bikurikira:

- Kongererwa igihe cy'amahugurwa kuri gahunda ya " Ndi umunyarwanda" ndetse no gusobanurirwa amateka y'u Rwanda muri rusange;
- Gukorerwa ubuvugizi ku bana batiga ndetse n'abacikije amashuri;
- Gukorerwa ubuvugizi ku bagore n'abakobwa bafite ubumuga ndetse n'uburwayi budakira bukomoka mu gufatwa ku ngufu.
- Guhabwa ubushobozi ndetse n'uburenganzira bwo kujya kwigisha gahunda z'ubumwe n'ubwiyunge hirya no hino.

## 5. KUMENYEKANISHA IBIKORWA BY'UBUMWE N'UBWIYUNGE NO KWAMAGANA IBYABANGAMIRA UBUMWE N'UBWIYUNGE

### 5.1. KUMENYEKANISHA IBIKORWA BY'UBUMWE N'UBWIYUNGE

Muri uyu mwaka w'ibikorwa Nyakanga 2013 - Kamena 2014, hakozwe ibikorwa bitandukanye bigamije gusakaza no kumenyekanisha ibikorwa bya Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge bikubiye mu ngingo zikurikira:

- Kumenyekanisha ibikorwa biciye mu bitangazamakuru binyuranye byaba ibya Leta cyangwa ibyigenga birimo ibiganiro ku maradiyo, ikinamico z'uruhererekane zikubiyemo ubutumwa bw'ubumwe n'Ubwiyunge, ibiganiro kuri televiziyo muri gahunda zihariye, ibinyamakuru byandika ndetse n'ibikorera ku mbuga za internet, urubuga rwa internet (website), twitter, na facebook bya NURC....
- Gukorana inama n'abanyamakuru (Press conference);
- Kuganira n'abanyarwanda baba mu mahanga mu gihe bari bitabiriye inama y'umushyikirano no kubagezaho zimwe mu mfashanyigisho zirimo "Documentary films", kwakira abashyitsi bagana NURC no kubaha zimwe mu nyandiko ndetse na " film documentaries" ku bikorwa byerekana intambwe yatewe mu bumwe n'ubwiyunge mu Rwanda n'icyerekezo Igihugu gifite muri gahunda y'Ubumwe n'Ubwiyunge bw'abanyarwanda;
- Gukorana n'itsinda ry'ihererekanyamakuru kuri gahunda ya Ndi Umunyarwanda hagamijwe kuyumvikanisha no kuyimenyekanisha haba mu Rwanda ndetse no hanze yarwo;
- Kwakira ibitekerezo by'abaturage ku biganiro n'ibikorwa bya Komosiyo hifashishijwe umurongo wa telephone utishyurwa;

**Ikiganiro Igorora**

Binyuze mu kiganiro cya Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge "Igorora" gihita kuri Radio Rwanda buri cyumweru, guhera 13:30 kuhgeza 14:00, ibiganiro bifite insanganyamatsiko zinyuranye byanyujijwe muri uyu muyoboro.

Zimwe mu nsanganyamatsiko zaganiriweho ni izi zikurikira:

- Uruhare rw'abanyamakuru muri gahunda ya Ndi Umunyarwanda;
- Ibiganiro kuri gahunda ya Ndi umunyarwanda hirya no hino;
- Uruhare rw'amadini mu gushimangira ubumwe n'ubwiyunge;
- Urubyiruko imbaraga z'Igihugu zifasha mu kwihutisha gahunda y'Ubumwe n'Ubwiyunge;
- Abakangurambaga b'Ubumwe n'Ubwiyunge mu gufasha gahunda y'Ubumwe n'Ubwiyunge;
- Ubushakashatsi ku bipimo by'ubumwe n'ubwiyunge bw'abanyarwanda;
- Abashyitsi basura u Rwanda baje kureba intambwe rwateye;
- Ubumwe n'Ubwiyunge ni inzira ndende, itari urugendo rw'umunsi umwe;...

**Ikinamico Isano**

Mu rwego rwo kurushaho gutanga ubutumwa hakoreshejwe ikinamico, Komisiyo yanashyizeho uburyo bwo guhitisha ubutumwa biciye mu ikinamico yiswe "Isano". Ikinamico Isano, ikaba ikinwa mu bice by'uruhererekane bigaruka ku isano abanyarwanda bafitanye ifatwa nk'igihango cyo gukorera hamwe no kudahemukirana. Ibice by'iyi kinamico byagarukaga kuri gahunda ya Ndi Umunyarwanda, indangagaciro na kirazira biranga abanyarwanda, kwamagana amacakubiri n'ivangura iryo ari ryo ryose, gukorera mu mucyo no kwimakaza ubwizerane mu banyarwanda. Iyi kinamico ikaba yari imaze imyaka ine kuko yatangiye muri 2010 ihitisha ubutumwa bw'ubwiyunge.

**Kwakira ibitekerezo byatanzwe n'abaturage binyuze ku murongo wa telefoni utishyurwa**

Hashyizweho umurongo wa telefoni utishyurwa ufasha kwakira ibitekerezo by'abaturage ndetse bagahabwa umwanya mu gutambutsa ibitekerezo byabo ku biganiro bihita kuri Radio nk'ikiganiro Igorora ndetse n'ikinamico Isano bya NURC.

Kwakira ibitekerezo bivuye hirya no hino mu gihugu byatumye hanozwa neza ibiganiro bibategurirwa ndetse no gutegura ibiganiro byibanda cyane ku bitekerezo byatanzwe n'ababyumva kuri radio. Uretse gutanga ibitekerezo ku biganiro byabaga byahise, uku kumenya icyo abaturage batekereza kuri gahunda z'ubumwe n'ubwiyunge wanabaye umwanya mwiza wo gusuzuma neza gahunda ziba zateganijwe ko zaba zihuye neza n'ibyo abaturage bazitezeho. Uwo mu rongo ni: 1888

**Gukoresha imbuga nkoranyambaga (twitter, facebook na website ya NURC)**

Mu rwego rwo kurushaho kumenyekanisha ibikorwa binyuranye hakoreshejwe imbuga nkoranyambaga, Komisiyo ikoresha twitter na facebook hamwe n'urubuga rwayo rwa internet (www.nurc.gov.rw). Ibiganiro binyuranye birimo na gahunda ya Ndi Umunyarwanda, byose byanyuzwaga ku mbuga nkoranyambaga. Ibi bikaba byarafashije kumenyekanisha ibikorwa binyuranye bya NURC.

**Kumenyekanisha ibikorwa bya NURC binyuze mu binyamakuru**

Ibinyamakuru binyuranye na byo byarifashishijwe mu gutambutsa inkuru z'ibikorwa binyuranye bya Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge. Muri ibyo binyamakuru twavuga nk'ibikorera mu Rwanda byaba ibitangaza inkuru mu Kinyarwanda cyangwa mu ndimi z'amahanga, n'ibikorera mu karere u Rwanda ruherereyemo.

Uretse ibi kandi hari n'ibitangazamakuru mpuzamahanga byahitishaga ibijyanye n'intambwe u Rwanda rumaze kugeraho, muri ibyo bitangazamakuru mpuzamahanga twavuga nka televiziyo France 24, yo mu bufaransa, Aljazeera, Africa 24 n'abandi banyamakuru mpuzamahanga bagaragaje intambwe yatewe mu bumwe n'Ubwiyunge.

**Ikiganiro kubaza bitera kumenya kuri RTV**

Mu rwego rwo kurushaho gusobanura gahunda ya Ndi Umunyarwanda, no kuyimenyekanisha, icyo yaje gufasha abanyarwanda no kubaka ubunyarwanda, hateguwe ikiganiro 'kubaza bitera kumenya" cyabereye muri Telecom House cyahise kuri Radio na Televiziyo by'u Rwanda. Iki kiganiro cyatumye hasobanurwa byinshi kuri iyi gahunda ndetse n'umurongo wa telefoni wari ufunguye kubashakaga kubaza bose. Muri iki kiganiro kandi hakaba hari n'abanyamakuru batandukanye bari baje kumva neza iyi gahunda. Uku gusobanurira abanyamakuru iyi gahunda n'intego zayo bikaba byari bigamije guha urubuga abanyamakuru kubaza ibibazo kuko iyi gahunda yatangiye bigaragara ko hari abatarayumvaga neza.

**Ikiganiro n'abanyamakuru (Press conference) yabereye kuri Lemigo**

Hanateguwe ikiganiro n'abanyamakuru kikaba cyari kigamije gusobanura ibikorwa bya NURC muri rusange na gahunda ya Ndi Umunyarwanda by'umwihariko; babwiwe uko ibiganiro bigamije kuganira ku mateka no gushimangira ubunyarwanda biteye n'umusaruro witezwe muri iyi gahunda ya Ndi Umunyarwanda. Abanyamakuru barenga mirongo ine (40) bakorera ibitangazamakuru binyuranye nk'amaradiyo, televiziyo, ibinyamakuru ndetse n'imbuga za interineti bari bitabiriye ibi biganiro.

**Gukorana n'itsinda ry'itumanaho kuri gahunda ya Ndi Umunyarwanda**

Mu rwego rwo kurushaho guha imbaraga no kumvikanisha gahunda ya Ndi Umunyarwanda, hashyizweho itsinda ryihariye ryo gutangaza no kumenyekanisha gahunda ya Ndi Umunyarwanda, ryakoranaga umunsi ku munsi na Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge. Iri tsinda ry'abanyamakuru batatu bakaba barakoreraga mu biro by'urwego rw'umuvugizi wa Guverinoma, ariko rigakorana bya hafi cyane n'abagize itumanaho muri Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge. Ni muri urwo rwego, uretse gukoresha imbuga nkoranyambaga za NURC, uru rwego rwashyizeho urubuga rwa Internet, na facebook hamwe na Twitter byose byibandaga gusa kuri gahunda ya Ndi Umunyarwanda.

## 5.2 KUGARAGAZA ISURA NYAYO Y'UBUMWE N'UBWIYUNGE NO KWAMAGANA ICYAHEMBERA AMACAKUBIRI MU BANYARWANDA

Inshingano ya 6 yahawe Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge ni iyi ikurikira:
**Kugaragaza, kwamagana no kurwanya ibikorwa, inyandiko n'imvugo bigamije gukurura ivangura iryo ari ryo ryose ryakorwa cyangwa ryakorerwa umunyarwanda cyangwa umunyamahanga.**
Nubwo twishimira intambwe yatewe mu bumwe n'ubwiyunge bw'abanyarwanda, abahembera amacakubiri batifuriza u Rwanda amahoro baracyahari nubwo atari benshi, byumwihariko abasize bakoze jenoside yakorewe abatutsi mu 1994. Abenshi muri abo bahembera amacakubiri bibereye mu bihugu by'Amahanga, bakaba aribo baba bashaka guharabika intambwe imaze guterwa mu bumwe n'ubwiyunge bashaka gucamo ibice mu banyarwanda. Hari na bamwe mu banyapolitiki bahunze igihugu birirwa bavuga ku ma radio n'ibitangazamakuru bagamije gutanya abanyarwanda ku nyungu zabo bwite.

Gahunda nyinshi za Leta nka Gacaca, TIG, Ubudehe, Ubumwe n'Ubwiyunge, Ikigega agaciro, Ndi Umunyarwanda n'izindi gahunda, abatishimira intambwe u Rwanda rumaze kugeraho bagiye bazirwanya cyane. Byumwihariko gahunda ya Ndi Umunyarwanda abenshi muri abo bayivugaga uko itari, babeshya ko ari gahunda igamije kugarura amoko n'ibindi byinshi. Ibi ababivugaga bakoresheje ibitangazamakuru mpuzamahanga cyane cyane BBC gahuzamiryango.

**Kugaragaza isura nyayo y'Ubumwe n'Ubwiyunge hamaganirwa kure abahembera amacakubiri mu banyarwanda:**

Binyuze mu bitangazamakuru binyuranye harimo ibitangazamakuru byo mu Rwanda nka Radio na Televiziyo y'u Rwanda, radio zigenga (Radio10, contact FM,Radio Flash ,KFM,Isango star) ndeste n'ibitangaza makuru byo hanze harimo BBC Gahuzamiryango, France 24, n'ibindi bitangazamakuru binyuranye, Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge yagaragaje isura nyayo y'ubumwe n'ubwiyunge yamaganira kure abahembera amacakubiri. Kuri gahunda ya Ndi Umunyarwanda, Komisiyo yagaragaje ko iyi gahunda igamije gusasa inzobe mu banyarwanda, baganira ku mateka banyuzemo hagamijwe komorana ibikomere byatewe nayo mateka mabi u Rwanda rwanyuzemo mu biganiro byanyujijwe ku maradiyo na televiziyo.
Gahunda ya Ndi Umunyarwanda igitangira yahuye n'inzitizi kuko yasobanurwaga nabi kandi nkana n'abatifuriza u Rwanda ibyiza, Komisiyo ifatanyije n'izindi nzego yagaragaje umurongo iyi gahunda ifite, intego yayo n'umusaruro abanyarwanda bayitezeho. Uretse ibi biganiro byatangwaga bisobanura ibijyanye n'iyi gahunda, hanakoreshejwe uburyo bundi bw'itumanaho n'imbuga za internet n'imbuga-nkoranyambaga byose byafashije mu gusobanura iyi gahunda.

## IGICE CYA GATATU

### III.1 INGENGO Y'IMARI MU MWAKA WA 2013 - 2014

Muri rusange Komisiyo ikoresha ingengo y'imari igenerwa na Leta buri mwaka, haboneka inkunga nazo zikiyongeraho ziturutse mu baterankunga banyuranye baba biyemeje kugira uruhare muri zimwe muri porogaramu za Komisiyo ziba zateganyijwe.

Ni muri urwo rwego mu mwaka w'ingengo y'imari wa 2013-2014, Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge yari yemerewe ingengo y'imari iteye ku buryo bukurikira:

| No | Inkomoko y'Ingengo y'Imari | Ingengo y'Imari yemejwe |
|---|---|---|
| 1. | Ingengo y'Imari ya Leta | 638,180,403 |
| 2. | Inkunga yari iteganyijwe k'Umuryango w'Abibumbye (UNDP) | 252,177,706 |
| | **Ingengo y'Imari Yose Hamwe** | **890,358,109** |

### III.2 IMIKORESHEREZE Y'INGENGO Y'IMARI YAGENEWE KOMISIYO Y'IGIHUGU Y'UBUMWE N'UBWIYUNGE (NURC)

Imbonerahamwe ikurikira iragaragaza ko Komisiyo yashyikirijwe ingengo y'imari ingana na miliyoni Magana arindwi na mirongo itanu n'indwi n'ibihumbi magata atatu na mirongo itatu na bitatu n'amafaranga Magana atandatu na mirongo itandatu n'icyenda **(757,333,669Rwf)** muriyo agera kuri miliyoni Magana atandatu na makumyabiri n'icyenda n'ibihumbi Magana atandatu na cumi na bine n'amafaranga Magana atatu na mirongo inani n'atanu **(629,614,385 Rwf)** yashyikirijwe Komisiyo na Minisiteri y'Imari n'Igenamigambi (MINECOFIN); andi miliyoni ijana na makumyabiri n'idnwi n'ibihumbi Magana arindwi na cumi n'icyenda n'amafaranga Magana abiri na mirongo inani n'anane **(127,719,284Rwf)** agizwe n'inkunga Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge yahawe n'Umuryango w'Abibumbye ubinyujije mu Ishami ryawo rya UNDP.

Kubijyanye n'imikoreshereze y'aya mafaranga yinjiye muri Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge, agera kuri miliyoni Magana arindwi na mirongo ine n'imwe n'ibihumbi Mirongo icyenda na kimwe n'amafaranga Magana inani na mirongo irindwi n'atanu **(741,091,875 Rwf)** niyo yakoreshejwe hagati y'italiki ya 01 Nyakanga 2013 kugeza italiki ya 30 Kamena 2014.

Muri iki gihe kandi Komisiyo yasigaranye kuri Konti y'umushinga amafaranga agera kuri miliyoni cumi n'esheshatu n'ibihumbi Magana abiri na mirongo ine na kimwe n'amafaranga Magana arindwi na mirongo icyenda n'ane **(16,241,794Rwf).**

| **AMAFARANGA YASHYIKIRIJWE KOMISIYO (KUVA KUWA 01 NYAKANGA 2013 KUGEZA 30 KAMENA 2014** | **AMAFARANGA (Rwf)** |
|---|---|
| Amafaranga yashyikirijwe NURC avuye muri Minisiteri y'Imari n'Igenamigambi | 629,614,385 |
| Inkunga y'amafaranga yatanzwe n'Umuryango w'Abibumbye ubinyujije mu Ishami ryawo rya UNDP | 127,719,284 |
| **Ayakiriwe yose hamwe (A)** | **757,333,669** |
| **IMIKORESHEREZE Y'AMAFARANGA YASHYIKIRIJWE KOMISIYO** | |
| Imishahara y'Abakozi | 197,632,567 |
| Ibikoresho na Serivisi | 496,900,109 |
| Ayahawe Inzego Zirebwa n'Itegeko ry'Ingengo y'Imari | 46,559,199 |
| Ibikoresho biramba | 0 |
| **YOSE HAMWE (B)** | **741,091,875** |
| **AYASAGUTSE KUWA 30 KAMENA 2014 (A-B)** | **16,241,794** |

## IGICE CYA KANE

### VI. UMWANZURO

Muri uyu mwaka wa 2013-2014, hari hateganijwe ibikorwa by'ingenzi bikurikira:

- Kurwanya amacakubiri hakorwa ubukagurambaga ku bumwe n'ubwiyunge;
- Ibiganiro kuri Politiki n'inzira y'Ubumwe n'Ubwiyunge mu nzego za Leta;
- Kugenzura uko ubumwe n'ubwiyunge buhagaze mu bigo no gukora ubushakashatsi;
- Gukomeza ubufatanye n'abafatanyabikorwa mu kubaka ubumwe n'ubwiyunge;
- Kumenyakanisha ibikorwa by'ubumwe n'ubwiyunge.

Nk'uko bigaragara muri iyi raporo , gahunda zari ziteganijwe zashyizwe mu bikorwa mu buryo bushimishije ku kigereranyo cya 90%: gahunda yo kumenyekanisha ibikorwa kuri TVR mu buryo buhoraho no gutambutsa ubutumwa mu bihangano ntibyakozwe uko byari biteganijwe kubera ingengo y'imari idahagije.

By'umwihariko gahunda ya Ndi Umunyarwanda, ari nayo yahariwe umwanya munini mu bikorwa bya Komisiyo yagejejwe ku banyarwanda mu nzego zose no mu byiciro bitandukanye. Yahaye abanyarwanda bose urubuga rwo kuganira mu kuri no mu bwisanzure ku mateka banyuzemo n'ibikomere yabasigiye, hagamijwe kubaka ejo hazaza hatandukanye n'ahahise.

Iyi gahunda yabaye umuyoboro w'ubukangurambaga ku bumwe n'ubwiyunge, kubaka ubufatanye n'ubwuzuzanye hagati y'inzego zitandukanye, gusuzuma intambwe y'ubumwe n'ubwiyunge muri rusange no ku bantu ku giti cyabo, gusobanukirwa n'amateka, gusaba imbabazi no kuzitanga, komora ibikomere no kubaka icyizere n' icyerekezo gisangiwe.

Komisiyo ishingiye ku bikorwa yakoze n'ibyo yakurikiranye bijyanye n'inshingano ihabwa n'amategeko, isanga hari intambwe ishimishije yatewe mu bumwe n'ubwiyunge cyane cyane mu gushimangira ihame ry'ubunyarwanda (Rwandan Spirit) .

Nubwo bigaragara ko ubumwe n'ubwiyunge bumaze gutera intambwe ifatika mu banyarwanda, hari zimwe mu nzitizi zikigaragara. Muri izo twavuga:

- Ubumwe n'ubwiyunge ntibugaragara mu igenamigambi n'imihigo y'inzego zimwe na zimwe n'ubwo byagiye biganirwaho;
- Ibitekerezo bibangamira ubumwe n'ubwiyunge binyuzwa ku mbuga nkoranyambaga n'ibitangazamakuru bimwe na bimwe;
- Ingengo y'imari idahagije mu kuzuza inshingano za Komisiyo no gushyira mu bikorwa ingamba yiyemeje;
- Umubare w'Abakozi udahagije ugereranije n'uburemere bwa gahunda n'umusaruro abanyarwanda bayitegerejeho.

**Mu guhangana n'izi nzitizi, hazifashishwa ingamba zikurikira:**

- Gukomeza gushyira imbaraga muri gahunda ya "Ndi Umunyarwanda" mu nzego zose (inzego za Leta, amadini, amashuri, sosiyete civile,…) no kuyigeza ku banyarwanda bose bakayigira iyabo.
- Gukomeza gukora ubushakashatsi bugamije gusuzuma intambwe igenda iterwa mu bumwe n'ubwiyunge bw'abanyarwanda.
- Guhuza ibikorwa by'ubumwe n'ubwiyunge no gukomeza imikoranire ya Komisiyo n'abafatanyabikorwa batandukanye;
- Gukomeza gutegura imfashanyigisho kuri gahunda zitandukanye zo guteza imbere ubumwe n'ubwiyunge
- Gukomeza kumenyekanisha ibikorwa bifatika bigaragaraza intambwe imaze guterwa mu bumwe n'ubwiyunge
- Kurushaho gushyira imbaraga mu bukangurambaga mu banyarwanda bo muri Diaspora hasyirwaho ingamba zihariye zihoraho.

Komisiyo irashimira Leta y'u Rwanda kubera imiyoborere myiza ishimangira ubumwe n'ubwiyunge bw'Abanyarwanda ; irashimira kandi abantu bose bagize uruhare mu ishyirwa mu bikorwa rya gahunda y'ibikorwa bya Komisiyo cyane cyane gahunda ya "Ndi Umunyarwanda. By'umwihariko Komisiyo irashimira Umuryango Unity Club Intwararumuri, ku ruhare n'ubwitange bagize kugira ngo iyi gahunda igere ku banyarwanda. Komisiyo irashimira kandi abanyarwanda bose uko bakiriye iyi gahunda n'uko bakomeje kugenda bayigira iyabo.

Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge izakomeza guteza imbere umuco w'ibiganiro biha umwanya abanyarwanda kugirango baganire ku mateka yabo, izakomeza gukora ubushakashatsi hagamijwe gushyiraho ingamba zo guteza imbere ubumwe n'ubwiyunge bw'abanyarwanda n'ibindi bikorwa bigamije gukomeza kubaka imibanire myiza, icyizere n'iterambere rirambye.

Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge 2013-2014

## IGICE CYA GATANU

# V. IMIGEREKA

### 5.1 Abashyitsi basuye Komisiyo muri Nyakanga 2013-Kamena 2014

Abashyitsi basuye Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'ubwiyunge mu mwaka 2013-2014 bari bagamije kureba intambwe imaze guterwa mu nzira y'ubumwe n'ubwiyunge bw'abanyarwanda. Kureba intambwe u Rwanda rwateye mu bwiyunge mu myaka 20 nyuma ya jenoside yakorewe abatutsi mu Rwanda mu 1994 no kubaka ubufatanye na Komisiyo. Muri abo bashyitsi harimo kandi abanyeshuri baturutse hirya no hino ku isi bakora ubushakashatsi mu gukemura amakimbirane, abayobozi mu nzego zitandukanye, abanyamadini, abanyamakuru...

| Itariki | Amazina | Aho babarizwa | Ibyaganiriweho |
|---|---|---|---|
| **02/7/2013** | Gabriel Guot Gud na mugenzi we | Republic of South Sudan | Inzira y'ubwiyunge mu Rwanda n'ibikorwa ntangarugero by'ubumwe n'ubwiyunge |
| **11/7/2013** | Decher Albero | New York | Inzira y'ubumwe n'ubwiyunge mu Rwanda |
| **19/7/2013** | Elisabeth Szorad n'itsinda ry'abantu 15 baturutse mu bihugu icumi | United states | Ibikorwa bya NURC n'uburyo bwakoreshejwe mu kunga Abanyarwanda |
| **06/8/2013** | Graham Joves MP hamwe na bagenzi be umunani | United Kingdom | Intambwe u Rwanda rwateye mu bumwe n'ubwiyunge no kubabarira. |
| **16/8/2013** | Lee Jung-eun hamwe na bagenzi be batanu | COICA | Imibanire y'abanyarwanda cyane cyane abacitse ku icumu rya jenoside n'abayigizemo uruhare |
| **29/8/2013** | Susan Gitan na bagenzi be batanu | Kenya | Ibikorwa bya NURC n'ibyagezweho mu bumwe n'ubwiyunge. |
| **13/9/2013** | Sarahm Toe | Liberia | Uruhare rwa NURC mu kubaka igihugu. |
| **25/9/2013** | Ambasader Marc Vofelaan na Andre Nsengiyumva | Pays- Bas & Burundi | Ibikorwa n'imikorere ya NURC |
| **16/10/2013** | Pieter Dout na bagenzi be batatu | Nerlandese Embassy | Kuganira ku buryo NURC yakorana na Ambassade y'u Buholandi |
| **22/10/2013** | Lisa Hendey na bagenzi be babiri | Catholic News Agency | Aho ibikorwa bya Catholic Relief Service bihurira n'ubumwe n'ubwiyunge mu Rwanda. |
| **19/11/2013** | Mbalula Joseph Gwamuhany na bagenzi be batanu | Goma/RDC, Bujumbura, Bukavu | Kuganira na NURC no kuyitumira mu gikorwa kizahuza ibihugu bitatu |

| | | | |
|---|---|---|---|
| | | | (Rwanda, Burundi na RDC) mu busabane bugamije amahoro mu karere. |
| **10/1/2014** | Ananie BIZIMANA na bagenzi be bane | Université de Paix en Afrique | Ibisobanuro ku bikorwa bya NURC |
| **14/1/2014** | Marie K. Longharn n'abandi icumi yari ayoboye | USA, Africa | Amasomo ku bikorwa ntangarugero by'ubumwe n'ubwiyunge mu Rwanda |
| **20/1/2014** | Dr. Lala Bevarrah na Saidi Asenge Jean Marie | Republique Centrafricaine | Kwigira ku mikorere ya NURC |
| **21/1/2014** | Maina KIAI na bagenzi be batanu | UN Special Reporter/Nairobi Geneva Kigali | Kuganira ku nzitizi NURC ihura na zo muri gahunda zayo, n'ikibazo cy'indishyi ku barokotse jenoside no kwibuka. |
| **29/1/2014** | Hon. Isaac Terer-Speaker na Hon Jocpha Lowor Lodea | UASIN-GISHU Country Assembly Kenya | Kwigira ku Rwanda inzira y'ubumwe n'ubwiyunge. |
| **10/2/2014** | Roelof Hoveman naVasw Rudvigues | Netherlands Embassy | Ibikorwa NURC yakorana na Ambasade y'Abaholandi. |
| **1/4/2014** | Helen Haywood na bagenzi be batatu | U.K Parliament | Kuganira kuri gahunda zo "Kwibuka 20" |
| **29/4/2014** | Peace and Security EAC Secretariate four Members, hamwe na Udahemuka Aimable na Alex Mutamba | Arusha/ Tanzania MININTER, MINEAC/Rwanda | Kwigira ku Rwanda intambwe rumaze gutera mu myaka 20 nyuma ya jenoside yakorewe Abatutsi. |
| **21/5/2014** | Peter Vander Auweraert | International Organization for migration | Kuganira ku cyibazo cy'indishyi ku bacitse ku icumu rya jenoside yakorewe Abatutsi mu Rwanda. |
| **4/6/2014** | Amy Vedder na bagenzi be cumi na batatu | New York | Kwigira ku Rwanda intambwe rumaze gutera mu myaka 20 nyuma ya jenoside yakorewe Abatutsi. |
| **16/6/2014** | Abdulkadn Ahmed na bagenzi be batatu | Mogadishu, Somalia | Kwigira ku Rwanda intambwe rwateye mu kubanisha Abanyarwanda nyuma ya jenoside yakorewe Abatutsi. |
| **23/6/2014** | Dr Abdulrahman Alswailem na Dr Aguenilva Bieinye | Saudi Arabia | Kumenya aho u Rwanda rugeze rwiyubaka |
| **30/6/2014** | Dr. Emily Musil CHURCH n'abanyeshuri umunani | Universitu of Southern California | Ibikorwa bya NURC n'inzira y'ubumwe n'ubwiyunge. |

## 5.2 Ishyirahamwe "Imyumvire Myiza" ryahawe "Unity Award 2013"

### Iriburiro

Ishyirahamwe Imyumvire myiza rikora ibikorwa by'Ubumwe n'Ubwiyunge mu Karere ka Ngororero. Akarere ka Ngororeroko kagize umwihariko wa Jenoside yakorewe abatutsi kubera ko jenoside ariho yageragerejwe ikanashyirwa mu bikorwa (iyicwa ry'abatutsi muri Kibirira).
Ibi ahanini byatewe ni uko muri aka Karere uhasanga abari ku isonga mu gutegura no gushyira mu bikorwa umugambi mubisha wa Jenoside.
Muri aka karere uhasanga kandi inzibutso za Jenoside zifite amateka yihariye muri zo twavuga uruwibutso rwa Jenoside rwa Nyange, aho Abatutsi basenyeweho kiriziya, n'urundi rwibutso rwa Ngororero aho Abatutsi batwikiwe mu cyari ingoro ya MRND.
Nyuma y'aho jenoside ihagarikiwe, mu Karere ka Ngororero habereye intambara y'Abacengezi yahitanye benshi barimo n'abari babashije kurokoka jenoside yakorewe abatutsi.

Aya mateka yashegeshe imitima kandi aba inkomoko y'urwikekwen'ubwumvikane bucye hagati y'Abaturage. Ingengabitekerezo ya jenoside yari yose muri aka karere kuko abaturage bamwe bagenderaga ku bitekerezo bya bene wabo bari mu mashyamba no hanze y'igihugu.

Mu rwego rwo gukumira amakimbirane no kugarura ubumwe bw'abaturage, mu mwaka wa 2005 umupolisi witwa Runombe Dieudonne wakoreraga mu Karere ka Ngororero niwe wabaye intango y'iki gikorwa, yahuje ibyiciro bigize ishyirahamwe: Abantu barenga 15, ubu bakaba bageze 76 ( abagabo n'abagore), bagizwe :

- Abacitse ku icumu rya jenoside yakorewe abatutsi mu 1994;
- Abitandukanije n'abacengezi;
- Abavuye ku rugerero (inkeragutabara);
- Abakoze jenoside bireze bakemera icyaha, bakaba bararangije ibihano;
- Abaturage basanzwe batabarirwa muri ibi byiciro.

**Ibikorwa by'ishyirahamwe imyumvire myiza**

- Gukangurira abaturage gutanga ubuhamya muri gacaca no kuvugisha ukuri kubera ko hari
  habaye ''ceceka'' mu mu baturage;
- Gukangurira abaturage bangije imitungo mu gihe cya jenoside kuyishyura;
- Gukangurira abafungwa bakoze jenoside kwirega no kwemera icyaha; byakorwaga n'abari mu
  ishyirahamwe bireze bakemera ibyaha;
- Gukangurira imiryango yahunze n'abari muri FDLR gutahuka:
- Gusura imiryango ifitanye amakimbirane bakayihuza;
- Gutanga ibiganiro by'ubumwe n'ubwiyunge;
- Gukangurira abaturage kwibuka jenoside yakorewe abatutsi no kubafata mu mugongo;
- Kuremera abatishoboye: kububakira, kubaha ibikoresho byo mu rugo, kubaha amatungo;

magufi, kubatangira ubwisungane mu kwivuza, gutangira abana amafaranga y'ishuri, kubaha

- umuganda wihariye,…

Kubaka amashuri y'incuke: ibyumba bitatu,…Mu ishyirahamwe imyumvire myiza, abaturage babanye neza kandi basangiza ibyiza byabo abandi baturage ku buryo ubona ko ubumwe n'ubwiyunge bwashinze imizi. Ababonaga ko ubumwe n'ubwiyunge budashoboka, ubu nibo basangira kandi babanye neza. Hari abo imiryango yabo yishwe mu gihe cya jenoside bagasigara bonyine, ubu ababiciye akaba aribo basangira, bakabasigira abana igihe hari aho bagiye, bakanashyingirana. Abaturage babona ko kwibumbira hamwe ari byiza kubera iterambere n'imibanire myiza igaragara mw'ishyirahamwe, bakorera hamwe ibikorwa byo kwiteza imbere.

**5.3 Itangazory'umwiherero w' Abayobozi bakuru b' Amatorero n'Amadini bya Gikirisitu mu Rwanda , Musanze kuwa 11 Kamena 2014**

Twebwe Abayobozi bakuru b'Amatorero n'Amadini ya Gikiristo yo mu Rwanda, turi mu mwiherero i Musanze wo kuwa 8-11 Kamena 2014, Nyuma yo gusenga no gusesengura uruhare rw'Amatorero n'Amadi ya Gikirsto mu mateka y'u Rwanda n'ingaruka byagize kuri yo no ku gihugu zirimo Jenoside yakorewe Abatutsi muri Mata 1994,

Turashima Imana ku byiza byinshi Amatorero n'Amadini ya Gikiristo yagezeho birimo iyamamazabutumwa, kugira uruhare mu iterambere, kujijura abanyarwanda, n'ibindi.
Ariko kandi twasanze Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 mu gihugu cyakiriye ubukirisitu nk'u Rwanda ari amahano! Nubwo nta torero rya gikirisitu ryakwitirirwa Jenoside yakorewe abatutsi, ariko hari ibyo twinenga nk'Abayobozi b'Amatorero n'Amadini ya gikirisito.

Nubwo hagiye habaho ibikorwa by'Amatorero n'Amadini bya gikirisitu amwe namwe byo kugaya kwamagana no gusaba imbabazi kubwa Jenoside yakorewe Abatutsi, Itorero nk'umubiri wa Kristo ryari ritarahagarara hamwe ngo risuzume umwifato waryo mu mateka yaranze u Rwanda kugira ngo rifatire hamwe umwanzuro w'icyo rigiye gukora.

Abayobozi b'Amatorerero n'Amadini ya Gikristo turemera ko:

- Amatorero n'Amadini ya gikiristo yashishikajwe no guhindura abantu kuba abayoboke bayo, kuruta kubahindura abigishwa nyakuri ba Yesu Kristo, bituma baba abakirisito ku izina.
- Amatorero n'Amadini ya gikiristo yaracecetse, ntiyashobora gukumira no kwamagana ikibi ku mugaragaro.
- Amatorero n'Amadini ya gikiristo ntiyitaye ku kibazo cy'imibanire y'Abanyarwanda yaranzwe n'ivangura.
- Amatorero n'Amadini ya gikiristo yabuze ijwi ry'ubuhanuzi ku gihugu (prophetic voice).Muri urwo rwego:
- Turashimira bivuye ku mutima abayoboke n'abayobozi b'Amatorero n'amadini ya gikiristo bagendeye kure ubwicanyi bwa Jenoside, ndetse by'umwihariko abakoze ibikorwa by'indashyikirwa mu kurokora no gufasha Abatutsi bahigwaga, ndetse bamwe bakahasiga ubuzima bwabo. Abo tubafata nk'Intwari zo kwizera kandi tuzagira umwanya wo kubibuka by'umwihariko.
- Turagaya twivuye inyuma abakirisitu n'abayobozi b'Amatorero n'Amadini ya Gikristo bishoye muri Jenoside yakorewe Abatutsi, bagatukisha Imana n'Itorero. Ababa batarihana, tuzabashishikariza kwihana, gusaba imbabazi no guhinduka.
- Tubabajwe n'uko nk'Itorero tutitaye bihagije ku gukemura ingaruka zasizwe na Jenoside yakorewe Abatutsi, nko komora ibikomere byo ku mutima, guhangana n'ihungabana riri mu banyarwanda; kwita ku batishoboye cyane cyane abarokotse Jenoside yakorewe Abatutsi.
- Twamaganye ahaba hakiri bamwe mu bayobozi na bamwe mu bayoboke b'Amatorero n'Amadini bagikomeje gukoresha ivangura rishingiye ku moko n'uturere nk'iturufu yo kubona umwanya mu nzego z'ubuyobozi mu Itorero cyangwa kuzigumamo.

Nk'Abayobozi bakuru b'Amatorero n'Amadini ya gikirisitu yo mu Rwanda:

- Turasaba Imana imbabazi ko twatatiye umuhamagaro w'Itorero wo guhindura Abanyarwanda kuba abigishwa ba Yesu Krisitu, benshi muri bo bagahinduka abakirisitu ku izina.
- Turasaba imbabazi igihugu, by'umwihariko Abarokotse Jenoside yakorewe Abatutsi, kuba tutaramaganye bihagije ivanguramoko ryagiye rirandaranda mu mateka y'u Rwanda no mu matorero n'amadini bya gikirisitu kugeza ubwo habaho Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.
- Turasaba imbabazi Abanyarwanda muri rusange batatubonyemo icyizere n'umutima w'impuhwe bari badutezeho, igihe bari bugarijwe n'ubwicanyi bwa Jenoside yakorewe Abatutsi.
- Turasaba imbabazi Abarokotse Jenoside yakorewe Abatutsi n'abandi batishoboye kuko tutabitayeho bihagije ngo ibibazo byabo tubifate nk'ibyacu tubikuye ku mutima;
- Turasaba imbabazi Abayoboke b'Amatorero n'Amadini ya gikirisitu ku rugero rubi rwagiye rutangwa na bamwe mu bayobozi bagenzi bacu, bagize uruhare mu bikorwa bya politiki y'ivangura ry'amoko n'iry'uturere ku bw'inyungu zabo, bakagira n'uruhare muri Jenoside yakorewe Abatutsi.
- Turasaba imbabazi nk'Abayobozi b'Amatorero n'Amadini bya gikirisitu, aho twakoresheje ivangura ry'amoko nk'inzira yo kugera ku myanya y'ubuyobozi no kuyigumamo.
- Turasaba imbabazi Imana, abanyarwanda ndetse n'abakiristo kubw'ibindi byaha bitandukanye byakozwe na bamwe mu bayobozi n'abayoboke b'Amatorero n'Amadini ya Gikiristo mbere na nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi.
- Twebwe Abayobozi bakuru b'amatorero n'amadini ya gikirisitu yo mu Rwanda turemeza ko ibyiswe "Amoko" (Abahutu, Abatwa, Abatutsi) atari ikibazo, ahubwo ikibazo ni uburyo byakoreshwejwe ku bw'inyungu za bamwe.
- Twiyemeje guhinduka twebwe ubwacu, gutoza abayoboke b'amatorero n'amadini ya Gikristo tuyoboye kubana nk'Abana b'Imana mu nzego zose z'Itorero, nta rondabwoko, no kubaka igihugu kitazongera kurangwamo ivangura iryo ari ryo ryose.

Ni muri urwo rwego dufashe ingamba z'uburyo "Itorero rizakiza igihugu" zikurikira:

- Dushingiye ku ntege nke zaranze bamwe mu bayobozi n'abayoboke b'amatorero n'amadini ya gikiristo, twebwe abayobozi b'Amatorero n'Amadini ya gikiristo twiyemeje guhinduka bihereye ku muntu ku giti cye, Idini cyangwa Itorero ayoboye, guhindura imitekerereze n'imikorere no gufata iyambere mu guharanira no gukomeza kubaka ubumwe bw'abanyarwanda
- Gushyiraho uburyo bwo kubaka ubumwe bw'Itorero, tukagira ijwi rimwe ry'ubuhanuzi ku gihugu, tugashyigikirana.
- Gushyiraho gahunda ifatika yo kwihana no gusaba imbabazi kw'Abayobozi n'abayoboke b'Amatorero n'amadini ya gikiristo imbere y'Imana, abakrisitu n'abanyarwanda, ibyaha byakozwe n'abayobozi n'abayoboke b'Amatorero n'Amadini na bagenzi babo ku mu garagaro ku rwego rw'igihugu, mu turere no kugeza mu midugudu

- Gushyiraho Gahunda (program) ihuriweho n'Amatorero n'amadini ya gikiristo yo kweza no gukiza igihugu yashyigikira gahunda ya "Ndi Umunyarwanda".
- Gutegura integanyanyigisho n'imfashanyigisho (Modules) zo kubaka « Ubukristo » bukenewe mu gihugu cy'u Rwanda hakoreshejwe Ijambo ry'Imana (Bibiliya) byakunganira gahunda ya "Ndi Umunyarwanda".
- Gukora ubushakashatsi bwimbitse ku mateka, déclarations zakozwe zijyanye n'imyemerere, imihango yo kuramya ibigirwamana, imvugo, ibisakuzo n'imigani imigani bigenga imyifatire y'abanyarwanda, kugira ngo harandurwe ingaruka zibikomokaho.
- Gukumira no kurwanya ivangura ry'amoko n'irindi vangura iryo ari ryo ryose.
- Kwita no guha uruhare urubyiruko n'Abagore mu bikorwa byose bijyanye no gukiza igihugu, kubaka amahoro arambye, gutegura abayobozi, no gufata ibyemezo.
- Gushyiraho gahunda zihamye zo gufasha abatishoboye barokotse Jenoside yakorewe abatutsi n'abandi bababaye.
- Gushyiraho gahunda ihamye y'iteganyamigambi ry'igihe kirekire cy'aho itorero ryifuza kugana n'uburyo bwo gusuzuma ibyo tugezeho.

Itsinda ryateguye umwiherero ryasabwe gukomeza gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'imyanzuro w'uyu mwiherero.

Bikorewe i Musanze, kuwa 11/06/2014

NOTES

NOTES

NOTES